**Umwaka wa 61**
**Igazeti ya Leta n° Idasanzwe yo ku wa 28/10/2022**

**Year 61**
**Official Gazette n° Special of 28/10/2022**

**61ème Année**
**Journal Officiel n° Spécial du 28/10/2022**

## *Ibirimo/Summary/Sommaire* *page/urup.*

### *Itegeko /Law /Loi*

**Nº 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022**
Itegeko rishyiraho imisoro ku musaruro ..……………..…………………..………………..…...2

**Nº 027/2022 of 20/10/2022**
Law establishing taxes on income ..……………..……………………..……………..…........…2

**Nº 027/2022 du 20/10/2022**
Loi établissant les impôts sur le revenu..……………..……………………..……………..…....2

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO Nº 027/2022 RYO KU WA 20/10/2022 RISHYIRAHO IMISORO KU MUSARURO** | **LAW Nº 027/2022 OF 20/10/2022 ESTABLISHING TAXES ON INCOME** | **LOI Nº 027/2022 DU 20/10/2022 ÉTABLISSANT LES IMPÔTS SUR LE REVENU** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIERES** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**<br><br>**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**<br><br>**Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri tegeko**<br><br>**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**<br><br>**Ingingo ya 4: Aho umuntu atuye**<br><br>**Ingingo ya 5: Icyicaro gihoraho**<br><br>**Ingingo ya 6: Inkomoko y'umusaruro usoreshwa**<br><br>**Ingingo ya 7: Isubizwa ry'umusoro wishyuwe mu mahanga**<br><br>**Ingingo ya 8: Igihe cy'umusoro** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**<br><br>**Article One: Purpose of this Law**<br><br>**Article 2: Scope of this Law**<br><br>**Article 3: Definitions**<br><br>**Article 4: Residence**<br><br>**Article 5: Permanent establishment**<br><br>**Article 6: Source of taxable income**<br><br>**Article 7: Foreign tax credit refund**<br><br>**Article 8: Tax period** | **CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**<br><br>**Article premier: Objet de la présente loi**<br><br>**Article 2: Champ d'application de la présente loi**<br><br>**Article 3: Définitions**<br><br>**Article 4: Résidence**<br><br>**Article 5: Établissement stable**<br><br>**Article 6: Source de revenu imposable**<br><br>**Article 7: Remboursement du crédit d'impôt étranger**<br><br>**Article 8: Période imposable** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 9: Imenyekanisha ry'umusoro** | **Article 9: Tax declaration** | **Article 9: Déclaration d'impôt** |
| **Ingingo ya 10: Kubara no kwishyura umusoro** | **Article 10: Computation and payment of income tax** | **Article 10: Calcul et paiement de l'impôt sur le revenu** |
| **UMUTWE WA II: UMUSORO KU MUSARURO W'UMUNTU KU GITI CYE** | **CHAPTER II: PERSONAL INCOME TAX** | **CHAPITRE II: IMPÔT SUR LE REVENU D'UNE PERSONNE PHYSIQUE** |
| **Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange zerekeye umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye** | **Section One: General provisions for personal income tax** | **Section première: Dispositions générales pour l'impôt sur le revenu d'une personne physique** |
| **Ingingo ya 11: Ishingiro ry'umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye** | **Article 11: Base of personal income tax** | **Article 11: Base de l'impôt sur le revenu d'une personne physique** |
| **Ingingo ya 12: Inshingano z'urebwa n'umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye** | **Article 12: Obligations of the taxpayer in regard to personal income tax** | **Article 12: Obligations du contribuable en rapport avec l'impôt sur le revenu de la personne physique** |
| **Ingingo ya 13: Inkomoko *y*'umusaruro w'umuntu ku giti cye usoreshwa** | **Article 13: Source of individual taxable income** | **Article 13: Source du revenu personnel imposable** |
| **Ingingo ya 14: Igipimo cy'umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye** | **Article 14: Rate for personal income tax** | **Article 14: Taux d'imposition de l'impôt sur le revenu de la personne physique** |
| **Icyiciro cya 2: Umusaruro ukomoka ku murimo** | **Section 2: Employment income** | **Section 2: Revenu d'emploi** |
| **Ingingo ya 15: Ibigize umusaruro ukomoka ku murimo** | **Article 15: Components of employment income** | **Article 15: Composantes du revenu d'emploi** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 16: Ibisonewe umusoro ku musaruro ukomoka ku murimo** | **Article 16: Payments exempted from employment income tax** | **Article 16: Paiements exonérés de l'impôt sur le revenu d'emploi** |
| **Ingingo ya 17: Abasonewe umusoro ku musaruro ukomoka ku murimo** | **Article 17: Persons exempted from employment income tax** | **Article 17: Personnes exonérées de l'impôt sur le revenu d'emploi** |
| **Ingingo ya 18: Umusaruro utangwa mu bintu** | **Article 18: Benefits in kind** | **Article 18: Avantages en nature** |
| **Icyiciro cya 3: Inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi** | **Section 3: Business profits** | **Section 3: Bénéfices d'affaires** |
| **Ingingo ya 19: Ibarwa ry'inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi** | **Article 19: Computation of business profits** | **Article 19: Calcul des bénéfices d'affaires** |
| **Ingingo ya 20: Isonerwa ry'umusoro ku musaruro ukomoka ku bwizigame mu bigega by'ishoramari by'abishyize hamwe n'imigabane y'abakozi mu isosiyete bakoramo** | **Article 20: Tax exemption for income accrued from savings in a collective investment scheme and employees' shares within a company** | **Article 20: Exonération d'impôt sur le revenu résultant d'épargne dans les fonds d'investissement collectif et d'actions des employés au sein d'une société** |
| **Ingingo ya 21: Isonerwa ry'umusoro ku musaruro ukomoka ku bikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi** | **Article 21: Tax exemption for profit on agricultural and livestock activities** | **Article 21: Exonération d'impôt sur le revenu obtenu sur des activités agricoles et d'élevage** |
| **Ingingo ya 22: Inyungu zikomoka ku mutungo uri mu mafaranga y'amahanga** | **Article 22: Profit on assets in foreign currency** | **Article 22: Bénéfices sur les avoirs en devises** |
| **Ingingo ya 23: Ibarwa ry'inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi bigengwa n'amasezerano y'igihe kirekire** | **Article 23: Computation of profits of a business bound by long-term contract** | **Article 23: Calcul des bénéfices d'affaires liées par un contrat à long terme** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 24: Ibikurikizwa mu kugena ibikurwa mu musaruro usoreshwa** | **Article 24: Conditions for deductions from taxable income** | **Article 24: Conditions de déductions des revenus imposables** |
| **Ingingo ya 25: Ibidakurwa mu musaruro usoreshwa** | **Article 25: Non-deductible expenses from taxable income** | **Article 25: Dépenses non déductibles du revenu imposable** |
| **Ingingo ya 26: Agaciro k'ibicuruzwa biri mu bubiko n'imirimo igikorwa** | **Article 26: Trading stock value and work-in progress** | **Article 26: Valeur du stock pour le commerce et des travaux en cours** |
| **Ingingo ya 27: Ubwicungure** | **Article 27: Depreciation** | **Article 27: Amortissement** |
| **Ingingo ya 28: Agaciro fatizo k'ubwicungure** | **Article 28: Depreciation basis** | **Article 28: Base d'amortissement** |
| **Ingingo ya 29: Ibitangwa ku mahugurwa no ku bushakashatsi n'iterambere** | **Article 29: Training, research and development expenses** | **Article 29: Dépenses de formation, de recherche et développement** |
| **Ingingo ya 30: Umwenda utizewe kwishyurwa** | **Article 30: Bad debts** | **Article 30: Créances irrécouvrables** |
| **Ingingo ya 31: Iyimuragihombo** | **Article 31: Loss carried forward** | **Article 31: Report des pertes** |
| **Ingingo ya 32: Ihererekanya ry'ibiciro hagati y'abantu bafitanye isano** | **Article 32: Transfer pricing between related persons** | **Article 32: Prix de transfert entre les personnes liées** |
| **Ingingo ya 33: Umusoro wishyurwa mbere buri gihembwe** | **Article 33: Quarterly prepayment** | **Article 33: Acomptes trimestriels** |
| **Icyiciro cya 4: Umusaruro ukomoka ku ishoramari** | **Section 4: Investment income** | **Section 4: Revenu des investissements** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 34: Ibigize umusaruro ukomoka ku ishoramari** | **Article 34: Components of investment income** | **Article 34: Composantes du revenu des investissements** |
| **Ingingo ya 35: Umusoro ku gaciro kiyongereye** | **Article 35: Capital gain tax** | **Article 35: Impôt sur la plus-value** |
| **Ingingo ya 36: Igipimo cy'umusoro ku gaciro kiyongereye**<br>. | **Article 36:Tax rate on capital gain** | **Article 36: Taux d'impôt sur la plus-value** |
| **Ingingo ya 37: Ifatira n'imenyekanisha ry'umusoro ku gaciro kiyongereye** | **Article 37: Withholding and declaration of capital gain tax** | **Article 37: Retenue et déclaration de l'impôt sur la plus-value** |
| **Ingingo ya 38: Isonerwa ry'umusoro ku gaciro kiyongereye** | **Article 38: Exemption from capital gain tax** | **Article 38: Exonération de l'impôt sur la plus-value** |
| **Ingingo ya 39: Inyungu zo mu rwego rw'imari** | **Article 39: Financial income** | **Article 39: Revenu financier** |
| **Ingingo ya 40: Inyungu ku migabane** | **Article 40: Dividend income** | **Article 40: Revenu sous forme de dividendes** |
| **Ingingo ya 41: Umusaruro ukomoka ku mutungo bwite mu by'ubwenge** | **Article 41: Royalty income** | **Article 41: Revenu sous forme de redevances** |
| **Ingingo ya 42: Isoresha ry'inyungu zikomoka ku bukode** | **Article 42: Taxation of rental income** | **Article 42: Imposition du revenu locatif** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA III:</u> UMUSORO KU NYUNGU Z'AMASOSIYETE** | **<u>CHAPTER III:</u> CORPORATE INCOME TAX** | **<u>CHAPITRE III:</u> IMPÔT SUR LES BÉNÉFICES DES SOCIÉTÉS** |
| **<u>Icyiciro cya mbere:</u> Ingingo rusange zerekeye umusoro ku nyungu z'amasosiyete** | **<u>Section one:</u> General provisions for corporate income tax** | **<u>Section première:</u> Dispositions générales pour l'impôt sur les bénéfices des sociétés** |
| **<u>Ingingo ya 43</u>: Ishingiro ry'umusoro ku nyungu z'amasosiyete** | **<u>Article 43</u>: Base for corporate income tax** | **<u>Article 43</u>: Assiette de l'impôt sur les bénéfices des sociétés** |
| **<u>Ingingo ya 44</u>: Abasora umusoro ku nyungu z'amasosiyete** | **<u>Article 44</u>: Taxpayers of corporate income tax** | **<u>Article 44</u>: Contribuables de l'impôt sur les bénéfices des sociétés** |
| **<u>Ingingo ya 45</u>: Abasonewe umusoro ku nyungu z'amasosiyete** | **<u>Article 45</u>: Persons exempted from corporate income tax** | **<u>Article 45</u>: Personnes exonérées de l'impôt sur les bénéfices des sociétés** |
| **<u>Ingingo ya 46:</u> Ibigo bitanga umusoro ku nyungu z'amasosiyete ku gipimo cya *zero*** | **<u>Article 46:</u> Zero-rated entities** | **<u>Article 46:</u> Entités imposées au taux zéro**. |
| **<u>Ingingo ya 47</u>: Ibigo birebwa n'inshingano yo kwishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete** | **<u>Article 47</u>: Entities liable to corporate income tax** | **<u>Article 47</u>: Entités visées par l'obligation fiscale sur les bénéfices des sociétés** |
| **<u>Ingingo ya 48</u>: Igipimo cy'umusoro ku nyungu z'amasosiyete** | **<u>Article 48</u>: Corporate income tax rate** | **<u>Article 48</u>: Taux d'imposition sur les bénéfices des sociétés** |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Inyungu z'amasosiyete** | **<u>Section 2</u>: Corporate income** | **<u>Section 2</u>: Bénéfices des sociétés** |
| **<u>Ingingo ya 49</u>: Isoresha ry'inyungu z'amasosiyete** | **<u>Article 49</u>: Corporate income taxation** | **<u>Article 49</u>: Imposition des bénéfices des sociétés** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 50: Isoresha ry'inyungu z'amasosiyete akora ubucuruzi bw'imikino y'amahirwe** | **Article 50: Taxation of income for companies carrying out gaming activities** | **Article 50 : Imposition des bénéfices des sociétés exerçant des activités de jeux de hasard** |
| **Ingingo ya 51: Isoresha ry'umusaruro ukomoka ku bukode bw'umutungo wimukanwa n'utimukanwa** | **Article 51: Taxation of income from rent of movable and immovable assets** | **Article 51: Imposition du revenu provenant de la location des biens meubles et immeubles** |
| **Ingingo ya 52: Isoresha ry'inyungu zikomoka ku bufatanye mu bucuruzi** | **Article 52: Taxation of income from Partnerships** | **Article 52: Imposition des revenus tirés des sociétés de personnes** |
| **Ingingo ya 53: Ivugururwa ry'ibigo by'ubucuruzi** | **Article 53: Restructuring of Business entities** | **Article 53: Restructuration des entités commerciales** |
| **Ingingo ya 54: Isoreshwa ry'ibigo by'ubucuruzi byavuguruwe** | **Article 54: Taxation of restructured Business entities** | **Article 54: Imposition des entités commerciales restructurées** |
| **Ingingo ya 55: Isoresha mu gihe cy'iseswa ry'ikigo cy'ubucuruzi** | **Article 55: Taxation in case of liquidation of a Business entity** | **Article 55: Imposition en cas de liquidation d'une entité commerciale** |
| **UMUTWE WA IV: IMISORO IFATIRWA** | **CHAPTER IV: WITHHOLDING TAXES** | **CHAPITRE IV: IMPÔTS RETENUS À LA SOURCE** |
| **Ingingo ya 56: Umusoro ufatirwa ku musaruro ukomoka ku murimo** | **Article 56: Withholding tax on employment income** | **Article 56: Impôt retenu à la source sur le revenu de l'emploi** |
| **Ingingo ya 57: Abafite inshingano yo gufatira no kwishyura umusoro ku musaruro ukomoka ku murimo** | **Article 57: Persons responsible for withholding and payment of tax on employment income** | **Article 57: Personnes responsables de pratiquer la retenue à la source de l'impôt sur le revenu de l'emploi** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 58:</u> Igihe umukozi amenyekanisha akaniyishyurira umusoro ku musaruro ukomoka ku murimo** | **<u>Article 58:</u> Time period over which the declaration and payment of the tax on employment income are made by the employee** | **<u>Article 58:</u> Période de déclaration et de paiement de l'impôt sur le revenu d'emploi par l'employé** |
| **<u>Ingingo ya 59:</u> Umusoro ufatirwa ku mafaranga agenerwa ugize Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 59:</u> Withholding tax on allowance to a Board member** | **<u>Article 59:</u> Impôt sur les jetons de présence d'un membre du conseil d'administration** |
| **<u>Ingingo ya 60</u>: Umusoro ufatirwa ku bwishyu** | **<u>Article 60</u>: Withholding tax on payments** | **<u>Article 60</u>: Impôt retenu à la source sur les paiements** |
| **<u>Ingingo ya 61</u>: Umusoro ufatirwa ku gihembo cyatsindiwe mu bikorwa by'imikino y'amahirwe** | **<u>Article 61:</u> Withholding tax on winnings on gaming activities** | **<u>Article 61</u> : Retenue à la source sur les gains des activités de jeu de hasard** |
| **<u>Ingingo ya 62</u> : Umusoro ufatirwa ku bintu byatumijwe mu mahanga bigenewe gucuruzwa** | **<u>Article 62</u>: Withholding tax on goods imported for commercial use** | **<u>Article 62</u>: Impôt retenu à la source sur des importations des biens à usage commercial** |
| **<u>Ingingo ya 63</u>: Umusoro ufatirwa ku masoko ya Leta** | **<u>Article 63</u>: Withholding tax on public tenders** | **<u>Article 63:</u> Impôt retenu à la source opéré sur les marchés publics** |
| **<u>Ingingo ya 64:</u> Igihe cyo kumenyekanisha imisoro ifatirwa** | **<u>Article 64</u>: Time for declaration of withholding taxes** | **<u>Article 64</u>: Délai de la déclaration des impôts retenus à la source** |
| **<u>Ingingo ya 65</u>: Abasonewe imisoro ifatirwa** | **<u>Article 65</u>: Persons exempted from withholding taxes** | **<u>Article 65</u>: Personnes exonérées d'impôts retenus à la source** |
| **<u>Ingingo ya 66</u>: Ingaruka yo kudafatira umusoro ufatirwa** | **<u>Article 66</u>: Consequence for failure to withhold tax** | **<u>Article 66</u>: Effets de défaut de retenir l'impôt** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 67: Inyandiko z'amafaranga yishyuwe hamwe n'umusoro wafatiriwe** | **Article 67: Records of payments and tax withheld** | **Article 67: Pièces justificatives des paiements et de l'impôt retenu** |
| **UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 68: Ubwumvikane bugamije gutubya umusoro n'ibikurikizwa mu kubukumira** | **Article 68: Anti-abuse rules on avoidance arrangements** | **Article 68 : Règles anti-abus sur les dispositifs d'évitement** |
| **Ingingo ya 69: Kugabanya cyangwa gukuraho umusoro mu rwego rw'ishoramari** | **Article 69: Tax reduction or exemption for investment** | **Article 69: Réduction ou exonération de l'impôt pour l'investissement** |
| **Ingingo ya 70: Amateka asanzwe akurikizwa** | **Article 70: Orders in force** | **Article 70: Arrêtés en vigueur** |
| **Ingingo ya 71: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 71: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 71: Initiation, examen et adoption de la présente loi**. |
| **Ingingo ya 72: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 72: Repealing provision** | **Article 72: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 73: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 73: Commencement** | **Article 73: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO Nº 027/2022 RYO KU WA 20/10/2022 RISHYIRAHO IMISORO KU MUSARURO** | **LAW Nº 027/2022 OF 20/10/2022 ESTABLISHING TAXES ON INCOME** | **LOI Nº 027/2022 DU 20/10/2022 ÉTABLISSANT LES IMPÔTS SUR LE REVENU** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République; |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA** | **THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA** | **LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA** |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:** | **THE PARLIAMENT:** | **LE PARLEMENT:** |
| Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 15 Nzeri 2022; | The Chamber of Deputies, in its sitting of 15 September 2022; | La Chambre des Députés, en sa séance du 15 septembre 2022; |
| Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 122, iya 164 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 122, 164 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 122, 164 et 176; |
| Isubiye ku Itegeko n° 016/2018 ryo ku wa 13/04/2018 rishyiraho imisoro ku musaruro | Having Reviewed Law nº 016/2018 of 13/04/2018 establishing taxes on income; | Revu la Loi nº 016/2018 du 13/04/2018 établissant les impôts sur le revenu; |

| | | |
|---|---|---|
| Isubiye ku Itegeko nº 29/2012 ryo ku wa 27/07/2012 rigena umusoro ku mikino y'amahirwe; | Having reviewed Law nº 29/2012 of 27/07/2012 establishing tax on gaming activities; | Revu la Loi nº 29/2012 du 27/07/2012 régissant la taxe sur les jeux de hasard; |
| **YEMEJE:** | **ADOPTS:** | **ADOPTE:** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** | **CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije** | **Article One: Purpose of this Law** | **Article premier: Objet de la présente loi** |
| Iri tegeko rishyiraho imisoro ku musaruro. | This Law establishes taxes on income. | La présente loi établit les impôts sur le revenu. |
| **Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri tegeko** | **Article 2: Scope of this Law** | **Article 2: Champ d'application de la présente loi** |
| Iri tegeko rireba imisoro ku musaruro ikurikira: | This law relates to the following taxes on income: | La présente loi établit les impôts sur le revenu suivant: |
| 1° umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye; | 1° personal income tax; | 1° l'impôt sur le revenu des personnes physiques; |
| 2° umusoro ku nyungu z'amasosiyete; | 2° corporate income tax; | 2° l'impôt sur les bénéfices des sociétés; |
| 3° umusoro ufatirwa; | 3° withholding tax; | 3° l'impôt retenu à la source; |
| 4° umusoro ku gaciro kiyongereye; | 4° capital gain tax; | 4° l'impôt sur la plus-value; |
| 5° umusoro ku mikino y'amahirwe. | 5° tax on gaming activities. | 5° la taxe sur les jeux de hasard. |

| Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo | Article 3: Definitions | Article 3: Définitions |
|---|---|---|
| Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira: | In this Law, the following terms have the following meanings: | Dans la présente loi, les termes suivants ont les significations suivantes: |
| 1° **abantu bafitanye isano:** umuntu uwo ari we wese ukora cyangwa ushobora gukora akurikije amabwiriza, ibitekerezo cyangwa ibyifuzo by'undi muntu igihe ayo mabwiriza, ibyo bitekerezo cyangwa ibyo byifuzo byamugejejweho cyangwa bitamugejejweho. By'umwihariko, abantu bakurikira bafatwa nk'abantu bafitanye isano: | 1° **related persons:** any person who acts or is likely to act in accordance with the directives, opinion or wishes of another person when such directives, opinion or wishes are communicated or not communicated to them. In particular, the following persons are regarded as related persons: | 1° **personnes liées:** toute personne qui agit ou est susceptible d'agir selon les directives, avis ou souhaits d'une autre personne lorsque ces directives, avis ou souhaits lui sont exprimés ou non. En particulier les personnes suivantes sont considérées comme les personnes liées: |
| a. umuntu ku giti cye hamwe n'uwo bashakanye n'abo bakomokaho ku buryo butaziguye cyangwa ababakomokaho ku buryo butaziguye n'abafitanye isano na bo ku buryo buziguye kugeza nibura ku gisanira cya 3; | a. an individual and his or her spouse and their direct lineal ascendants or direct lineal descendants and their relatives in the collateral lineage until at least the 3rd degree; | a. une personne physique et son conjoint et leurs ascendants en ligne direct ou leurs descendants en ligne direct et leurs parents en ligne collatérale jusqu'au 3ème degré au moins; |
| b. umuntu ugira uruhare rutaziguye cyangwa ruziguye mu micungire, ubugenzuzi, cyangwa igishoro by'undi muntu; | b. a person who participates directly or indirectly in the management, control or capital of another person; | b. l'une des personnes qui participe directement ou indirectement dans la gestion, contrôle ou capital d'une autre personne; |
| c. undi muntu ugira uruhare ku buryo butaziguye cyangwa buziguye mu micungire, ubugenzuzi | c. third person who participates directly or indirectly in the management, control or capital or both control and | c. une tierce personne qui participe directement ou indirectement dans la gestion, contrôle ou capital ou les |

| | | |
|---|---|---|
| cyangwa igishoro cyangwa byombi by'undi; | capital of another person; | deux d'une autre personne; |
| d. abo bantu bavugwa mu gace ka a., b. na c. bagira uruhare ku buryo butaziguye cyangwa buziguye mu micungire, ubugenzuzi cyangwa igishoro by'ikigo; | d. such persons referred to under sub items a., b. and c. who participate directly or indirectly in the management, control or capital of an enterprise; | d. de telles personnes visées aux sous-points a., b. et c. qui participent directement ou indirectement dans la gestion, contrôle ou capital d'une entreprise; |
| e. umuntu ugenzuranwa n'undi muntu mu buryo buziguye cyagwa butaziguye. | e. a person who is under direct or indirect common control with another person. | e. une personne qui est sous contrôle commun direct ou indirect avec une autre personne. |
| 2° **amasezerano y'igihe kirekire:** amasezerano arengeje igihe cy'amezi cumi n'abiri (12) uhereye ku itariki akazi kajyanye na yo katangiriyeho, yo gukora, gushyiraho, kubaka, cyangwa gukora imirimo ifitanye isano na kimwe muri ibyo bikorwa atarangiye mu gihe cy'umusoro akazi kajyanye n'ayo masezerano katangiyemo; | 2° **long term contract:** a contract of more than twelve (12) months from the date on which work under the contract commenced, for manufacture, installation or construction, or for the performance of related services, which is not completed in the tax period in which work under the contract commenced; | 2° **contrat à long terme:** contrat de fabrication, d'installation ou de construction ou de prestations de services relatifs à ces activités, qui n'est pas terminé au cours de la période imposable durant laquelle il a commencé, à l'exclusion des contrats dont l'achèvement est prévu endéans douze (12) mois qui suivent leur commencement; |
| 3° **fondasiyo y'inyungu zisangiwe:** fondasiyo igenewe gusa ibikorwa bigamije inyungu zisangiwe hakurikijwe inyandiko yayishinze cyangwa iyishyiraho; | 3° **common-benefit foundation:** a foundation whose activity serves exclusively common benefit purposes in accordance with the charter or declaration of its establishment; | 3° **fondation d'utilité commune:** une fondation dont l'activité sert exclusivement à des fins d'intérêt commun conformément à la charte ou à la déclaration de sa mise en place; |
| 4° **igihembo cyatsindiwe:** amafaranga ayo ari yo yose, igicuruzwa, umutungo, | 4° **winnings:** any money, merchandise, property, a cheque, credit, electronic credit | 4° **gains:** toute somme d'argent, marchandise, bien, chèque, crédit, crédit |

| | | |
|---|---|---|
| sheki, igurizwa, igurizwa ku buryo bwa elegitoronike bwakiriwe, ideni, ikimenyetso cy'agaciro, itike cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose kirengeje agaciro kanditse cyakiriwe n'umukinnyi bitewe n'ubuhanga bwe cyangwa ubw'ukoresha, ikoresha ry'amahirwe cyangwa byombi; | collected, a debit, a token, a ticket or anything else of more than nominal value received by a player whether as a result of the skill of the player or operator, the application of the element of chance and or both; | électronique, débit, jeton, ticket ou toute autre chose d'une valeur nominale reçue par un joueur que ce soit en vertu des qualités du joueur ou de l'opérateur, de l'application de l'élément de chance ou les deux à la fois; |
| 5° **igikorwa cy'ubucuruzi giciriritse:** igikorwa cy'ubucuruzi kibyara amafaranga y'ibyacurujwe ari hagati y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni cumi n'ebyiri n'ifaranga rimwe (12.000.001 FRW) na miliyoni makumyabiri (20.000.000 FRW) kuri buri gihe cy'umusoro; | 5° **small business:** a business activity which results into a turnover ranging between twelve million and one Rwandan francs (FRW 12,000,001) and twenty million Rwandan francs (FRW 20,000,000) per each tax period; | 5° **petite entreprise:** une activité commerciale dont le chiffre d'affaires est compris entre douze millions et un francs rwandais (12.000.001 FRW) et vingt millions de francs rwandais (20.000.000 FRW) par chaque période imposable; |
| 6° **igikorwa cy'ubucuruzi gito:** igikorwa cy'ubucuruzi kibyara amafaranga y'ibyacurujwe angana cyangwa ari munsi y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni cumi n'ebyiri (12.000.000 FRW) kuri buri gihe cy'umusoro; | 6° **micro-enterprise:** a business activity which results into a turnover equal to or of less than twelve million Rwandan francs (FRW 12,000,000) per each tax period; | 6° **micro entreprise:** une activité commerciale dont le chiffre d'affaires est égal ou inférieur à douze millions de francs rwandais (12.000.000 FRW) par chaque période imposable; |
| 7° **igikorwa kigenzurwa:** igikorwa icyo ari cyo cyose gikozwe hagati y'abantu bafitanye isano cyangwa igikorwa icyo ari cyo cyose gifatwa ko kigenzurwa gikozwe hagati y'abantu badafitanye isano, umwe muri bo atuye mu gihugu cyangwa agace k'igihugu ubuyobozi | 7° **controlled transaction:** any transaction carried out between related persons or any transaction deemed to be controlled which is conducted between independent persons, one of them being a resident person of a country or a place in the country considered by the tax administration as | 7° **transaction contrôlée:** toute transaction effectuée entre les personnes liées ou toute transaction considérée comme contrôlée qui est effectuée entre des personnes indépendantes, l'une d'entre elles étant une personne résidente d'un pays |

| | | |
|---|---|---|
| bw'imisoro bufata nk'aho bitanga amahirwe yo kudasora cyangwa gusora umusoro muto; | beneficial tax regime; | ou d'un lieu dans le pays considéré par l'administration fiscale comme régime d'imposition avantageux; |
| 8° **ihame ry'ihiganwa risesuye:** ihame riteganya ko ibisabwa ku gikorwa kigenzurwa bidatandukana n'ibyasabwa ku gikorwa kitagenzurwa iyo byakozwe mu bihe bimwe no mu buryo bumwe; | 8° **arm's length principle:** a principle according to which the conditions of a controlled transaction do not differ from the conditions that would have been applied to comparable uncontrolled transactions carried out under comparable circumstances; | 8° **principe de pleine concurrence:** principe selon lequel les conditions de la transaction contrôlée ne diffèrent pas de celles qui auraient été appliquées aux transactions comparables non contrôlées effectuées dans des circonstances comparables; |
| 9° **ihererekanya ry'ibiciro:** imikoranire hagati y'abantu bafitanye isano cyangwa badafitanye isano bakora ibikorwa bigenzurwa baba batuye mu Rwanda cyangwa mu mahanga harimo no gushyiraho ibiciro by'ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa imari; | 9° **transfer pricing:** conditions including the prices of commercial or financial transactions between related persons or independent persons who carry out controlled transactions whether residing in Rwanda or abroad; | 9° **prix de transfert:** conditions y compris les prix des transactions commerciales ou financières entre les personnes liées ou personnes indépendantes effectuant les transactions contrôlées résidant au Rwanda ou à l'étranger; |
| 10° **ikigega cya pansiyo cyemewe:** ikigega cyose, uretse Urwego rwa Leta rufite ubwiteganyirize mu nshingano, cyujuje ibi bikurikira: | 10° **qualified pension fund:** any fund except the public institution in charge of social security which fulfils the following conditions: | 10° **fonds de pension qualifié:** tout fonds à l'exception de l'institution publique ayant la sécurité sociale dans ses attributions remplissant les conditions suivantes: |
| a. ikigega cyashyizweho hakurikijwe amategeko y'u Rwanda; | a. the fund is established according to Rwandan laws; | a. le fonds est constitué conformément à la législation rwandaise; |
| b. ikigega gifite ubuyobozi bwemewe mu Rwanda igihe icyo ari cyo cyose | b. the fund has effective management in Rwanda at any | b. le fonds a la direction effective au Rwanda pendant toute la |

| | | |
|---|---|---|
| mu gihe cy'umusoro; | time during the tax period; | période imposable concernée; |
| c. ikigega gikora hagamijwe guteganyiriza pansiyo ku bantu batuye mu Gihugu cyangwa mu mahanga; | c. the fund operates for the purpose of providing pension payments to residents in the country or abroad; | c. le fonds opère afin de collecter les frais de pensions pour les résidents dans le pays ou à l'étranger; |
| 11° **ikigo cy'imari cyo mu mahanga :** banki, ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa, ikigo kiguriza kitakira amafaranga ya rubanda, ikigo gikora imirimo y'ikodesha-gurisha, ikigo cy'ubwishingizi, ikigo cy'ubwiteganyirize bw'abakozi, ikigega cy'ubwiteganyirize n'ikindi kigo cyose gitanga serivisi z'imari gikorera mu mahanga kandi kigatanga inguzanyo kuri banki cyangwa ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa byo mu Rwanda kikishyurwa inyungu ikomoka ku nguzanyo; | 11° **foreign financial institution:** bank**,** deposit-taking Microfinance institution**,** non-deposit-taking lending institution, leasing entity, insurance entity, social security entity, pension fund or any other foreign entity that carries out financial activities and provides loans to resident banks or deposit-taking Microfinance institutions and receives interest on loans. | 11° **institution financière étrangère:** banque, institution de micro finance de dépôt, institution de prêt sans dépôt, entité de crédit-bail, entité d'assurance, entité de sécurité sociale, fonds de pension ou toute autre entité étrangère qui exerce des activités financières et accorde des prêts aux banques ou aux institutions de microfinance de dépôt résidant au Rwanda et percevant des intérêts sur les prêts; |
| 12° **ikigo cy'imari gitsura amajyambere cyo mu mahanga:** ikigo gikora imirimo y'imari gikoresha amafaranga ya Leta y'Igihugu cy'amahanga, gifatirwa ibyemezo by'ubuyobozi n'abahagarariye Leta kandi intego zacyo zikaba zishingiye ku nyungu rusange, nk'iterambere rirambye no kurwanya ubukene; | 12° **foreign development financial institution:** an institution that carries out financial activities with public funds from a foreign country, for which administrative decisions are made by Government representatives and having public interest missions, such as sustainable development and poverty reduction; | 12° **institution financière étrangère de développement:** institution menant des activités financières avec les fonds publics d'un pays étranger, dont les décisions administratives sont prises par des représentants du gouvernement de ce pays et ayant missions d'intérêt général, comme le développement durable et la réduction de la pauvreté; |

| | | |
|---|---|---|
| 13° **imikino y'amahirwe:** umukino wose ukinwa hakoreshejwe amakarita, utubumbe tw'impande nyinshi, amatike, ibikoresho cyangwa ibintu byose bikoresha ingufu za mekanike, iz'amashanyarazi cyangwa elegitoroniki cyangwa imashini y'amafaranga, umutungo, sheki, igurizwa cyangwa ikarita y'igurizwa cyangwa ikintu cyose gisimbura agaciro cyangwa imikino aho umubare w'amafaranga cyangwa ikindi kintu cy'agaciro cyategewe ku kintu ariko ikizavamo kitaramenyekana; | 13° **gaming activities:** any game played with cards, dices, tickets, equipment or any mechanical, electronic or electromechanical device or machine for money, property, cheque, credit or credit card or any representative of value or a game where a sum of money or representative of value is risked on an occurrence for which the outcome is uncertain; | 13° **jeux de hasard:** toute forme de jeu joué au moyen de cartes, dés, tickets, équipement ou tout autre outil mécanique, électronique ou électromécanique ou machine pour argent, patrimoine, chèque, crédit ou carte de crédit ou autre représentation de valeur ou un jeu où une somme d'argent ou un titre de valeur qui est mis en risque en cas d'événement dont le résultat est incertain; |
| 14° **isosiyete ibumbye ibice birinzwe:** isosiyete imwe ifite ubuzimagatozi ariko igabanyijwemo ibice ku buryo mu rwego rw'amategeko buri gice kigira umutungo n'imyenda byihariye bitandukanye n'iby'ibindi bice; | 14° **protected cell company:** a company in which a single legal entity consists of a core divided into several cells, each with separate assets and liabilities; | 14° **société à cellules protégées:** une société créée sous la forme d'une entité juridique unique constituée d'un noyau divisé en plusieurs cellules dont chacune dispose de ses propres actifs et passifs; |
| 15° **Minisitiri:** Minisitiri ufite imisoro mu nshingano; | 15° **Minister:** the Minister in charge of taxes; | 15° **Ministre:** Ministre ayant les impôts dans ses attributions; |
| 16° **nyakabyizi:** umukozi ukora imirimo itagomba ubuhanga bwihariye, uhawe akazi n'umukoresha mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikomatanyije mu gihe kingana n'amezi cumi n'abiri (12); | 16° **casual labourer:** employee who performs labour that does not require special skills and who is employed for an aggregate period not exceeding thirty (30) days during a twelve (12) months period; | 16° **employé occasionnel:** employé qui effectue un travail ne requérant pas de connaissances particulières et qui est engagée pour une période cumulée ne dépassant pas trente (30) jours au cours d'une période de douze mois (12); |

| | | |
|---|---|---|
| 17° **serivisi z'ikoranabuhanga:** serivisi zamamaza kuri murandasi, gutanga amakuru akoreshwa, uburyo bw'ubushakashatsi kuri murandasi, urubuga rwo kuri murandasi ruhuza abaguzi n'abagurisha, imbuga nkoranyambaga, ibitangazamakuru bikorera kuri murandasi, serivisi zishingiye ku ikoranabuhanga, imikino y'amahirwe kuri murandasi, uburyo bwo gukoresha ihuzanzira z'ububiko bwo kuri murandasi cyangwa serivisi z'uburezi zemewe zitangwa kuri murandasi; | 17° **digital services:** online advertising services, the supply of user data, online search engines, online intermediation platform, social media platforms, online media, digital content services, online gaming, cloud computing services or standardised online teaching services; | 17° **services numériques:** publicité en ligne, fourniture de données utilisateur, moteurs de recherche en ligne, plateforme d'intermédiation en ligne, plateformes de réseaux sociaux, services de médias en ligne, services de contenu numérique, jeux de hasard en ligne, services de l'informatique en nuages ou services d'enseignement en ligne normalisés ; |
| 18° **ubwishyu:** amafaranga cyangwa ubundi buryo bwo kurangiza inshingano byatanzwe, bigomba kwishyurwa, byishyuwe, byemeranyijweho cyangwa byafashwe nk'ibyishyuwe mu nyungu z'umuntu cyangwa mu izina rye; | 18° **payment:** money or other means of extinguishing an obligation that are distributed, payable, credited, dealt with or considered to have been paid in the interest or on behalf of a person; | 18° **paiement:** argent ou autre moyen d'éteindre une obligation qui sont distribués, payables, crédités, traités ou réputés avoir été payés dans l'intérêt ou pour le compte d'une personne; |
| 19° **ubwizerane mvamahanga:** ubwizerane bugengwa n'itegeko ry'igihugu cy'amahanga kandi bufite uwabushyizeho n'abagenerwabikorwa badatuye mu Rwanda kandi bukaba bucungwa n'ucunga iby'abandi w'umwuga utuye mu Rwanda; | 19° **foreign trust:** a trust governed by a law of a foreign country and of which the settlor and beneficiaries are non-resident in Rwanda with a resident trustee; | 19° **fiducie étrangère:** une fiducie régie par une loi d'un pays étranger et dont le constituant et les bénéficiaires sont non-résidents au Rwanda avec un fiduciaire résident; |

| | | |
|---|---|---|
| 20° **Umukoresha:** umuntu ukoresha umukozi ku buryo buhoraho cyangwa budahoraho akamuha amabwiriza n'igihembo bijyanye n'umurimo; | 20° **employer:** a person who employs an employee on a permanent or temporary basis, and gives him or her directives and remuneration related to the work. | 20° **employeur :** une personne qui emploie un employé de façon permanente ou temporaire, et lui donne des directives et une rémunération liée à ce travail; |
| 21° **umukoresha w'ibanze:** umukoresha wishyura umukozi umusaruro ku mwaka ukomoka ku kazi gahoraho cyangwa ku masezerano y'igihe kirekire kurusha atangwa n'abandi bakoresha; | 21° **first employer:** an employer who pays an employee an annual professional income arising from a permanent work or from a longer contract than other employers may offer; | 21° **premier employeur:** employeur qui paie à l'employé un revenu professionnel annuel découlant d'un travail permanant ou d'un contrat plus long que d'autres employeurs peuvent offrir; |
| 22° **umukozi:** umuntu ku giti cye wiyemeje gukorera umukoresha umurimo, ahabwa igihembo, akayoborwa kandi akagendera ku mabwiriza ye ajyanye n'umurimo akora**;** | 22° **employee:** an individual who undertakes to work for an employer for payment, under the supervision and in accordance with directives of his or her employer in relation to his or her work; | 22° **employé:** un individu qui s'est engagé à travailler pour l'employeur moyennant une rémunération, sous la supervision et selon les directives de son employeur en rapport avec son travail; |
| 23° **umuntu :** umuntu ku giti cye, urwego rwa Leta, isosiyete, koperative, ubufatanye mu bucuruzi, ubwizerane, fondasiyo, isosiyete ishamikiye ku yindi, icyicaro gihoraho n'umuryango ufite ubuzimagatozi cyangwa undi muryango w'abantu hatitawe ku miterere yawo; | 23° **person:** an individual, a public entity, a company, a cooperative, a partnership, trust, foundation, a subsidiary, a permanent establishment and a body corporate or any other association of persons regardless of its status; | 23° **personne:** un individu, une entité public, une société, une coopérative, une société en partenariat, une fiducie, une fondation, une filiale, un établissement stable et une personne morale ou toute autre association de personnes quel que soit sa forme; |
| 24° **umusaruro ukomoka ku bwizerane:** umusaruro usoreshwa wakiriwe n'ucunga iby'abandi w'umwuga, ushinzwe kureba ko intego zigerwaho, | 24° **trust income:** any income chargeable to tax under this Law and received by any person in his or her capacity as a trustee, enforcer, protector or beneficiary under the | 24° **revenu de fiducie:** tout revenu imposable en vertu de la présente loi et qui est reçu par une personne en sa qualité de fiduciaire, exécuteur, |

| | | |
|---|---|---|
| umurinzi w'ubwizerane cyangwa umugenerwabikorwa mu bubasha bahabwa n'inyandiko y'ubwizerane; | trust instrument; | protecteur ou bénéficiaire en vertu de l'acte de fiducie ; |
| 25° **umusoro ku nyungu z'amasosiyete:** umusoro ku musaruro ucibwa ku nyungu z'usora utari umuntu ku giti cye; | 25° **corporate income tax**: income tax imposed on profit of a taxpayer other than an individual; | 25° **l'impôt sur les bénéfices des sociétés** : l'impôt sur le revenu prélevé sur les bénéfices d'un contribuable autre qu'une personne physique ; |
| 26° **umwuga wigenga:** umwuga ukorwa hashingiwe ku bumenyi bwihariye mu buryo uwukora yigenga atanga serivisi ku bakiriya; | 26° **liberal profession:** profession practiced on the basis of special skills in an independent manner in offering services to the clients; | 26° **profession libérale:** profession exercée sur base de connaissances particulières de façon indépendante en offrant des services aux clients; |
| 27° **urwego rukoreshwa ku mpamvu zihariye**: ikigo gitanga imigabane ishingiye ku ngwate y'umutungo, ubwizerane mu ishoramari mu by'ubwubatsi cyangwa ibindi bigo bikoreshwa ku mpamvu gusa zo koroherezа ibindi bigo gukora ishoramari hakurikijwe amategeko agenga ibicuruzwa n'ubucuruzi byo ku isoko ry'imari n'imigabane; | 27° **special purpose vehicle:** a corporate entity including asset backed security, a real estate investment trust or any other entities used only and for the reason of being a pass through vehicle to facilitate investments in accordance with laws regulating the capital market products and business; | 27° **organe à objectif spécial:** une personne morale y compris des titres adossés à des actifs, une fiducie de placement immobilier ou d'autres entités utilisées uniquement et pour la raison d'être un organe intermédiaire pour faciliter les investissements conformément aux lois régissant les produits et les activités des marchés des capitaux; |
| 28° **usora:** umuntu wese wishyura umusoro hakurikijwe iri tegeko. | 28° **taxpayer:** any person who pays the tax in accordance with this Law. | 28° **contribuable:** toute personne qui paie l'impôt conformément à la présente loi. |
| <u>Ingingo ya 4</u>**: Aho umuntu atuye** | <u>Article 4</u>**: Residence** | <u>Article 4</u>**: Résidence** |
| Umuntu ku giti cye yitwa ko atuye mu Rwanda iyo yujuje kimwe muri ibi bikurikira: | An individual is considered to be a resident in Rwanda if he or she fulfils one of the following conditions: | Une personne physique est réputée résidente au Rwanda si elle remplit l'une des conditions suivantes: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° afite aho atuye hahoraho mu Rwanda; | 1° he or she has a permanent residence in Rwanda; | 1° elle a une résidence permanente au Rwanda; |
| 2° asanzwe abarizwa mu Rwanda; | 2° he or she has a habitual abode in Rwanda; | 2° elle a une résidence habituelle au Rwanda; |
| 3° ari Umunyarwanda uhagarariye u Rwanda mu mahanga; | 3° he or she is a Rwandan representing Rwanda abroad; | 3° elle est ressortissant Rwandais qui représente le Rwanda à l'étranger. |
| 4° mu gihe cy'umusoro amaze mu Rwanda igihe cyangwa igiteranyo cy'iminsi kingana cyangwa kirenze iminsi ijana na mirongo inani n'itatu (183); | 4° he or she is present in Rwanda during the tax period for a period or periods amounting in aggregate to one hundred and eighty-three (183) days or more; | 4° elle est au Rwanda pendant la période imposable pour une période ou des périodes d'un total d'au moins cent quatre-vingt-trois (183) jours; |
| 5° ari mu Rwanda mu gihe cy'umusoro gisuzumwa kandi akaba yarabaga mu Rwanda mu gihe cy'impuzandengo kirenze iminsi ijana na makumyabiri n'ibiri (122) muri buri gihe cy'umusoro muri bibiri (2) bibanziriza igihe cy'umusoro gisuzumwa. | 5° he or she is present in Rwanda during the tax period of assessment and has been present for periods averaging more than one hundred and twenty-two (122) days in each of the two (2) preceding tax periods. | 5° elle est au Rwanda pendant la période imposable concernée et avoir été présente pendant une moyenne de périodes de plus de cent vingt-deux (122) jours dans chacune des deux (2) périodes imposables précédentes. |
| Umuntu utari umuntu ku giti cye afatwa nk'utuye mu Rwanda mu gihe cy'umusoro iyo yujuje kimwe muri ibi bikurikira: | A person other than an individual is considered to be a resident in Rwanda during a tax period where it fulfils one of the following requirements: | Une personne autre qu'une personne physique est réputée résidente au Rwanda au cours d'une période imposable si elle remplit l'une des conditions suivantes: |
| 1° yashyizweho hakurikijwe amategeko y'u Rwanda; | 1° where it is established according to Rwandan laws; | 1° lorsqu'elle a été créée en vertu du droit rwandais; |
| 2° afite icyicaro cy'ubuyobozi nyabwo mu Rwanda igihe cyose kijyana n'icyo gihe cy'umusoro. | 2° it has a place of effective management in Rwanda at any time during that tax period. | 2° elle a son lieu de direction effective au Rwanda au cours de la période imposable. |

| | | |
|---|---|---|
| Iteka rya Minisitiri rigena aho umuntu atuye hahoraho n'aho ubuyobozi nyabwo buri. | A Ministerial Order determines the person's permanent residence and the location of the effective place of management. | Un Arrêté Ministériel détermine la résidence permanente d'une personne et le lieu de direction effective. |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Icyicaro gihoraho** | **<u>Article 5</u>: Permanent establishment** | **<u>Article 5</u>: Établissement stable** |
| Icyicaro gihoraho ni ahantu hazwi hakorerwa imirimo y'ubucuruzi ibyara umusaruro mu buryo buhoraho, ikorwa yose cyangwa igice cyayo. | A permanent establishment is a known fixed place of business through which the business which gives rise to income is wholly or partially carried out. | Un établissement stable est une installation fixe d'affaires connue par laquelle l'activité qui donne lieu à des revenus est exercée en tout ou en partie. |
| Icyicaro gihoraho harimo nibura hamwe muri aha hakurikira: | Permanent establishment includes at least one of the following places: | L'établissement stable comprend au moins l'un des lieux suivants: |
| 1° aho imirimo y'ubuyobozi ikorerwa; | 1° a place of management; | 1° lieu de services administratifs; |
| 2° ahari ishami; | 2° a branch; | 2° une branche; |
| 3° ahari uruganda cyangwa ahakorerwa imirimo y'imyuga; | 3° a factory or a workshop; | 3° une usine ou un atelier; |
| 4° ahacukurwa amabuye y'agaciro, kariyeri cyangwa ahandi hose hagenewe ibikorwa byo kubyaza umusaruro umutungo kamere; | 4° a mine, a quarry or any other place for an exploitation of natural resources; | 4° une mine, une carrière ou tout autre lieu d'exploitation de ressources naturelles; |
| 5° ahantu hagomba kubakwa, hubakwa cyangwa ahakorerwa imirimo y'ubugenzuzi cyangwa iyo guteranya ibintu; | 5° a site set for construction, construction site or a place where supervision or assembly works are carried out; | 5° un site prévu pour la construction, un chantier ou tout lieu où des travaux de supervision ou d'assemblage sont effectués; |
| 6° ahatangirwa serivisi harimo na serivisi z'impuguke bikozwe n'umuntu ubwe | 6° place of provision of services including consulting services carried out by a person | 6° lieu de prestation de services y compris les services de consultance effectués par une personne à l'aide des employés ou |

| | | |
|---|---|---|
| akoresheje abakozi cyangwa abandi bantu mu gihe kirengeje iminsi mirongo cyenda (90) mu mezi cumi n'abiri (12) ku buryo bwa buri gihe cyangwa bugiye bunyuranamo. | with the support of employees or other personnel for more than ninety (90) days in a twelve (12) month period, either continuously or intermittently. | d'autres personnes durant plus de quatre-vingt-dix (90) jours au cours d'une période de douze (12) mois continuellement ou de manière intermittente. |
| Hatitawe ku biteganywa mu duce kuva ku ka 1º kugeza ku ka 6º tw'igika cya 2 cy'iyi ngingo iyo umuntu akora ibikorwa mu mwanya w'undi muntu kandi afite ububasha mu buryo buhoraho bwo gutegura no gusinya amasezerano mu izina ry'uwo muntu wundi cyangwa afite uruhare rw'ingenzi mu ishyirwaho ry'ayo masezerano, uwo muntu wundi afatwa nk'ufite icyicaro gihoraho mu Rwanda. | Without consideration of the provisions of items 1º to 6º of Paragraph 2 of this Article, if a person acts on behalf of another person and has authority to negotiate or conclude contracts in that other person's name or plays the principal role leading to the conclusion of such contracts, that other person is considered to have a permanent establishment in Rwanda. | Sans considération des dispositions des points 1º à 6º de l'alinéa 2 du présent article, lorsqu'une personne agit pour le compte d'une autre personne et a le pouvoir de négocier et ou de conclure des contrats au nom de cette autre personne ou joue le rôle principal menant à la conclusion de tels contrats, cette autre personne est considérée comme ayant un établissement stable au Rwanda. |
| Umuntu afatwa nk'aho adafite icyicaro gihoraho iyo uwo muntu: | A person is considered as not having a permanent establishment if that person: | Une personne est considérée comme n'ayant pas d'établissement stable si cette personne: |
| 1° akoresha inyubako kugira ngo abikemo gusa ibintu cyangwa ibicuruzwa bye; | 1° uses facilities solely for the purpose of storage of his or her goods or merchandise; | 1° utilise une installation uniquement à des fins de stockage de ses biens ou de ses marchandises; |
| 2° afite ububiko bw'ibintu cyangwa ibicuruzwa bye agamije gusa kubibika; | 2° maintains a stock of his or her goods or merchandise solely for the purpose of storage; | 2° garde un stock de ses biens ou de ses marchandises uniquement à des fins de stockage; |
| 3° abika ibintu cyangwa ibicuruzwa bye agamije gusa ko bihindurwa n'undi muntu; | 3° maintains a stock of his or her goods or merchandise solely for the purpose of processing by another person; | 3° garde un stock de ses biens ou de ses marchandises uniquement à des fins de transformation par une autre personne; |

| | | |
|---|---|---|
| 4° afite ahantu hamwe akorera agamije gusa kugura ibintu cyangwa ibicuruzwa cyangwa gutara amakuru yerekeye ubucuruzi bwe; | 4° has a place of operation aimed purposely at purchasing goods or merchandise or collecting information related to his or her business; | 4° dispose d'un lieu d'opération destiné uniquement à des fins d'achat des biens ou des marchandises ou pour la collecte d'informations relatives à son commerce; |
| 5° afite ahantu akorera agamije gusa, mu rwego rw'imirimo ye, gukora ibindi byose bijyanye no kuyitegura cyangwa bituma irushaho gukorwa neza. | 5° has a place of operation solely for the purpose of performing, within the context of his or her activities, any other activities of a preparatory nature or intended to make them more effective. | 5° dispose d'un lieu d'opération uniquement aux fins d'exercer, dans le cadre de ses activités, toute autre activité de nature préparatoire ou destinée à les rendre plus efficaces. |
| Umuntu afatwa kandi nk'udafite icyicaro gihoraho iyo akora gusa imirimo abinyujije ku muhuza mu by'ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane wigenga, intumwa muri rusange cyangwa indi ntumwa yigenga hakurikijwe gusa ko iyo ntumwa ikora mu buryo isanzwe ikoramo imirimo yayo. | A person is also considered as not having a permanent establishment if he or she only carries out activities through an independent broker in the capital market, general commissionaire agent or any other private agent in accordance with procedures of the ordinary course of the activities of such an agent. | Une personne n'est pas traitée comme ayant un établissement stable lorsqu'elle ne réalise que ses activités par un courtier indépendant sur le marché des capitaux, un commissionnaire ou tout autre agent à statut indépendant pourvu que cet agent agisse dans l'exercice normal de ses fonctions. |
| Icyakora, iyo ibikorwa by'umuhuza mu by'ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane wigenga cyangwa iby'intumwa, byose cyangwa hafi ya byose bikorwa mu izina ry'umuntu udafite icyicaro gihoraho uvugwa mu gika cya 5 cy'iyi ngingo kandi uburyo bw'imikorere bwashyizweho hagati y'uwo muntu n'abakora mu izina rye mu bucuruzi n'imari, ubwo buryo bukaba butandukanye n'ubwashyirwaho hagati y'abantu bigenga, uwo muntu afatwa nk'ufite icyicaro gihoraho. | However, when the activities of the independent broker in capital market or agent, are carried out wholly or almost wholly on behalf of the person with non-permanent establishment referred to in Paragraph 5 of this Article and conditions imposed between that person and his or her agents in their commercial and financial relations differ from those that would have been made between independent persons, that person is considered to have a permanent establishment. | Toutefois, lorsque les activités d'un courtier indépendant sur le marché des capitaux ou d'un agent sont effectuées entièrement ou presque entièrement au nom de la personne n'ayant pas d'établissement stable visée à l'alinéa 5 du présent article et que des conditions imposées entre cette personne et les agents dans leurs relations commerciales et financières diffèrent de celles qui auraient été faites entre des personnes indépendantes, cette personne est considérée comme ayant un établissement stable. |

| | | |
|---|---|---|
| Kuba isosiyete igenzura cyangwa igenzurwa n'indi sosiyete ntibihagije kugira ngo imwe muri zo ibe icyicaro gihoraho cy'iyindi. | The fact that a company controls or is controlled by another company does not itself constitute either company a permanent establishment of the other. | Le fait qu'une société contrôle ou est contrôlée par une autre société ne constitue pas en soi un établissement stable de l'autre. |
| Hatitawe ku biteganywa muri iyi ngingo, ikigo cy'ubwishingizi, uretse igikora ubwishingizi bw'abishingizi, gifatwa nk'igifite icyicaro gihoraho iyo cyakira imisanzu cyangwa gitanga ubwishingizi binyuze ku wundi muntu utari umuhuza mu by'ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa intumwa bigenga bavugwa mu gika cya 5 cy'iyi ngingo. | Notwithstanding the provisions of this Article, an insurance entity, except in regard to re-insurance, is considered to have a permanent establishment if it collects premiums or insures risks through a person other than a broker in capital market or an agent of an independent status referred to under Paragraph 5 of this Article. | Sans considération des dispositions du présent article, une entité d'assurance est considérée, sauf en matière de réassurance, avoir un établissement stable si elle perçoit des primes ou assure des risques par l'intermédiaire d'une personne autre qu'un courtier sur le marché des capitaux ou un agent indépendant à qui l'alinéa 5 du présent article fait référence. |
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Inkomoko y'umusaruro usoreshwa** | **<u>Article 6:</u> Source of taxable income** | **<u>Article 6</u>: Source de revenu imposable** |
| Umusaruro usoreshwa mu Rwanda ukomoka ku bikorwa byakorewe mu Rwanda n'umuntu uwo ari we wese n'ibyakorewe mu mahanga n'umuntu utuye mu Rwanda. Muri ibyo bikorwa harimo ibi bikurikira: | Income taxable in Rwanda includes the activities performed in Rwanda by any person and activities performed abroad by a resident of Rwanda. Those activities include the following: | Le revenu imposable au Rwanda provient des activités exercées au Rwanda par toute personne et des activités exercées à l'étranger par un résident du Rwanda. Ces activités comprennent : |
| 1° serivisi n'umurimo; | 1° services and employment; | 1° services et emploi; |
| 2° ibikorwa by'umunyabugeni, umuririmbyi, umuhanzi n'umukinnyi; | 2° activities of a crafts person, singer, artist and a player; | 2° activités d'un artisan, chanteur, artiste et d'un joueur; |
| 3° ibikorwa bya siporo, umuco n'imyidagaduro; | 3° sports, cultural and leisure activities; | 3° activités sportives, culturelles et de loisir; |

| | | |
|---|---|---|
| 4° ibikorwa byakozwe n'umuntu udatuye mu Rwanda abinyujije mu cyicaro gihoraho mu Rwanda; | 4° activities carried out by a non-resident in Rwanda through a permanent establishment in Rwanda; | 4° activités exercées par un non-résident au Rwanda par le biais d'un établissement stable au Rwanda; |
| 5° ikoresha, igurisha, ikodesha n'itanga nta kiguzi by'imitungo yimukanwa ikoreshwa mu bucuruzi; | 5° use, sale, lease and free transfer of business movable assets; | 5° utilisation, vente, location et cession à titre gratuit des biens mobiliers à usage commercial; |
| 6° ikoresha, igurisha, ikodesha n'itanga nta kiguzi by'imitungo itimukanwa ibarirwa mu bucuruzi; | 6° sale, lease and free transfer of immovable assets allocated to the business; | 6° vente, location et cession à titre gratuit des biens immobiliers affectés au commerce; |
| 7° ibikorwa by'ubuhinzi, ubworozi, uburobyi n'amashyamba; | 7° agricultural, fishing and forestry activities; | 7° activités agricoles, d'élevage, de pêche et forestières; |
| 8° uburagizwe n'ubundi burenganzira bushingiye ku mutungo utimukanwa n'igurishwa ryabyo iyo ubwo burenganzira bubarirwa mu bucuruzi; | 8° usufruct and other rights attached to immovable assets and their sale if such rights are allocated to the business; | 8° usufruit et autres droits attachés aux biens mobiliers ainsi que leur vente si ces droits sont affectés au commerce; |
| 9° ishoramari mu migabane y'amasosiyete; | 9° investments in shares of companies; | 9° investissements en actions de sociétés; |
| 10° igurisha cyangwa itanga ry'imigabane n'imigabane nguzanyo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye; | 10° direct or indirect sale or transfer of shares or debentures; | 10° vente ou cession directe ou indirecte des actions ou des obligations; |
| 11° ihindurwa ry'inyungu mu migabane ryongera igishoro cy'abafatanyije ibikorwa, uretse iyo bikozwe n'ikigo cy'imari gifite igishoro cyishyuwe kiri munsi y'igitegetswe na Banki Nkuru y'u Rwanda; | 11° change of profits into shares that increases the capital of partners, except for financial institution with paid-up capital below the minimum requirement set by the National bank of Rwanda; | 11° transformation de bénéfices en actions augmentant le capital des associés sauf pour les institutions financières dont le capital libéré est inférieur au minimum requis par la Banque nationale du Rwanda; |

| | | |
|---|---|---|
| 12° igabana ry'inyungu hagati y'abafatanyije ibikorwa; | 12° distribution of profits among partners; | 12° répartition des bénéfices entre les associés; |
| 13° iguriza, ibitsa ry'amafaranga n'ibindi bikorwa bisa na byo bibyara inyungu; | 13° lending, deposits and other similar income-generating activities; | 13° prêt, dépôt des fonds et autres activités similaires génératrices de revenus; |
| 14° itanga, igurisha n'ikodesha ry'umutungo bwite mu by'ubwenge; | 14° transfer, sale and lease of intellectual property; | 14° cession, vente et location de la propriété intellectuelle; |
| 15° serivisi z'ikoranabuhanga; | 15° digital services; | 15° services numériques; |
| 16° ibikorwa by'imikino y'amahirwe; | 16° gaming activities | 16° activités de jeux de hasard; |
| 17° ikindi gikorwa cyose kibyara umusaruro. | 17° any other income generating activity. | 17° toute autre activité génératrice de revenus. |
| Icyakora, ubwishyu bwose bukozwe n'umuntu utuye mu Rwanda kuri serivisi yatangiwe mu mahanga, uretse iyakiririweyo, ni umusaruro usoreshwa. | However, all payments made by a resident of Rwanda on services performed abroad, other than those consumed abroad, constitute a taxable income. | Toutefois, tous les paiements effectués par un résident du Rwanda sur les services prestés à l'étranger, à l'exclusion de ceux consommés à l'étranger, constituent un revenu imposable. |
| **<u>Ingingo ya 7:</u> Isubizwa ry'umusoro wishyuwe mu mahanga** | **<u>Article 7:</u> Foreign tax credit refund** | **<u>Article 7:</u> Remboursement du crédit d'impôt étranger** |
| Iyo mu gihe cy'umusoro umuntu utuye mu Rwanda abonye umusaruro uturutse mu bikorwa bisoreshwa akorera mu mahanga, hakurikijwe ingingo ya 4 n'iya 6 z'iri tegeko, umusoro ku musaruro ubarwa hakuwemo umusoro wishyuwe mu mahanga kuri uwo musaruro. Ingano y'uwo musoro wishyuwe | If during a tax period, a resident in Rwanda generates income derived from taxable activities performed abroad, in accordance with Articles 4 and 6 of this Law, the income tax payable by that resident in respect of that income is reduced by the amount of foreign tax payable on such income. The amount of | Si au cours de la période imposable, un résident du Rwanda perçoit un revenu des activités imposables exercées à l'étranger, suivant les dispositions des articles 4 et 6 de la présente loi, l'impôt payable par ce résident au titre de ce revenu est réduit du montant de l'impôt étranger payable sur ce revenu. Le |

| | | |
|---|---|---|
| mu mahanga wemerwa ari uko herekanywe ibimenyetso bigaragara nk'imenyekanisha ry'umusoro, nk'icyemezo cy'umusoro ufatirwa cyangwa indi nyandiko imeze nka byo yemewe. | foreign tax payable shall be substantiated by appropriate evidence such as tax declaration, a withholding tax certificate or other similar acceptable document. | montant de l'impôt étranger payable est prouvé par des justificatifs, tels qu'une déclaration d'impôt, un certificat de retenue ou autre document similaire acceptable. |
| Icyakora, ikurwamo ry'umusoro ku musaruro riteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ntirishobora kurenga umusoro wagombye kwishyurwa mu Rwanda kuri uwo musaruro uturutse mu mahanga. | However, the reduction of the income tax provided for under Paragraph one of this Article shall not exceed the tax payable in Rwanda on income from abroad. | Toutefois, la réduction d'impôt prévue à l'alinéa premier du présent article ne peut pas être supérieure à l'impôt qui aurait été prélevé au Rwanda au titre du revenu de source étrangère. |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Igihe cy'umusoro** | **<u>Article 8</u>: Tax period** | **<u>Article 8</u>: Période imposable** |
| Umusoro ku musaruro ubarwa mu gihe cy'umwaka usanzwe utangira ku itariki ya mbere Mutarama kugeza ku ya 31 Ukuboza, uretse aho biteganyijwe ukundi muri iri tegeko. | The income tax is calculated for the calendar year, which starts on 1st January and ends on 31st December unless otherwise provided by this law. | L'impôt sur le revenu est calculé pour une année civile et débute le 1er janvier et se termine au 31 décembre, sauf disposition contraire prévue par la présente loi. |
| Minisitiri ashobora, iyo abisabwe mu nyandiko, kwemerera mu nyandiko usora gufata ikindi gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) nk'igihe cye cy'umusoro iyo yujuje ibisabwa bikurikira: | The Minister may, upon written request, allow in writing a taxpayer to apply any other twelve (12) months period as a tax period if the taxpayer fulfils the following conditions: | Le Ministre peut, sur demande écrite, autoriser par écrit le contribuable de prendre une autre période de douze (12) mois comme période imposable s'il remplit les conditions suivantes: |
| 1° kuba ari ikigo cyishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete; | 1° to be an entity subject to corporate income tax; | 1° être une entité assujettie à l'impôt sur les bénéfices des sociétés; |
| 2° kuba akora ibaruramari akurikije amahame y'ibaruramari yemewe; | 2° to keep books of accounts according to generally accepted accounting principles; | 2° tenir ses livres et registres comptables selon les principes comptables généralement reconnus; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° kuba agaragaza impamvu zifatika zo guhindurirwa igihe cy'umusoro. | 3° to present sound reasons for changing his or her tax period. | 3° présenter des motifs valables pour modifier sa période imposable. |
| Iyo igihe cy'umusoro cy'usora gihindutse, igihe cyo kuva ku ntangiriro y'igihe cy'umusoro gisanzwe kugeza igihe iryo hinduka ribereyeho gifatwa nk'igihe cy'umusoro gisanzwe kandi gisoreshwa ukwacyo. | Where a taxpayer's tax period changes, the period from the start of the usual tax period to the date of such a change is considered as a usual tax period and is separately subject to taxation. | Lorsque la période imposable d'un contribuable est modifiée, la période allant du début de la période imposable habituelle à la date du changement est traitée comme une période imposable habituelle et est distinctement assujettie à l'impôt. |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Imenyekanisha ry'umusoro** | **<u>Article 9</u>: Tax declaration** | **<u>Article 9</u>: Déclaration d'impôt** |
| Umuntu ukora ibikorwa bibyara umusaruro usoreshwa ategura imenyekanisha ry'umusoro ry'umwaka akurikije uburyo bugenwa n'Ubuyobozi bw'imisoro kandi akaryohereza riherekejwe n'ibitabo by'ibaruramari, imigereka ijyanye na byo yakozwe hakurikijwe ibisabwa n'amahame y'ibaruramari yemewe n'indi nyandiko yose yasabwa n'Ubuyobozi bw'imisoro, bitarenze itariki ya 31 Werurwe y'igihe cy'umusoro gikurikiyeho, uretse aho biteganyijwe ukundi muri iri tegeko. | An individual who carries out taxable income generating activities prepares an annual tax declaration in accordance with procedures specified by the tax administration and he or she submits the declaration with annexes comprising the balance sheet, profit, and loss account for that tax period and other annexes thereto drawn according to the requirements of the generally recognised accounting principles and any other relevant document required by the tax administration not later than 31st March of the following tax period, unless otherwise provided by this Law. | Une personne physique exerçant des activités génératrices de revenus imposables prépare une déclaration annuelle selon la procédure spécifiée par l'administration fiscale et la transmet avec le bilan, le compte de profits et pertes pour cette période imposable, et autres annexes y relatives élaborés conformément aux principes comptables généralement reconnus et tout autre document nécessaire requis par l'administration fiscale au plus tard le 31 mars de la période imposable suivante, sauf dispositions contraires prévues par la présente loi. |
| Icyakora, umuntu ugejeje ku mubare w'ibyacurujwe mu mwaka ugenwa, anyuza imenyekanisha ry'umusoro ry'umwaka n'ibaruramari bye k'umwunganira wabigize umwuga kandi wemewe n'Ubuyobozi bw'imisoro. | However, a person who meets the required annual turnover declares the annual tax and financial statements certified by a qualified professional and approved by the tax administration. | Toutefois, une personne dont le chiffre d'affaires annuel est fixé, déclare les états financiers et la déclaration à travers un professionnel qualifié et agréé par l'administration fiscale. |

| | | |
|---|---|---|
| Iteka rya Minisitiri rigena umubare w'ibyacurujwe mu mwaka usabwa kugira ngo ibitabo by'ibaruramari byemezwe. | A Ministerial order determines the annual turnover required for certification of financial statements. | Un arrêté ministériel détermine le chiffre d'affaires annuel requis pour la certification des comptes. |
| Umuntu ntasabwa gukora imenyekanisha ry'umusoro rya buri mwaka iyo: | A person is not required to file his or her annual tax declaration if the person: | Une personne n'est pas requise de soumettre sa déclaration fiscale annuelle si elle: |
| 1° afite umubare w'ibyacurujwe uri munsi y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW); | 1° has an annual turnover of less than two million Rwandan francs (FRW 2,000,0000); | 1° a un chiffre d'affaires annuel inférieur à deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW); |
| 2° abona gusa umusaruro ukomoka ku murimo; | 2° receives only employment income; | 2° ne reçoit que le revenu de l'emploi; |
| 3° abona gusa umusaruro ku ishoramari ufatirwaho umusoro. | 3° receives only income on investment that is subject to withholding tax. | 3° ne reçoit que le revenu provenant de l'investissement qui a fait l'objet de la retenue à la source. |
| Umuntu ku giti cye utuye mu Rwanda wakira umusaruro ukomoka ku murimo awuhawe n'abakoresha barenze umwe cyangwa wakira undi musaruro ukomoka ku murimo ashobora gukora imenyekanisha ry'umusoro ry'umwaka nk'uko bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kugira ngo asabe gusubizwa amafaranga y'umusoro arenga ku wo yagombaga kwishyura. | An individual resident in Rwanda who receives employment income from more than one employer or who receives incidental employment income may file an annual declaration as mentioned in Paragraph One of this Article in order to claim a tax refund for excess income tax paid. | Une personne physique résidant au Rwanda qui reçoit le revenu de l'emploi de plus d'un employeur, ou qui perçoit un revenu de l'emploi accessoire peut déposer une déclaration annuelle comme mentionné à l'alinéa premier du présent article afin de réclamer le remboursement d'excédent de l'impôt sur le revenu payé. |
| **Ingingo ya 10: Kubara no kwishyura umusoro** | **Article 10: Computation and payment of income tax** | **Article 10: Calcul et paiement de l'impôt sur le revenu** |
| Umusoro wishyurwa ubarirwa ku gaciro | The amount of tax to be paid is calculated on | L'impôt sur le revenu est calculé sur base de |

| | | |
|---|---|---|
| fatizo k'imenyekanisha ry'umusoro, hakuwemo: | the basis of the annual basic declaration, reduced by: | la déclaration annuelle, retranché de ce qui suit: |
| 1° umusoro wafatiriwe ku musaruro usoreshwa, uretse umusoro wafatiriwe ku musaruro ukomoka ku murimo n'uwafatiriwe ku musaruro wishyurwaho umusoro ucishirije n'umusoro ukomatanyije; | 1° the tax withheld on taxable income; with the exception of the tax withheld on employment income, as well as on income to which lump sum tax or flat tax are applied; | 1° la taxe retenue sur le revenu imposable, exception faite aux rémunérations et aux revenus auxquels s'appliquent l'impôt forfaitaire et l'impôt global; |
| 2° umusoro wishyurwa mbere buri gihembwe. | 2° the prepayments made every quarter. | 2° des versements anticipés effectués chaque trimestre. |
| Umusoro wishyurwa ku Buyobozi bw'imisoro guhera ku munsi imenyekanisha ry'umusoro ritangiweho kandi bitarenze ku itariki ya 31 Werurwe y'umwaka ukurikira igihe cy'umusoro, hakurikijwe uburyo bugenwa n'Ubuyobozi bw'imisoro, uretse iyo biteganyijwe ukundi. | Income tax is paid to the Tax Administration starting from the date of declaration and not later than 31 March of the year following the tax period through procedures specified by the Tax Administration unless otherwise provided. | L'impôt sur le revenu doit être versé à l'Administration fiscale à partir du premier jour de déclaration fiscale jusqu'au plus tard le 31 mars de l'année suivant la période imposable selon les procédures spécifiées par l'Administration fiscale, sauf disposition contraire. |
| Iyo umusoro wafatiriwe cyangwa wishyuwe mbere urenga umusoro ugomba kwishyurwa ufatwa n'Ubuyobozi bw'imisoro nk'uwo kwishyura imisoro y'ibirarane cyangwa kwishyura imisoro y'indi izaza. Iyo usora abisabye mu nyandiko, ayo mafaranga y'ikirenga ayasubizwa n'Ubuyobozi bw'imisoro mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi bwakiriyeho inyandiko ibisaba kandi bigaragara ko nta birarane asigayemo. | If a withheld or prepaid tax exceeds the amount of tax liability, is considered by the Tax Administration as liquidation of tax arrears or as the payment of future tax obligations. Upon a written request by the taxpayer and upon satisfaction that prior tax obligations have been discharged, the Tax Administration returns to the taxpayer the excess amount within thirty (30) days from the date of receipt of the request. | Tout acompte ou toute retenue à la source qui s'avère supérieur au montant de l'impôt exigible, il est pris en compte par l'Administration fiscale pour le règlement d'obligations fiscales antérieures ou futures. Sur demande écrite du contribuable, l'Administration fiscale lui rembourse ce surplus dans un délai de trente (30) jours à compter de la réception de la demande, après constat d'absence d'obligations fiscales antérieures. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA II</u>: UMUSORO KU MUSARURO W'UMUNTU KU GITI CYE** | **<u>CHAPTER II</u>: PERSONAL INCOME TAX** | **<u>CHAPITRE II</u>: IMPÔT SUR LE REVENU D'UNE PERSONNE PHYSIQUE** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Ingingo rusange zerekeye umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye** | **<u>Section One</u>: General provisions for personal income tax** | **<u>Section première</u>: Dispositions générales pour l'impôt sur le revenu d'une personne physique** |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Ishingiro ry'umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye** | **<u>Article 11</u>: Base of personal income tax** | **<u>Article 11</u>: Base de l'impôt sur le revenu d'une personne physique** |
| Umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye uvanwa ku musaruro we wa buri mwaka. | The personal income tax shall be levied on an individual annual income. | L'impôt sur le revenu d'une personne physique est prélevé sur le revenu perçu par une personne physique par an. |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Inshingano z'urebwa n'umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye** | **<u>Article 12</u>: Obligations of the taxpayer in regard to personal income tax** | **<u>Article 12</u>: Obligations du contribuable en rapport avec l'impôt sur le revenu de la personne physique** |
| Buri gihe cy'umusoro, usora utuye mu Rwanda yishyura umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye ufite inkomoko mu Rwanda no mu bikorwa bisoreshwa akorera mu mahanga. | Each tax period, a resident taxpayer is liable to personal income tax from all domestic and foreign sources. | Chaque période imposable, le contribuable résidant au Rwanda est redevable de l'impôt sur le revenu de la personne physique imposable provenant des sources nationales et étrangères. |
| Icyakora, usora utari utuye mu Rwanda mu gihe cy'imyaka itanu (5) ibanziriza igihe aturiye mu Rwanda, asonewe umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye ku musaruro ukomoka mu mahanga mu gihe cy'imyaka itanu (5) ibarwa uhereye igihe afatwa nk'utuye mu Rwanda, iyo ari inzobere | However, a resident taxpayer who was not resident in Rwanda in the five (5) years immediately prior to becoming resident, who works as an expert or a professional directly for an entity carrying out Kigali International Financial Centre licensed activities, is exempted from personal income tax on foreign | Toutefois, un contribuable résident qui n'était pas résident au Rwanda à un moment quelconque au cours des cinq (5) années précédant immédiatement sa qualité de résident, qui travaille directement en qualité d'expert ou professionnel pour une entité exerçant des activités agréées par le Centre |

| | | |
|---|---|---|
| cyangwa umunyamwuga ukora mu buryo butaziguye mu kigo gikora ibikorwa byemewe mu rwego rw'Ihuriro Mpuzamahanga ry'Imari rya Kigali. | sourced income during the first five (5) years following the date of becoming resident. | Financier International de Kigali, est exonéré de l'impôt sur le revenu de la personne physique perçu sur le revenu de source étrangère au cours des cinq (5) premières années suivant la date d'acquisition de la qualité de résident. |
| Usora udatuye mu Rwanda yishyura gusa umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye ufite inkomoko mu Rwanda. | A non-resident taxpayer is only liable to personal income tax which has a source in Rwanda. | Un contribuable qui ne réside pas au Rwanda est redevable de l'impôt sur le revenu de la personne physique uniquement de source rwandaise. |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Inkomoko *y*'umusaruro w'umuntu ku giti cye usoreshwa** | **<u>Article 13</u>: Source of individual taxable income** | **<u>Article 13</u>: Source du revenu personnel imposable** |
| Umusaruro w'umuntu ku giti cye usoreshwa ukomoka kuri ibi bikurikira: | Individual taxable income derives from the following: | Le revenu personnel imposable provient de ce qui suit: |
| 1° umurimo; | 1° employment; | 1° l'emploi; |
| 2° ibikorwa by'ubucuruzi; | 2° business activities; | 2° les activités commerciales; |
| 3° ishoramari; | 3° investment; | 3° les investissements; |
| 4° agaciro kiyongereye; | 4° capital gain; | 4° la plus-value; |
| 5° ikoresha, igurisha, ikodesha cyangwa itanga nta kiguzi by'umutungo utimukanwa ubarirwa mu bucuruzi; | 5° use, sale, lease or free transfer of an immovable property allocated to the business; | 5° l'utilisation, vente, location ou cession à titre gratuit d'une propriété immobilière affectée au commerce ; |

6° ikoresha, igurisha, ikodesha cyangwa itanga nta kiguzi by'umutungo wimukanwa ukoreshwa mu bucuruzi.

**Ingingo ya 14: Igipimo cy'umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye**

Umusaruro usoreshwa ubarwa ku mubare uburungushuye w'amafaranga y'u Rwanda igihumbi (1.000 FRW) kandi ugasoreshwa ku nyungu nyakuri hakurikijwe imbonerahamwe zikurikira:

**Imbonerahamwe ya mbere:** Umwaka wa mbere ukurikira itariki iri tegeko ritangiraho gukurikizwa

| Inyungu y'umwaka itangwaho umusoro mu mafaranga y'u Rwanda (FRW) | | Igipimo cy'umusoro |
|---|---|---|
| Kuva | Kugera | |
| 0 | 720.000 | 0% |
| 720.001 | 1.200.000 | 20% |
| 1.200.001 | Kuzamura | 30% |

**Imbonerahamwe ya 2:** Kuva ku mwaka wa kabiri nyuma y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa

6° use, sale, lease or free transfer of movable property allocated to the business.

**Article 14: Rate for personal income tax**

Taxable income is rounded to the nearest thousand Rwandan francs (FRW 1,000) and taxed following the real profit according to the following tables:

**Table 1:** First year following the date of commencement of this law

| Annual Taxable Profit in Rwandan francs (FRW) | | Tax Rate |
|---|---|---|
| From | To | |
| 0 | 720,000 | 0% |
| 720,001 | 1,200,000 | 20% |
| 1,200,001 | More | 30% |

**Table 2:** From the second year after the commencement of this law

6° l'utilisation, vente, location ou cession à titre gratuit de propriétés mobilières affectées au commerce.

**Article 14: Taux d'imposition de l'impôt sur le revenu de la personne physique**

Le revenu imposable est arrondi au millier de francs rwandais (1.000 FRW) le plus proche et imposé suivant le profit réel selon les tableaux suivants:

**Tableau 1:** Première année suivant la date d'entrée en vigueur de la présente loi :

| Profit Annuel imposable en Francs Rwandais (FRW) | | Taux d'imposition |
|---|---|---|
| De | À | |
| 0 | 720.000 | 0% |
| 720.001 | 1.200.000 | 20% |
| 1.200.001 | Plus | 30% |

**Tableau 2:** À partir de la deuxième année après l'entrée en vigueur de la présente loi

| Inyungu y'umwaka itangwaho umusoro mu mafaranga y'u Rwanda (FRW) | | Igipimo cy'umusoro |
|---|---|---|
| Kuva | Kugera | |
| 0 | 720.000 | 0% |
| 720.001 | 1.200.000 | 10% |
| 1.200.001 | 2.400.000 | 20% |
| 2.400.001 | Kuzamura | 30% |

Icyakora, umusoro ucishirije, ungana n'atatu ku ijana (3%) y'ibyacurujwe mu mwaka, utangwa na nyir'igikorwa cy'ubucuruzi giciriritse.

Nyir'igikorwa cy'ubucuruzi giciriritse ashobora gusaba kureka gusoreshwa ku nyungu zicishirije, agahitamo gusoreshwa umusoro ku nyungu nyakuri, iyo yiyemeje gukora ibaruramari rikurikije amategeko abigenga. Iyo ahisemo gusora ku nyungu nyakuri, agomba kubimenyesha Ubuyobozi bw'imisoro, kandi icyo cyemezo ntigihinduka mu gihe cy'imyaka itatu (3) uhereye igihe amenyeshereje Ubuyobozi bw'imisoro uburyo ahisemo.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bw'ibaruramari ryoroheje rikoreshwa mu bikorwa by'ubucuruzi biciriritse.

| Annual Taxable Profit in Rwandan francs (FRW) | | Tax Rate |
|---|---|---|
| From | To | |
| 0 | 720,000 | 0% |
| 720,001 | 1,200,000 | 10% |
| 1,200,001 | 2,400,000 | 20% |
| 2,400,001 | More | 30% |

However, a person who operates a small enterprise pays a lumpsum tax of three percent (3%) of his or her annual turnover.

A person who operates a small enterprise may apply to be allowed to opt out of the flat-rate lumpsum taxation scheme, and choose to be subject to actual taxation scheme when he or she decides to carry out accounting in compliance with relevant laws. When he or she opt for the real regime, he or she must inform the Tax Administration and this decision is irrevocable for a period of three (3) years starting from the date he or she has informed the Tax Administration.

A ministerial order determines simplified accounting method used by small businesses.

| Profit Annuel imposable en Francs Rwandais (FRW) | | Taux d'imposition |
|---|---|---|
| De | À | |
| 0 | 720.000 | 0% |
| 720.001 | 1.200.000 | 10% |
| 1.200.001 | 2.400.000 | 20% |
| 2.400.001 | Plus | 30% |

Toutefois, une personne qui tient une petite entreprise est assujettie à un taux d'imposition forfaitaire de trois pour cent (3%) de son chiffre d'affaires annuel.

Une personne qui tient une petite entreprise peut demander de ne plus être assujettie au régime d'imposition forfaitaire en optant pour le régime réel lorsqu'elle décide de tenir une comptabilité conformément à la législation en la matière. Lorsqu'elle opte pour le régime réel, elle doit en informer l'Administration fiscale et cette décision est irrévocable pour une période de trois (3) ans à compter de la date à laquelle l'Administration fiscale en a été informée.

Un arrêté ministériel détermine la méthode comptable simplifiée utilisée par les petites entreprises.

Ibikorwa by'ubucuruzi bito bitewe n'umubare w'ibyacurujwe mu mwaka byishyura umusoro ukomatanyije nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| **Umubare w'ibyacurujwe mu mwaka mu mafaranga y'u Rwanda** | **Umusoro ukomatanyije ugomba kwishyurwa ku mwaka mu mafaranga y'u Rwanda** |
|---|---|
| Kuva kuri 2.000.000 kugera kuri 4.000.000 | 60.000 |
| Kuva kuri 4.000.001 kugera kuri 7.000.000 | 120.000 |
| Kuva kuri 7.000.001 kugera kuri 10.000.000 | 210.000 |
| Kuva kuri 10.000.001 kugera kuri 12.000.000 | 300.000 |

Ibiteganyijwe mu gika cya 2 n'icya 5 by'iyi ngingo ntibikurikizwa ku muntu ku giti cye ukora umwuga wigenga.

Bitabangamiye uburenganzira bwo gusora ku nyungu nyakuri, ibikorwa byo gutwara

Micro-enterprises following their annual turnover must pay the flat amount of tax as per the following table:

| **Annual Turnover** | **Annual flat amount of tax due in Rwandan francs** |
|---|---|
| From 2,000,000 to 4,000,000 | 60,000 |
| From 4,000,001 to 7,000,000 | 120,000 |
| From 7,000,001 to 10,000,000 | 210,000 |
| From 10,000,001 to 12,000,000 | 300,000 |

The provisions of Paragraphs 2 and 5 of this Article are not applicable to an individual who exercises a liberal profession.

Without prejudice to the right to be governed by the real profit tax regime, the activities of

Les microentreprises suivant leur chiffre d'affaires annuel payent la taxe globale telle que présentée dans le tableau ci-après:

| **Chiffre d'affaires annuel** | **Taxe globale annuelle à payer en francs Rwandais** |
|---|---|
| De 2.000.000 à 4.000.000 | 60.000 |
| De 4.000.001 à 7.000.000 | 120.000 |
| De 7.000.001 à 10.000.000 | 210.000 |
| De 10.000.001 à 12.000.000 | 300.000 |

Les dispositions des alinéas 2 et 5 du présent article ne sont pas applicables à toute personne qui exerce une profession libérale.

Sans préjudice du droit d'être assujetti au régime de l'impôt sur le profit réel, les activités de transport routier des personnes et

| | | |
|---|---|---|
| abantu n'ibintu mu nzira y'ubutaka bicibwa umusoro ukomatanyije ubarwa mu buryo bugaragara ku mugereka w'iri tegeko. | road transport of persons and goods are imposed a flat amount of tax determined as indicated in the annex to this Law. | des biens sont imposées d'une taxe globale déterminée tel qu'indiqué dans l'annexe à la présente loi. |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Umusaruro ukomoka ku murimo** | **<u>Section 2:</u> Employment income** | **<u>Section 2:</u> Revenu d'emploi** |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Ibigize umusaruro ukomoka ku murimo** | **<u>Article 15</u>: Components of employment income** | **<u>Article 15</u>: Composantes du revenu d'emploi** |
| Umusaruro ukomoka ku murimo ugizwe n'amafaranga yose umukozi yishyurwa hamwe n'agaciro k'ibintu ahabwa n'umukoresha bijyanye n'umurimo akora. Ayo mafaranga ni aya akurikira: | Employment income includes all payments paid to an employee by his/her employer in cash or in kind in relation to the work performed. Those payments are composed of the following: | Le revenu d'emploi est constitué de tout paiement en espèces ou avantages en nature reçus par un employé de son employeur à titre de rémunération. Ces paiements se composent de ce qui suit: |
| 1° ibihembo, umushahara, amafaranga yishyurwa mu gihe cy'ikiruhuko, amafaranga yishyurwa mu gihe cy'uburwayi n'agenerwa kwivuza, amafaranga atangwa mu mwanya w'ikiruhuko ku mukozi uvuye ku murimo atarafata ikiruhuko cy'umwaka, amafaranga y'insimburamubyizi, amafaranga yishyurwa umukozi nka komisiyo, amafaranga y'ishimwe hamwe n'agahimbazamusyi; | 1° wages, salary, leave pay, sick pay and medical allowance, payment in lieu of leave for an employee who stops working before benefiting from his/her annual leave, sitting allowances, commissions, bonuses and gratuity; | 1° les traitements, salaires, indemnités de congé, indemnités de maladie et allocations médicales, indemnités d'annulation de congé payés à un employé cessant ses fonctions sans avoir bénéficié de son congé annuel, jetons de présence, les commissions, bonus et primes; |
| 2° amafaranga atangwa kubera ubuzima buhenze, ayo gutunga umukozi kure y'aho asanzwe akorera, ay'icumbi, ayo kwakira abashyitsi cyangwa ay'ingendo; | 2° allowances relating to the cost of living, subsistence allowances, housing allowances, and entertainment or travel allowances; | 2° les allocations relatives au coût de la vie, les allocations de subsistance, les allocations de logement, les frais de représentation ou de déplacement; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° iyishyurwa cyangwa isubizwa ry'ibyakoreshejwe n'umukozi cyangwa uwo bafatanyije; | 3° any discharge or reimbursement of expenses incurred by the employee or an associate; | 3° les paiements au titre de l'acquittement ou de remboursement de frais engagés par l'employé ou à son associé; |
| 4° ibyishyurwa umukozi kubera ko yakoze mu buryo budasanzwe; | 4° payments to the employee working in exceptional conditions of employment; | 4° les paiements à l'employé ayant travaillé dans des conditions exceptionnelles; |
| 5° imperekeza ihabwa umukozi igihe yirukanywe ku murimo, akazi ke karangiye cyangwa amasezerano y'umurimo asheshwe; | 5° payments for redundancy or loss or termination of contract; | 5° les indemnités de licenciement, de perte ou de résiliation du contrat de travail; |
| 6° ibyishyurwa ku bwiteganyirize bw'izabukuru; | 6° pension payments; | 6° les pensions de retraite; |
| 7° ibindi byishyurwa ku mpamvu z'akazi kakozwe, akariho, cyangwa akazakorwa. | 7° other payments made in respect of previous, current or future employment. | 7° les autres paiements effectués au titre d'un emploi antérieur, actuel ou futur. |
| **<u>Ingingo ya 16:</u> Ibisonewe umusoro ku musaruro ukomoka ku murimo** | **<u>Article 16</u>: Payments exempted from employment income tax** | **<u>Article 16:</u> Paiements exonérés de l'impôt sur le revenu d'emploi** |
| Ibyishyurwa bikurikira ntibibarirwa mu musaruro usoreshwa ukomoka ku murimo: | The following payments are not included in the calculation of taxable employment income: | Les paiements ci-après ne sont pas inclus dans le calcul de revenu d'emploi imposable: |
| 1° iyishyurwa cyangwa isubizwa ry'ibyakoreshejwe n'umukozi cyangwa uwo bafatanyije: | 1° the discharge or reimbursement of expenses incurred by the employee or his/her associate: | 1° l'acquittement ou le remboursement de dépenses engagées par l'employé ou son associé: |
| a. byose bigenewe ibikorwa by'umukoresha; | a. wholly for business activities of the employer; | a. totalement au titre des activités d'affaires de l'employeur; |

| | | |
|---|---|---|
| b. bivanwa cyangwa byagombaga kuvanwa mu gihe cy'ibara ry'umusaruro w'umukozi ku bikorwa bye byose; | b. those that are deducted or would be deductible in calculating the employee's income from all his/her business activities; | b. qui sont ou seraient déductibles en calculant le revenu de l'employé tiré de toutes ses activités; |
| 2° imisanzu umukoresha ashyirira umukozi mu Rwego rwa Leta rufite ubwiteganyirize mu nshingano; | 2° contributions made by the employer for the employee to the public institution in charge of social security; | 2° les cotisations versées par l'employeur pour le compte de l'employé dans l'institution publique ayant la sécurité sociale dans ses attributions; |
| 3° ibyishyurwa biturutse ku bwiteganyirize bitanzwe n'Urwego rwa Leta rufite ubwiteganyirize mu nshingano cyangwa ikigega cya pansiyo cyemewe; | 3° pension payment from the public institution in charge of social security or from a qualified pension fund; | 3° paiements des pensions par l'institution publique ayant la sécurité sociale dans ses attributions ou par un fonds de pension qualifié; |
| 4° umusaruro ukomoka ku murimo wabonywe n'umuntu udafite ubwenegihugu nyarwanda yishyurwa na Leta y'inyamahanga cyangwa n'umuryango utari uwa Leta hakurikijwe amasezerano bagiranye na Leta y'u Rwanda, igihe umusaruro wakiriwe kubera imirimo y'imfashanyo yakorewe mu Rwanda; | 4° employment income received by an employee who is not a Rwandan citizen from a foreign Government or a non-governmental organization under an agreement signed by the Government of Rwanda, when the income is received for the performance of aid services in Rwanda; | 4° le revenu d'emploi perçu par une personne qui n'est pas de nationalité rwandaise en rémunération d'un emploi auprès d'un gouvernement étranger ou d'une organisation non gouvernementale régie par une convention signée par le Gouvernement rwandais, lorsque ce revenu est perçu pour la prestation de services d'assistance au Rwanda; |
| 5° umusaruro ukomoka ku murimo umukoresha udatuye mu Rwanda yishyuye umuntu ku giti cye udatuye mu Rwanda kubera za serivisi yakoze mu Rwanda, uretse iyo izo serivisi zifitanye isano n'icyicaro gihoraho cy'umukoresha mu Rwanda. | 5° employment income received from an employer who is not a resident in Rwanda by a non-resident individual for the performance of services in Rwanda, unless such services are related to a permanent establishment of the employer in Rwanda. | 5° le revenu d'emploi perçu en rémunération d'un emploi auprès d'un employeur non-résident au Rwanda par une personne physique non-résidente au Rwanda pour la prestation de services au Rwanda, sauf si ces services sont en rapport avec un établissement stable de l'employeur au Rwanda. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Abasonewe umusoro ku musaruro ukomoka ku murimo** | **<u>Article 17</u>: Persons exempted from employment income tax** | **<u>Article 17</u>: Personnes exonérées de l'impôt sur le revenu d'emploi** |
| Abasonewe umusoro ku musaruro ukomoka ku murimo mu Rwanda nk'uko biteganywa mu masezerano avugwa mu ngingo ya 16 y'iri tegeko, kubera serivisi zatanzwe mu gihe cy'imirimo yabo yemewe ni aba bakurikira: | Persons that are exempted from employment income tax in Rwanda as provided for by agreements referred to under Article 16 of this Law, due to services rendered in the exercise of their official duties are the following: | Les personnes exonérées de l'impôt sur le revenu d'emploi au Rwanda conformément aux conventions visées à l'article 16 de la présente loi, pour des raisons de services rendus dans l'exercice de leur fonction officielle, sont les suivantes: |
| 1° umunyamahanga uhagarariye igihugu cye mu Rwanda; | 1° a foreigner who represents his/her country in Rwanda; | 1° une personne étrangère représentant son pays au Rwanda; |
| 2° undi muntu wese ku giti cye ukora muri Ambasade, mu biro bihagarariye igihugu cye mu Rwanda, muri Konsula cyangwa mu biro by'iyo Leta y'amahanga bikora imirimo ya Leta, w'umwenegihugu w'iyo Leta kandi ufite pasiporo y'abanyacyubahiro; | 2° any other individual employed in any Embassy, Legation, Consulate or Mission of a foreign state performing State affairs, who is a national of that State and who owns a diplomatic passport; | 2° toute autre personne physique exerçant ses fonctions dans une ambassade, une légation, un consulat ou une mission d'un État étranger, qui a la nationalité de cet État et possède un passeport diplomatique; |
| 3° umuntu ku giti cye, utari Umunyarwanda, ukoreshwa n'umuryango mpuzamahanga. | 3° a non-citizen individual employed by an international organization. | 3° une personne qui, n'étant pas de nationalité rwandaise, est employée par une organisation internationale. |
| **<u>Ingingo ya 18:</u> Umusaruro utangwa mu bintu** | **<u>Article 18</u>: Benefits in kind** | **<u>Article 18</u>: Avantages en nature** |
| Umusaruro utangwa mu bintu uhabwa umukozi ushyirwa mu musaruro usoreshwa ukomoka ku murimo hakurikijwe agaciro ku isoko ku buryo bukurikira: | Benefits in kind received by an employee are included in taxable employment income in consideration of market value as follows: | Les avantages en nature perçus par un employé sont inclus dans le revenu d'emploi imposable selon leur valeur marchande de la manière suivante: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° hongerwa ku musaruro usoreshwa amafaranga ahwanye no gutunga no gukoresha ikinyabiziga cy'akazi ku mukozi mu gihe cy'umusoro, angana, ku buryo bucishirije, n'icumi ku ijana (10%) by'ibihembo bitari ibintu; | 1° there shall be added to the taxable income an amount meant for the availability and use of a motor vehicle to an employee during a tax period, valued at ten percent (10%) of the employment income excluding benefits in kind; | 1° est ajouté au revenu imposable, la valeur marchande de l'avantage consistant en la mise à disposition ou l'utilisation d'un véhicule motorisé durant une période imposable d'un montant forfaitaire de dix pour cent (10%) des rémunérations autres que les avantages en nature; |
| 2° hongerwa ku musaruro usoreshwa umusaruro ku nguzanyo, harimo n'amafaranga yishyuwe mbere ku mushahara birenze imishahara y'amezi atatu (3), zihabwa umukozi ungana n'ikinyuranyo gishobora kuboneka hagati: | 2° there shall be added to the taxable income, benefits on a loan including advance on a salary exceeding a three (3) months' salary given to an employee valued at a difference between: | 2° est ajouté au revenu imposable, la valeur de l'avantage consistant aux prêts consentis à un employé, dont les avances sur salaire qui sont supérieures au salaire brut de trois (3) mois, égale à la différence entre: |
| a. y'inyungu ku nguzanyo yagombaga kuba yarishyuwe n'umukozi mu kwezi iyi nguzanyo yakiriwemo, izo nyungu zibazwe hakurikijwe igipimo cy'inyungu Banki Nkuru y'u Rwanda ikurikiza ku mabanki y'ubucuruzi; | a. the interest on loan, which would have been paid by the employee during the month in which the loan was received, calculated at a rate of interest offered to commercial banks by the National Bank of Rwanda; | a. le montant des intérêts qui auraient été payés par l'employé durant le mois au cours duquel l'avantage a été reçu si ces intérêts étaient payables au taux moyen pratiqué par la Banque Nationale du Rwanda aux banques commerciales; |
| b. n'inyungu nyazo zishyuwe n'umukozi muri kwa kwezi; | b. and the actual interest paid by the employee in that month; | b. et le montant des intérêts effectivement payés par l'employé durant ce mois; |
| 3° hongerwa ku musaruro usoreshwa amafaranga ahwanye no gukoresha cyangwa gutura mu nzu itanzwe n'umukoresha, harimo cyangwa hatarimo ibikoresho byo mu nzu, mu | 3° there shall be added to the taxable income an amount meant for use or availability for use of premises including or excluding any household equipment of other contents by an employer for residential occupation by | 3° est ajouté au revenu imposable, la valeur marchande de l'avantage consistant en la mise à disposition ou l'utilisation d'un logement y compris ou non le mobilier par un employeur au profit de l'employé au |

| | | |
|---|---|---|
| gihe cy'umusoro, angana, ku buryo bucishirije, na makumyabiri ku ijana (20%) by'ibihembo bitari ibintu. | an employee during a tax period, valued at twenty percent (20%) of the employment income excluding benefits in kind. | cours d'une période imposable d'un montant forfaitaire de vingt pour cent (20%) des rémunérations autres que les avantages en nature. |
| Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, umusaruro utangwa mu bintu ukurikira ufatwa nk'umusaruro umukoresha ahaye umukozi: | Subject to provisions of Paragraph One of this Article, following benefits in kind are considered in the same manner as benefits an employer gives to an employee: | Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, les avantages en nature suivants sont considérés comme avantages imposables qu'un employeur donne à un employé: |
| 1° umusaruro utangwa mu bintu umukoresha ahaye umuntu ufitanye isano n'umukozi, kandi ntacyo yamukoreye; | 1° benefits in kind provided by an employer to a person related to an employee when there is no service rendered; | 1° les avantages en nature fournis par un employeur à une personne liée à l'employé, qui ne représentent pas une contrepartie du travail; |
| 2° umusaruro utangwa mu bintu isosiyete ihaye umwe mu bayigize. | 2° benefits in kind provided by a company to one of its members. | 2° les avantages en nature fournis par une société à un membre de cette société. |
| Icyakora, amafaranga y'ubukode bw'inzu cyangwa bw'imodoka umukoresha yishyurira umukozi ku buryo butaziguye, asoreshwa nk'undi musaruro uvugwa mu ngingo ya 15 y'iri tegeko. | However, a rent of house or motor vehicle directly paid by an employer for an employee is taxed as any income referred to in Article 15 of this Law. | Toutefois, le loyer d'une maison ou d'un véhicule directement payé par un employeur pour un employé, est imposé comme toute allocation prévue à l'article 15 de la présente loi. |
| **<u>Icyiciro cya 3:</u> Inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi** | **<u>Section 3:</u> Business profits** | **<u>Section 3</u>: Bénéfices d'affaires** |
| **<u>Ingingo ya 19:</u> Ibarwa ry'inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi** | **<u>Article 19:</u> Computation of business profits** | **<u>Article 19:</u> Calcul des bénéfices d'affaires** |
| Inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi | Business profits are determined as the income | Les bénéfices d'affaires s'entendent comme |

| | | |
|---|---|---|
| zingana n'umusaruro wakiriwe ku bikorwa byose by'ubucuruzi hakuwemo ibyakoreshejwe mu kurengera inyungu z'umurimo. Inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi zirimo umusaruro uva mu igurisha ry'umutungo uwo ari wo wose no ku mafaranga ava mu igabagabana ry'umutungo yakiriwe mu gihe cy'umusoro. | from all business activities reduced by all business expenses. Business profit also includes proceeds of sale of any business asset and proceeds from asset sharing received during the tax period. | le montant des recettes tirées de toutes les transactions d'affaires d'une entreprise, diminués de toutes ses dépenses. Les bénéfices d'affaires incluent aussi le produit de toute vente d'actifs de l'entreprise et du partage des actifs perçus pendant la période imposable. |
| Inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi zibarwa buri gihe cy'umusoro hashingiwe ku ibarwa ry'inyungu cyangwa igihombo rikorwa hakurikijwe amahame y'ibaruramari yemewe, hitawe ku biteganywa n'iri tegeko. | Business profits are determined per tax period on the basis of the profit or loss account drawn up in accordance with Generally Accepted Accounting Principles, subject to the provisions of this Law. | Les bénéfices d'affaires sont déterminés par chaque période imposable sur la base du compte de pertes et profits, élaboré conformément aux principes comptables généralement reconnus, conformément aux dispositions de la présente loi. |
| Ubuyobozi bw'imisoro bushobora gukoresha ubundi buryo bwose bw'ibaruramari cyangwa kwifashisha andi makuru, byubahirije amategeko, mu gushakisha ukuri ku nyungu z'usora. | The Tax Administration may use any other accounting method or other source of information in accordance with the law, to ensure the accuracy of the taxpayer's profit. | L'Administration fiscale peut utiliser toute autre méthode comptable ou source d'information pertinente conformément à la loi pour s'assurer de l'exactitude des bénéfices du contribuable. |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Isonerwa ry'umusoro ku musaruro ukomoka ku bwizigame mu bigega by'ishoramari by'abishyize hamwe n'imigabane y'abakozi mu isosiyete bakoramo** | **<u>Article 20</u>: Tax exemption for income accrued from savings in a collective investment scheme and employees' shares within a company** | **<u>Article 20</u>: Exonération d'impôt sur le revenu résultant d'épargne dans les fonds d'investissement collectif et d'actions des employés au sein d'une société** |
| Umusaruro ukomoka ku bwizigame mu bigega by'ishoramari by'abishyize hamwe n'imigabane y'abakozi b'abanyarwanda mu isosiyete bakoramo bisonewe umusoro ku musaruro. | Income accruing from savings in collective investment schemes and Rwandan employees' shares within the employing company are exempted from income tax. | Le revenu résultant de l'épargne dans les fonds d'investissement collectif et des actions des employés rwandais au sein de la société qui les emploie sont exonérés d'impôt sur le revenu. |

| | | |
|---|---|---|
| Icyakora, ubusonerwe buvugwa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo ntibureba umukozi ufite imigabane mu isosiyete irenze icumi ku ijana (10%) by’imari shingiro y’isosiyete akorera. | However, the exemption referred to in Paragraph One of this Article does not apply to the employee whose proportion of the company’s share capital is greater than ten percent (10%). | Toutefois, l’exonération visée à l’alinéa premier du présent article ne s’applique pas au salarié dont la part du capital social de la société est supérieure à dix pour cent (10%). |
| **<u>Ingingo ya 21:</u> Isonerwa ry’umusoro ku musaruro ukomoka ku bikorwa by’ubuhinzi n’ubworozi** | **<u>Article 21:</u> Tax exemption for profit on agricultural and livestock activities** | **<u>Article 21:</u> Exonération d’impôt sur le revenu obtenu sur des activités agricoles et d’élevage** |
| Umusaruro umuhinzi cyangwa umworozi yakomoye ku mirimo y'ubuhinzi cyangwa y‘ubworozi usonerwa umusoro iyo amafaranga akomoka ku igurishwa ry’ibituruka ku buhinzi cyangwa ubworozi atarengeje miliyoni cumi n’ebyiri z’amafaranga y’u Rwanda (12.000.000 FRW) mu gihe cy’umusoro. | Income earned by an agriculturalist or a pastoralist on agricultural or livestock activities is exempt if the turnover from agricultural or livestock activities do not exceed twelve million Rwanda francs (FRW 12,000,000) in a tax period. | Le revenu obtenu par un agriculteur ou un éleveur sur les activités agricoles ou d'élevage est exonéré si le chiffre d'affaires des activités agricoles ou d'élevage ne dépasse pas douze millions de francs rwandais (12.000.000 FRW) pendant la période imposable. |
| Mu gihe uwo musaruro urenze miliyoni cumi n’ebyiri z’amafaranga y’u Rwanda (12.000.000 FRW), uyu mubare uvanwa mu musaruro usoreshwa. | In case the turnover exceeds twelve million Rwandan francs (FRW 12,000,000), the latter amount is excluded from the taxable income. | Si le chiffre d'affaires excède douze millions de francs rwandais (12.000.000 FRW), ce dernier montant est exclu du revenu imposable. |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Inyungu zikomoka ku mutungo uri mu mafaranga y’amahanga** | **<u>Article 22:</u> Profit on assets in foreign currency** | **<u>Article 22:</u> Bénéfices sur les avoirs en devises** |
| Mu isoza ry’igihe cy’umusoro, umutungo uri mu mafaranga y’amahanga, harimo imyenda yishyuzwa cyangwa igomba kwishyurwa, uhabwa agaciro hakurikijwe agaciro k’impuzandengo ifaranga rivunjwaho muri | During the conclusion of the tax period, the assets in foreign currency, including claims and debts, are valued at the average exchange rate of the National Bank of Rwanda on the last day of the tax period. The profits or loss therein | À la clôture de la période imposable, les avoirs en devises y compris les créances et dettes, sont évalués au taux de change de la Banque nationale du Rwanda au dernier jour de la période imposable. Les gains ou pertes |

| | | |
|---|---|---|
| Banki Nkuru y'u Rwanda ku munsi wa nyuma w'igihe cy'umusoro. Inyungu cyangwa igihombo giturutsemo bishyirwa mu ibarura ry'inyungu ku bikorwa by'ubucuruzi ry'icyo gihe. | are included in the assessment of business profit for that period. | en résultant sont pris en compte dans le calcul des bénéfices d'affaires pour cette période. |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Ibarwa ry'inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi bigengwa n'amasezerano y'igihe kirekire** | **<u>Article 23:</u> Computation of profits of a business bound by long-term contract** | **<u>Article 23:</u> Calcul des bénéfices d'affaires liées par un contrat à long terme** |
| Inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi bigengwa n'amasezerano y'igihe kirekire zibarwa hashingiwe ku ijanisha ry'imirimo yarangiye mu gihe cy'umusoro. | Business profits relating to a long-term contract are computed on the basis of the percentage of activities completed during tax period. | Les bénéfices d'affaires afférents à des contrats à long terme sont déterminés en fonction du pourcentage des activités réalisées pendant la période imposable considérée. |
| Ijanisha ry'imirimo yarangiye mu gihe cy'umusoro rigenwa hagereranywa amafaranga yose yatanzwe kuri ayo masezerano mbere y'uko igihe cy'umusoro kirangira n'amafaranga yose ateganyijwe gukoreshwa mu masezerano, hatirengagijwe ihinduka cyangwa ihindagurika ryabaye. | The percentage of activities completed during any tax period is determined by comparing the total expenses allocated to the contract and incurred before the end of the tax period with the estimated total contract expenses including any variations of fluctuations. | Le pourcentage des activités réalisées pendant la période imposable est déterminé par comparaison du total des dépenses afférentes au contrat et encourues avant la fin de la période imposable avec le total estimatif des dépenses sur toute la durée du contrat, y compris les variations ou fluctuations éventuelles. |
| Igihombo mu gihe cy'umusoro amasezerano y'igihe kirekire arangiriyemo gishobora gusubizwa inyuma kigasimbura inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi byasoreshejwe mbere bijyanye n'ayo masezerano iyo bidashobora guhwana n'inyungu zivuye mu bindi bikorwa | A loss in a tax period in which a long-term contract is completed may be carried back and offset against previously taxed business profit from that contract to the extent it cannot be absorbed by business profit in the tax period of completion. | Une perte encourue au cours de la période imposable durant laquelle un contrat à long terme s'achève peut-être reportée et compensée par le bénéfice d'entreprise précédemment imposé de ce contrat dans la mesure où elle ne peut pas être absorbée par le bénéfice d'entreprise de la période |

| | | |
|---|---|---|
| by'ubucuruzi muri icyo gihe cy'umusoro amasezerano arangiriyemo. | | imposable pendant laquelle le contrat s'achève. |
| **<u>Ingingo ya 24</u>: Ibikurikizwa mu kugena ibikurwa mu musaruro usoreshwa** | **<u>Article 24</u>: Conditions for deductions from taxable income** | **<u>Article 24</u>: Conditions de déductions des revenus imposables** |
| Mu ibarwa ry'inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi, ibikurikizwa mu kugena ibikurwa mu musaruro usoreshwa bigomba kuba byujuje ibi bikurikira: | In determining profits on business activities, deductions from taxable income must fulfil the following: | Lors de la détermination des bénéfices d'affaires, les déductions des revenus imposables doivent remplir les conditions suivantes: |
| 1° kuba byarakoreshejwe byose kandi gusa mu birengera inyungu y'umurimo kandi bifitanye isano n'umusaruro ku buryo butaziguye; | 1° to have been incurred wholly and exclusively for the purpose of business and they are directly chargeable to the income; | 1° avoir été engagées entièrement et exclusivement pour le bien de l'entreprise et sont directement imputables aux revenus; |
| 2° kuba bihuje n'ibyakoreshejwe nyabyo kandi bigaragazwa n'inyandiko nyemezabuguzi cyangwa nyemezabwishyu zemewe n'Ubuyobozi bw'imisoro; | 2° to correspond to a real expense and can be substantiated with proper invoice or receipts accepted by the tax administration; | 2° correspondre à des dépenses effectives et sont dûment prouvées par des factures ou reçus acceptés par l'administration fiscale ; |
| 3° kuba biganisha ku igabanuka ry'ibigize umutungo bwite; | 3° to lead to a decrease in the net assets of the business; | 3° entraîner une réduction des actifs nets de l'entreprise; |
| 4° kuba byarakoreshejwe mu bikorwa bijyanye n'igihe cy'umusoro kirebwa. | 4° to have been used for activities related to the tax period in which they are incurred. | 4° avoir été utilisées dans les dépenses de la période imposable au cours de laquelle elles sont engagées. |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Ibidakurwa mu musaruro usoreshwa** | **<u>Article 25</u>: Non-deductible expenses from taxable income** | **<u>Article 25</u>: Dépenses non déductibles du revenu imposable** |
| Ibyakoreshejwe bikurikira ntibikurwa mu musaruro usoreshwa: | The following expenses are not deductible from taxable income: | Les dépenses suivantes ne sont pas déductibles du revenu imposable: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° inyungu z'imigabane zamenyekanishijwe n'inyungu zagabanyijwe bene zo; | 1° dividends declared and profits paid-out to their beneficiaries; | 1° les dividendes déclarés et les bénéfices versés à leurs bénéficiaires; |
| 2° amafaranga y'igicumbi, amafaranga azigamwe n'andi mafaranga yose agenewe ibindi byihariye uretse ibiteganyijwe ukundi n'iri tegeko; | 2° reserve allowances, savings and other special-purpose funds unless otherwise provided for by this Law; | 2° les contributions aux réserves, provisions et autres fonds à des fins spécifiques à moins que la présente loi n'en dispose autrement; |
| 3° ihazabu n'ibihano bisa na yo; | 3° fines and similar penalties; | 3° les amendes et autres pénalités similaires; |
| 4° impano, uretse izihawe ibigo bidaharanira inyungu zitarenze rimwe ku ijana (1%) y'umubare w'ibyacurujwe; | 4° donations, except donations given to non-profit making organisations whose value does not exceed one percent (1%) of the turnover; | 4° les dons, sauf ceux octroyés aux organismes sans but lucratif dont la valeur ne dépasse pas un pour cent (1%) du chiffre d'affaire; |
| 5° umusoro ku nyungu wishyurwa hakurikijwe iri tegeko cyangwa wishyurwa mu mahanga ku nyungu ikomoka ku bucuruzi hamwe n'umusoro ku nyongeragaciro ushobora gusubizwa; | 5° income tax paid in accordance with this Law or paid abroad on business profit and recoverable value added tax; | 5° les impôts sur les bénéfices d'affaires acquittés en application de la présente loi ou à l'étranger et la taxe sur la valeur ajoutée récupérable; |
| 6° amafaranga asohorwa ku nyungu bwite z'umuntu; | 6° personal consumption expenses; | 6° les dépenses de consommation personnelle; |
| 7° amafaranga yo kwishimisha no kwidagadura uretse atangwa kuri siporo rusange y'abakozi; | 7° entertainment expenses except expenses on general sporting activities for employees; | 7° les dépenses de divertissement sauf les dépenses sur les activités sportives générales pour les employés; |
| 8° makumyabiri ku ijana (20%) y'ibyakoreshejwe mu bikorwa | 8° twenty per cent (20%) of expenses paid on business overheads including telephone, | 8° vingt pour cent (20%) des dépenses payées pour le commerce y compris le téléphone, |

| | | |
|---|---|---|
| by'ubucuruzi birimo telefoni, amazi n'amashanyarazi, lisansi na mazutu bikoreshwa ku buryo inyungu z'ubucuruzi n'inyungu bwite zidashobora gutandukanywa; | water, electricity and fuel whose private and business use cannot be practically separable; | l'eau, l'électricité et le carburant dont la consommation privée et celle liée au commerce ne peuvent pratiquement pas être séparées; |
| 9° igiteranyo cy'ibyakoreshejwe mu bikorwa by'ubuyobozi, serivisi za tekiniki n'amafaranga akomoka ku mutungo bwite mu by'ubwenge yishyuwe umuntu udatuye mu Rwanda ufitanye isano n'usora birenze kabiri ku ijana (2%) by'umubare w'ibyacurujwe by'usora; | 9° the aggregate of expenses of management activities, technical services and royalty fees paid to a non-resident related person exceeding two percent (2%) of the turnover of the taxpayer; | 9° les dépenses cumulées des activités de l'administration, les services techniques et les redevances payés à une personne liée non-résidente au Rwanda qui excèdent deux pour cent (2%) du chiffre d'affaires du contribuable; |
| 10° inyungu zikomoka ku nguzanyo hagati y'abantu bafitanye isano zishyuwe cyangwa zigomba kwishyurwa ku giteranyo cy'umwenda kiri hejuru y'inshuro enye (4) z'igishoro cyishyuwe hakuwemo amafaranga y'igicumbi cyangwa amafaranga azigamwe agaragara mu imenyeshamutungo rikozwe hakurikijwe amahame y'ibaruramari yemewe; | 10° interest arising from loans between related persons paid or due on total loans in excess of four (4) times of the amount of paid up equity which excludes provisions or reserves and retained earnings according to the balance sheet, which is drawn up in accordance with the generally accepted accounting principles; | 10° les intérêts résultant de prêts entre personnes liées payés ou dus sur un prêt total supérieur à quatre (4) fois le montant des capitaux propres libérés qui exclut les provisions ou les réserves et les bénéfices non répartis selon le bilan, qui est établi conformément aux principes comptables généralement reconnus. |
| 11° igihombo cy'ivunjisha gikomoka ku giteranyo cy'inguzanyo hagati y'abantu bafitanye isano kiri hejuru y'inshuro enye (4) z'igishoro cyishyuwe hatabariwemo amafaranga y'igicumbi cyangwa amafaranga azigamwe | 11° realised foreign exchange loss arising from total loans between related persons in excess of four (4) times of the amount of paid up equity which excludes provisions or reserves and retained earnings according to the balance sheet, | 11° la perte de change réalisée résultant de prêts entre personnes liées qui est supérieure à quatre (4) fois le montant des capitaux propres libérés qui exclut de provisions ou de réserves et de bénéfices non répartis selon le bilan, qui est établi |

| | | |
|---|---|---|
| agaragara mu imenyeshamutungo rikozwe hakurikijwe amahame y'ibaruramari yemewe; | which is drawn up in accordance with the generally accepted accounting principles. | conformément aux principes comptables généralement reconnus. |
| 12° igihombo cy'ivunjisha gikomoka ku mwenda utarishyurwa. | 12° unrealised foreign exchange losses. | 12° pertes de change non réalisées. |
| Ibivugwa mu gace ka 10° k'iyi ngingo ntibireba amabanki y'ubucuruzi, amasosiyete y'ubwishingizi n'ibindi bigo by'imari. | Provisions under Item 10° of this Article do not apply to commercial banks, insurance companies and other financial institutions. | Les dispositions du point 10° du présent article ne s'appliquent pas aux banques commerciales, aux sociétés d'assurance et aux autres institutions financières. |
| Icyakora, usora wishyura amafaranga y'inkunga ateganywa n'amategeko yemerewe kuyavana mu musaruro usoreshwa. | However, a mandatory contribution paid by a taxpayer is allowed as deductible expense. | Cependant, une cotisation obligatoire payée par un contribuable est admise comme dépense déductible. |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Agaciro k'ibicuruzwa biri mu bubiko n'imirimo igikorwa** | **<u>Article 26</u>: Trading stock value and work-in progress** | **<u>Article 26</u>: Valeur du stock pour le commerce et des travaux en cours** |
| Ibicuruzwa biri mu bubiko bihabwa agaciro hakurikijwe ikiranguzo cyabyo. | The trading stock is valued at cost price of its acquisition. | Les stocks commerciaux sont évalués au prix de leur acquisition. |
| Icyakora, ibicuruzwa byangirikiye mu bubiko bihabwa agaciro hakurikijwe igiciro gito hagati y'ikiranguzo cyabyo n'igiciro cyabyo ku isoko ku munsi wa nyuma w'igihe cy'umusoro. | However, degraded or damaged stock is valued at the lower price between the cost price and the market price on the last day of the tax period. | Cependant, les stocks dégradés ou endommagés sont évalués au prix le plus bas entre le prix d'acquisition et le prix du marché au dernier jour de la période fiscale. |
| Imirimo igikorwa ihabwa agaciro hakurikijwe ikiguzi cy'ibimaze kuyitangwaho. | Work in progress is valued at cost price incurred. | Les travaux en cours sont valorisés au prix de revient engagé. |

| Ingingo ya 27: Ubwicungure | Article 27: Depreciation | Article 27: Amortissement |
|---|---|---|
| Mu ibarwa ry'inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi, ubwicungure bw'umutungo bukurwa mu musaruro usoreshwa. | In the determination of business profit, depreciation for business assets is deducted from taxable income. | Lors de la détermination des bénéfices imposables, l'amortissement des actifs de l'entreprise est déduit du revenu imposable. |
| Inyubako, ibikoresho n'imashini binini byo mu nganda byicungura buri mwaka, buri cyose ukwacyo hashingiwe ku gipimo cy'ubwicungure kingana na gatanu ku ijana (5%) by'agaciro ko kubibona, kubyubaka, kubinoza, kubisana cyangwa kongera kubyubaka. | Buildings, heavy industrial equipment and machineries are depreciated annually, each on its own, on the basis of the rate of depreciation equivalent to five percent (5%) of the cost of acquisition, construction, refining, rehabilitation or reconstruction. | Les bâtiments, les équipements et les machines industriels lourds sont amortis annuellement et individuellement selon le taux d'amortissement de cinq pour cent (5%) du coût d'acquisition, de construction, d'amélioration, de rénovation ou de reconstruction. |
| Imitungo idafatika iguzwe ku wundi muntu yicungura buri mwaka, buri mutungo ukwawo hashingiwe ku gipimo cy'ubwicungure cy'icumi ku ijana (10%) by'agaciro ko kuwubona cyangwa kuwongerera agaciro. | Intangible assets purchased from a third party are depreciated annually, each on its own, on the basis of the rate of depreciation of ten percent (10%) of the cost of acquisition or value addition. | Des actifs incorporels acquis d'un tiers sont amortis annuellement et individuellement selon le taux d'amortissement de dix pour cent (10%) du coût d'acquisition ou d'ajout de valeur. |
| Ibikoresho by'itangazamakuru n'itumanaho bifite uburambe bungana cyangwa buri hejuru y'imyaka icumi (10) byicungura buri mwaka ku gipimo cy'icumi ku ijana (10%) by'agaciro ko kubibona. | Information and communication systems assets whose life is ten (10) years and above are depreciated annually on the basis of the rate of depreciation of ten percent (10%) of the cost of acquisition. | Les actifs des systèmes d'information et de communication dont la durée de vie est égale ou supérieure à dix (10) ans sont amortis annuellement selon le taux d'amortissement de dix pour cent (10%) du coût d'acquisition. |
| Imitungo iri mu byiciro bikurikira yicungura ishyizwe hamwe hakurikijwe ibipimo bikurikira: | The assets in the following categories are depreciated in a pooling system on the basis of the following rates respectively: | Les actifs des catégories ci-après sont respectivement amortis par groupes aux taux suivants: |
| 1° mudasobwa n'ibijyanye na zo, | 1° computers and accessories, information | 1° les ordinateurs et leurs accessoires, les |

| | | |
|---|---|---|
| ibikoresho by'itangazamakuru n'itumanaho bifite uburambe buri munsi y'imyaka icumi (10) byicungura ku gipimo cya mirongo itanu ku ijana (50%); | and communication systems whose life is under ten (10) years depreciate at the rate of fifty percent (50%); | systèmes d'information et de communication dont la durée de vie est de moins de dix (10) ans sont amortis de cinquante pour cent (50%); |
| 2° undi mutungo wose w'ubucuruzi wicungura ku gipimo cya makumyabiri na gatanu ku ijana (25%). | 2° any other business asset depreciates at the rate of twenty-five percent (25%). | 2° tout autre patrimoine du commerce est amorti de vingt-cinq pour cent (25 %). |
| Ubwicungure bw'imitungo iri mu ikodeshagurisha bwemerewe uhabwa ikodeshagurisha iyo ari ikodeshagurisha rigamije igurisha bukanemererwa utanga ikodeshagurisha iyo ari ikodeshagurisha rigamije ikodesha. | Depreciation of leased assets is allowed to the lessee in case of finance lease and to the lessor in case of operating lease. | L'amortissement des biens faisant l'objet du crédit-bail est permis à l'utilisateur de l'actif en cas de crédit-bail financier et au bailleur en cas de crédit-bail d'opération. |
| Ubutaka, ibikorwa by'ubukorikori, ibikoresho n'imitako bya kera, ibintu bikozwe mu mabuye y'agaciro n'undi mutungo utangirika cyangwa udata agaciro ntibyicungura. | Land, fine arts, antiquities, jewellery and any other assets that are not subject to wear and tear or obsolescence are not depreciated. | Les terrains, les œuvres d'art, les objets antiques, les bijoux et les autres biens qui ne sont pas sujets à détérioration ou à l'obsolescence ne sont pas amortissables. |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Agaciro fatizo k'ubwicungure** | **<u>Article 28:</u> Depreciation basis** | **<u>Article 28:</u> Base d'amortissement** |
| Haseguriwe ibivugwa mu gika cya 2 n'icya 3 by'ingingo ya 27 y'iri tegeko, agaciro fatizo k'ubwicungure ni ikiguzi cyo kubona ikintu. | Notwithstanding the provisions of Paragraphs 2 and 3 of Article 27 of this Law, the depreciation basis for assets is the acquisition value. | Sous réserve des dispositions des alinéas 2 et 3 de l'article 27 de la présente loi, la base d'amortissement des actifs est la valeur d'acquisition. |
| Icyakora, ku bijyanye n'imitungo icungurwa | However, for the assets depreciated in the | Toutefois, pour les biens amortis par groupes, |

| | | |
|---|---|---|
| ishyizwe hamwe, agaciro fatizo k'ubwicungure ni agaciro ko mu gitabo kari mu ifoto y'umutungo mu ntangiriro y'igihe cy'umusoro: | pooling system, their depreciation basis is the book value in the balance sheet at the beginning of the tax period: | la base d'amortissement est la valeur comptable telle qu'enregistrée dans le bilan à l'ouverture de la période imposable : |
| 1° hiyongereyeho ikiguzi cy'umutungo wabonywe cyangwa waremwe n'ikiguzi cyo kunoza, cyo gusana no kongera kubaka uwo mutungo mu gihe cy'umusoro; | 1° increased by the cost of assets acquired or created and the cost of refining, rehabilitation and reconstruction of the assets in the tax period; | 1° augmentée du coût des actifs acquis ou créés et des coûts d'amélioration, rénovation et reconstruction des actifs durant la période imposable; |
| 2° hagabanyijweho igiciro cy'umutungo wagurishijwe n'indishyi zakiriwe mu gihombo cy'umutungo cyatewe n'ibyago kamere cyangwa n'irindi hinduka ribaye mu gihe cy'umusoro. | 2° decreased by the sale price of assets sold and the compensation received for the loss of assets due to natural calamities or other conversion during the tax period. | 2° diminuée du prix de vente des actifs vendus et des indemnités reçues pour la perte d'actifs résultant de catastrophes naturelles ou d'autres transformations durant la période imposable. |
| Iyo agaciro fatizo k'ubwicungure kari munsi ya zero (0), uwo mubare wongerwa ku nyungu y'ubucuruzi hanyuma agaciro fatizo k'ubwicungure kagahinduka zero (0). | If the depreciation basis is less than zero (0), that amount is added to the business profit and the depreciation basis becomes zero (0). | Si la base d'amortissement est inférieure à zéro (0), ce montant est ajouté aux bénéfices et la base d'amortissement devient zéro (0). |
| Iyo agaciro fatizo k'ubwicungure katarenze amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRW), ayo mafaranga yose afatwa nk'ibyemerewe gukurwa mu musaruro usoreshwa. | If the depreciation basis does not exceed five hundred thousand Rwanda francs (FRW 500,000), the entire depreciation basis is deemed to be a deductible expense. | Si la base d'amortissement n'excède pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW), la totalité de la base d'amortissement est considérée comme une dépense déductible. |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Ibitangwa ku mahugurwa no ku bushakashatsi n'iterambere** | **<u>Article 29</u>: Training, research and development expenses** | **<u>Article 29:</u> Dépenses de formation, de recherche et développement** |
| Mu gihe cy'umusoro, ibyatanzwe n'usora ku | During a tax period, all training and research | Durant la période imposable, toutes les |

| | | |
|---|---|---|
| mahugurwa no ku bushakashatsi n'iterambere bigamije guteza imbere ibikorwa by'ubucuruzi bifatwa nk'ibikurwa mu musaruro usoreshwa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 24 y'iri tegeko, iyo byateganyijwe muri gahunda y'ibikorwa by'icyo gihe cy'umusoro. | and development expenses incurred by a taxpayer, which promote business activities, are considered as deductible from taxable income in accordance with provisions of Article 24 of this Law, if they have been declared and planned in the activity plan of that tax period. | dépenses de formation et de recherche pour le développement des activités d'affaires encourues par un contribuable sont considérées comme déductibles du revenu imposable conformément aux dispositions de l'article 24 de la présente loi, si elles ont été déclarées et prévues dans le plan d'activités de cette période imposable. |
| Ibitangwa ku mahugurwa no ku bushakashatsi n'iterambere bigamije guteza imbere ibikorwa by'ubucuruzi ntibireba ibijyanye n'igurwa ry'ubutaka, iry'amazu, iry'inyubako n'ibindi bitimukanwa, harimo no kunoza, gusana no kongera kubaka, kimwe n'ibitangwa mu gushakashaka ibintu n'indi mitungo. | Expenses on training and research and development for the promotion of business activities do not concern the purchase of land, houses, buildings and other immovable properties including refining, rehabilitation and reconstruction as well as assets exploration expenses. | Les dépenses de formation et de recherche pour le développement des activités d'affaires ne concernent pas les coûts d'acquisition y compris l'amélioration, la rénovation et la reconstruction de terrains, bâtiments, locaux et installations et autres immeubles, ainsi que les dépenses pour l'exploration des biens. |
| **<u>Ingingo ya 30:</u> Umwenda utizewe kwishyurwa** | **<u>Article 30</u>: Bad debts** | **<u>Article 30</u>: Créances irrécouvrables** |
| Mu ibarwa ry'inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi, hemerwa ikurwaho ry'amafaranga ajyanye n'umwenda utizewe kwishyurwa iyo hujujwe ibi bikurikira: | In the determination of business profit, a deduction is allowed for bad debts if the following conditions are fulfilled: | Lors de la détermination des bénéfices d'affaires, une déduction pour créance irrécouvrable est autorisée pour autant que les conditions ci-après sont réunies: |
| 1 º umubare w'amafaranga ujyanye n'uwo mwenda wabariwe mbere mu musaruro w'usora; | 1° if an amount corresponding to the debt was previously included in the income of the taxpayer; | 1° un montant correspondant à cette créance a été auparavant inclus dans le revenu du contribuable; |
| 2 º umwenda uhanaguwe mu ibaruramari ry'usora; | 2° if the debt is written off in the books of accounts of the taxpayer; | 2° la créance est annulée dans la comptabilité du contribuable; |

| | | |
|---|---|---|
| 3 º iyo usora yakoze ibishoboka byose mu kwishyuza kandi agaragaza icyemezo cy'urukiko kigaragaza ko umubereyemo umwenda atagifite ubushobozi bwo kwishyura. | 3° if the taxpayer has taken all possible steps in pursuing payment and has shown a court decision declaring the insolvency of his/her debtor. | 3° le contribuable a entrepris toutes les démarches raisonnables pour recouvrer la somme due et a une décision du tribunal constatant l'insolvabilité de son débiteur. |
| Icyakora, umuntu ku giti cye ufitiwe umwenda uri munsi y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshatu (3.000.000 FRW), kandi yujuje ibiteganywa mu gace ka 1° n'aka 2° tw'igika cya mbere cy'iyi ngingo, agaragaza gusa ibimenyetso bifatika by'uko yakoze ibishoboka byose mu gihe cy'imyaka itatu (3), mu kwishyuza umubereyemo umwenda. | However, for an individual whose debt is less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) in addition to the conditions referred to in items 1° and 2° of Paragraph One of this Article, the taxpayer provides proof that he has taken all reasonable steps over a period of three (3) years to recover the debt. | Toutefois, pour une personne physique dont la créance est inférieure à trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW), en plus des conditions prévues aux points 1° et 2° de l'alinéa premier du présent article, le contribuable fournit une preuve attestant qu'il a entrepris des démarches raisonnables pendant une période de trois (3) ans pour recouvrer cette créance. |
| Hatitawe ku biteganywa n'igika cya mbere cy'iyi ngingo, banki, ikigo gikora nka yo n'ikigo cyemerewe gukora imirimo y'ikodeshagurisha byemerewe gukura mu musaruro usoreshwa, iyongerwa iryo ari ryo ryose ry'amafaranga y'igicumbi ku myenda itazishyurwa, nk'uko bisabwa n'amabwiriza ya Banki Nkuru y'u Rwanda yerekeye imicungire y'inguzanyo. | Notwithstanding the provisions of Paragraph One of this Article, a bank, a similar entity and a leasing entity duly licensed as such are allowed to deduct from taxable income, any increase of the mandatory reserve for non-performing loans as required by the directives related to management of loans of the National Bank of Rwanda. | Nonobstant les dispositions de l'alinéa premier du présent article, une banque et une entité dûment agréées dans les activités de crédit-bail sont autorisées à déduire de leur revenu imposable toute augmentation des réserves obligatoires pour les engagements non performants telle que requise par la Banque Nationale du Rwanda en rapport avec la gestion des engagements des crédits des banques et autres établissements financiers. |
| Inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi zongerwaho amafaranga yose yishyuwe aturutse ku myenda itari yizewe kwishyurwa yavanywe kuri ayo mafaranga y'igicumbi. | The business profit is increased by the entire amount recovered from bad debts deducted from such reserves. | Les bénéfices d'affaires sont augmentés de toute somme recouvrée sur les créances irrécouvrables qui étaient déduites de ces réserves. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 31: Iyimuragihombo** | **Article 31: Loss carried forward** | **Article 31: Report des pertes** |
| Iyo ibarwa ry'inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi ryerekanye igihombo mu gihe cy'umusoro, icyo gihombo gishobora gukurwa mu nyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi by'ibihe by'umusoro bitanu (5) bikurikiyeho, ibihombo bya mbere bigakurwamo mbere y'ibihombo bya nyuma. | If the computation of business profit results in a loss in a tax period, the loss may be deducted from the business profit in the next five (5) tax periods, earlier losses being deducted before later losses. | Si la détermination des bénéfices d'affaires fait apparaître une perte pour une période imposable, cette perte peut être déduite des bénéfices d'affaires au cours des cinq (5) exercices fiscaux suivants, les pertes les plus anciennes étant déduites avant les pertes les plus récentes. |
| Icyakora, usora abisabye Ubuyobozi bw'imisoro ashobora kwemererwa iyimuragihombo mu bihe by'umusoro birenze bitanu (5) iyo yujuje ibisabwa. | However, a taxpayer who applies to the tax administration may be allowed to carry forward the loss for more than five (5) tax periods if he or she fulfils the requirements. | Toutefois, un contribuable qui en fait la demande à l'administration fiscale peut être autorisé le report des pertes pour plus de cinq (5) exercices fiscaux s'il remplit les conditions. |
| Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa kugira ngo usora yemererwe iyimuragihombo mu bihe by'umusoro birenze bitanu (5). | A Ministerial Order determines the requirements to carry forward the loss for more than five (5) tax periods. | Un Arrêté Ministériel détermine les conditions de report de la perte sur plus de cinq (5) périodes imposables. |
| Mu gihe cy'umusoro, ibihombo bikomoka mu mahanga ntibikurwa mu nyungu ziriho cyangwa izizaza zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi by'imbere mu gihugu. | During a tax period, foreign sourced losses cannot be deducted from either present or future domestic sourced business profits. | Les pertes d'origine étrangère ne peuvent pas pour le même exercice fiscal être déduites des bénéfices présents ou futurs d'origine intérieure. |
| Iyo mu gihe cy'umusoro, habaye impinduka, haba mu gaciro cyangwa mu mubare w'imigabane, zingana cyangwa zirenze makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) ry'umutungo w'imigabane, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, mu burenganzira bwo gutora bw'isosiyete ifite | If during a tax period, the direct or indirect ownership of the share capital or the voting rights of a company, whose shares are not traded on a recognised stock exchange changes more than twenty-five per cent (25%) by value or by number, provisions of Paragraph One of this Article cease to apply to losses incurred by | Si, au cours d'une période imposable, une modification, en valeur ou en nombre, de vingt-cinq pour cent (25%) ou plus intervient dans la propriété directe ou indirecte du capital social ou des droits de vote d'une société dont les actions ne sont pas négociées sur un marché boursier reconnu, les |

| | | |
|---|---|---|
| imigabane idacuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane ryemewe, ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibikurikizwa ku birebana n'ibihombo byagizwe n'iyo sosiyete mu gihe cy'umusoro no mu bihe by'umusoro byashize. | that company in the tax period and previous tax periods. | dispositions du premier alinéa du présent article ne s'appliquent plus aux pertes encourues par cette société pendant cet exercice fiscal et pendant les exercices fiscaux antérieurs. |
| Icyakora, uburenganzira ku iyimuragihombo bugumaho iyo impinduka zivugwa mu gika cya 5 cy'iyi ngingo zakomotse ku mitunganyirize y'imbere mu isosiyete itarahinduye umubare w'abanyamigabane, kandi bose bakaba bamaze nibura igihe cy'imyaka itatu (3) ari abanyamigabane b'isosiyete. | However, the right to loss carried forward applies if the change referred to in Paragraph 5 of this Article is a result of an internal business reorganisation which maintains all the shareholders, provided that those shareholders have been in the shareholding structure for a period not less than three (3) years. | Cependant, le droit au report des pertes s'applique si la modification visée à l'alinéa 5 du présent article résulte d'une réorganisation interne de la société qui maintient tous les actionnaires, à conditions que ces actionnaires aient été dans la structure de l'actionnariat depuis une période d'au moins trois (3) ans. |
| **<u>Ingingo ya 32</u>: Ihererekanya ry'ibiciro hagati y'abantu bafitanye isano** | **<u>Article 32</u>: Transfer pricing between related persons** | **<u>Article 32</u>: Prix de transfert entre les personnes liées** |
| Iyo abantu bafitanye isano bakora ibikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa, bagomba kuba bafite inyandiko zigaragaza ko ibiciro n'inyungu byabo byubahiriza ihame ry'ihiganwa risesuye. | Related persons involved in controlled transactions must have documents justifying that their prices and profits are applied according to arm's length principle. | Lorsque des personnes liées font des actes commerciaux contrôlés, elles doivent avoir des documents justifiant que leurs prix ou bénéfices respectent le principe de pleine concurrence. |
| Iyo abo bantu badatanze inyandiko cyangwa izo nyandiko zikaba zitagaragaza ko ibiciro n'inyungu byabo byubahirije ihame ry'ihiganwa risesuye, Ubuyobozi bw'imisoro bukosora ibyo biciro cyangwa inyungu bugendeye ku mabwiriza rusange ku ihererekanya ry'ibiciro. | If such persons do not provide documents or the documents provided do not justify that the price and the profit are applied in accordance with the arm's length principle, the tax administration adjusts transaction prices or profits in accordance with general rules on transfer pricing. | Si ces personnes ne fournissent pas les documents ou si les documents ne justifient pas la conformité des prix et bénéfices connexes au principe de pleine concurrence, l'administration fiscale ajuste les prix ou bénéfices en se conformant aux directives générales sur les prix de transfert. |

| | | |
|---|---|---|
| Icyakora, mbere yo kugena uburyo ibiciro bishyirwaho hagati y'abantu bafitanye isano, usora bireba ashobora gusaba Ubuyobozi bw'imisoro kugirana na bwo amasezerano y'igihe runaka yerekeye uburyo bwo gushyiraho ibiciro n'inyungu byubahiriza ihame ry'ihiganwa risesuye. | However, before determining the price arrangement between related persons, the taxpayer may request the tax administration to enter into an advance pricing agreement for a fixed period to determine modalities of setting prices and profit complying with arm's length principle. | Toutefois, avant de déterminer l'arrangement tarifaire entre personnes liées, le contribuable peut demander à l'administration fiscale de conclure un accord préalable sur les prix pour une période déterminée afin de déterminer les modalités de fixation des prix et des bénéfices dans le respect du principe de pleine concurrence. |
| Iteka rya Minisitiri rishyiraho amabwiriza rusange agenga ihererekanya ry'ibiciro. | A Ministerial Order establishes general rules on transfer pricing. | Un Arrêté Ministériel fixe les règles générales de prix de transfert. |
| **Ingingo ya 33: Umusoro wishyurwa mbere buri gihembwe** | **Article 33: Quarterly prepayment** | **Article 33: Acomptes trimestriels** |
| Mu gihe cy'umusoro kiriho, usora amenyekanisha kandi akishyura mbere kuri konti y'Ubuyobozi bw'imisoro, bitarenze ku wa 30 Kamena, ku wa 30 Nzeli no ku wa 31 Ukuboza z'umwaka w'ibikorwa by'ubucuruzi bisoreshwa, umusoro wishyurwa mbere buri gihembwe ubarwa uhereye ku musoro wishyuwe ujyanye n'igihe cy'umusoro cy'umwaka ushize, ukagabanya n'igicuruzo cy'uwo mwaka, ugakuba n'igicuruzo cy'igihembwe gisorerwa. Ayo mafaranga, yishyurwa mbere, abarwa hakuwemo umusoro wafatiriwe muri icyo gihembwe, uretse iyo umusaruro ukomokaho uwo musoro utabarirwa mu musaruro rusange usoreshwa. | During the current tax period, the taxpayer declares and pays to the account of the Tax Administration before and not later than 30 June, 30 September and 31 December of the year of taxable business activities, a quarterly prepayment tax calculated from tax paid for the previous annual tax period divided by the turnover of the same tax period, times the current quarterly turnover. This amount is reduced by the tax withheld in that quarter, unless the taxable income is not included in the total taxable income. | Pendant la période imposable en cours, le contribuable déclare et verse au compte de l'Administration fiscale au plus tard le 30 juin, le 30 septembre et le 31 décembre de l'année des activités commerciales imposables, un acompte trimestriel calculé à partir de l'impôt payé pour la période imposable annuelle précédente divisé par le chiffre d'affaires correspondant à la même période imposable, multiplié par le chiffre d'affaires trimestriel actuel. Cet acompte est réduit de tout impôt retenu à la source pendant le trimestre considéré, sauf si le revenu imposable ne rentre pas dans le revenu total imposable. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo usora akoresheje igihe cy'umusoro kidahuje n'umwaka usanzwe, amafaranga yishyurwa mbere buri gihembwe nk'uko yabazwe hakurikijwe igika cya mbere cy'iyi ngingo, agomba kwishyurwa bitarenze umunsi wa nyuma w'ukwezi kwa gatandatu (6), ukwezi kwa cyenda (9) n'ukwezi kwa cumi n'abiri (12) kw'igihe cy'umusoro yemerewe. | If the taxpayer uses a tax period that does not coincide with the calendar year, the quarterly prepayments as calculated according to Paragraph One of this Article shall be paid not later than the last day of the sixth month (6), the ninth month (9) and the twelfth (12) month of the tax period of which he or she is allowed. | Si le contribuable utilise une période imposable qui ne coïncide pas avec l'année calendaire, les acomptes trimestriels visés à l'alinéa premier du présent article sont exigibles au plus tard le dernier jour des sixième (6), neuvième (9) et douzième (12) mois de cette période imposable qui lui est permise. |
| Iyo usora yatangiye ubucuruzi bwe mu gihe cy'umusoro cyashize, igicuruzo cy'igihe cy'umusoro cy'umwaka ushize kibarwa uhereye ku gicuruzo cye cy'igihembwe gisorerwa ukagabanya n'umubare w'amezi y'igihe cy'umusoro cy'umwaka ushize usora yakozemo ibikorwa bye by'ubucuruzi, ugakuba n'umubare w'amezi cumi n'abiri (12). | If the taxpayer started his or her business activities during the previous tax period, the turnover of the previous annual tax period is calculated from his or her turnover of the current quarter divided by the number of months of the previous annual tax period during which the taxpayer carried on his or her business activities, times twelve (12) months. | Si le contribuable a commencé ses activités pendant la période imposable précédente, le chiffre d'affaires de la période imposable annuelle précédente est calculé à partir de son chiffre d'affaires du trimestre en cours divisé par le nombre de mois de la période imposable annuelle précédente pendant lesquels le contribuable a exercé ses activités commerciales, multiplié par douze (12) mois. |
| **<u>Icyiciro cya 4:</u> Umusaruro ukomoka ku ishoramari** | **<u>Section 4</u>: Investment income** | **<u>Section 4</u>: Revenu des investissements** |
| **<u>Ingingo ya 34</u>: Ibigize umusaruro ukomoka ku ishoramari** | **<u>Article 34</u>: Components of investment income** | **<u>Article 34</u>: Composantes du revenu des investissements** |
| Umusaruro ukomoka ku ishoramari ukubiyemo ibyishyurwa cyangwa ibishobora kwishyurwa umuntu mu mafaranga cyangwa mu bintu, nk'inyungu zo mu rwego rw'imari, inyungu ku migabane, umusaruro ukomoka ku mutungo bwite mu by'ubwenge, | Investment income includes any payments in cash or in kind to a person in the form of financial interest, dividends, royalties, proceeds from sale or transfer of shares, debentures, bonds, other intangibles or rent which has not been taxed as business income | Le revenu des investissements comprend tout paiement en espèces ou en nature reçu par une personne sous forme d'intérêts, de dividendes, de redevances sur une propriété intellectuelle, de produit de vente ou de cession des actions, des obligations non |

| | | |
|---|---|---|
| amafaranga akomoka ku igurishwa cyangwa itangwa ry'imigabane, imigabane nguzanyo, indi mitungo idafatika cyangwa ubukode bitishyuweho umusoro ku musaruro ukomoka ku bikorwa by'ubucuruzi hakurikijwe ibiteganyijwe mu cyiciro cya 3 cy'uyu mutwe. | in accordance with provisions of Section 3 of this Chapter. | garanties, des obligations, autres biens incorporels ou un loyer qui n'a pas été imposé en tant que bénéfice d'affaires en vertu de la section 3 du présent chapitre. |
| **<u>Ingingo ya 35</u>: Umusoro ku gaciro kiyongereye** | **<u>Article 35</u>: Capital gain tax** | **<u>Article 35</u>: Impôt sur la plus-value** |
| Bitabangamiye ibiteganywa mu gika cya mbere cy'ingingo ya 19 y'iri tegeko, umusoro ku gaciro kiyongereye ucibwa ku igurishwa cyangwa itangwa ry'imigabane, ryakozwe mu buryo buziguye cyangwa butaziguye rikorewe mu Rwanda cyangwa hanze y'u Rwanda. | Without prejudice to the provisions of Paragraph one of Article 19 of this Law, capital gain tax is charged on the direct or indirect sale or transfer of shares carried out in Rwanda or abroad. | Sans préjudice des dispositions de l'alinéa premier de l'article 19 de la présente loi, l'impôt sur la plus-value est imposé sur la vente ou la cession directe ou indirecte des actions effectuée au Rwanda ou à l'étranger. |
| Agaciro kiyongereye ku igurishwa cyangwa ku itangwa ry'imigabane ni ikinyuranyo kiri hagati y'agaciro imigabane yaguzweho n'agaciro imigabane yagurishijweho cyangwa yatanzweho. | The capital gain on sale or transfer of shares is the difference between the acquisition value of shares and their selling or transfer price. | La plus-value provenant de la vente ou la cession des actions est la différence entre le coût d'acquisition et le prix de vente ou de cession des actions. |
| **<u>Ingingo ya 36</u>: Igipimo cy'umusoro ku gaciro kiyongereye** | **<u>Article 36:</u>Tax rate on capital gain** | **<u>Article 36:</u> Taux d'impôt sur la plus-value** |
| Igipimo cy'umusoro ku gaciro kiyongereye ni gatanu ku ijana (5%) by'agaciro kiyongereye. | The tax rate on capital gain is five percent (5%) applicable on the gain. | Le taux d'impôt sur la plus-value est de cinq (5%) applicable sur la plus-value. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 37</u>: Ifatira n'imenyekanisha ry'umusoro ku gaciro kiyongereye** | **<u>Article 37</u>: Withholding and declaration of capital gain tax** | **<u>Article 37</u>: Retenue et déclaration de l'impôt sur la plus-value** |
| Umusoro ku gaciro kiyongereye ukomoka ku igurishwa cyangwa itangwa ry'imigabane mu buryo buziguye cyangwa butaziguye ufatirwa n'isosiyete ikorera imbere mu gihugu yabereyemo impinduka mu migabane cyangwa abanyamigabane bayo barahinduwe n'igurishwa cyangwa itangwa ry'imigabane. | The capital gain tax on the direct or indirect sale or transfer of shares is withheld by the resident company whose shareholding structure has been modified or shareholders changed by such a sale or transfer. | L'impôt sur la plus-value provenant de la vente ou la cession d'actions directe ou indirecte est retenu par la société résidente dont la structure de l'actionnariat a été modifiée ou les actionnaires ont été changés par ladite vente ou cession. |
| Isosiyete ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo imenyekanisha ikanishyura umusoro ku gaciro kiyongereye mu Buyobozi bw'imisoro mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) ikurikira ukwezi igurishwa cyangwa itangwa ry'imigabane ryabereyemo. | The company referred to in Paragraph One of this Article declares and pays the capital gain tax to the tax administration within fifteen (15) days following the month in which the sale or transfer of shares occurred. | La société visée à l'alinéa premier du présent article déclare et paie l'impôt sur la plus-value à l'administration fiscale endéans quinze (15) jours suivant le mois dans lequel la vente ou la cession des actions a été effectuée. |
| **<u>Ingingo ya 38</u>: Isonerwa ry'umusoro ku gaciro kiyongereye** | **<u>Article 38</u>: Exemption from capital gain tax** | **<u>Article 38</u>: Exonération de l'impôt sur la plus-value** |
| Agaciro kiyongereye bikomotse ku igurishwa cyangwa itangwa ry'imigabane n'izindi nyandiko z'agaciro biri ku isoko ry'imari n'imigabane rikorera mu Rwanda n'agaciro kiyongereye bikomotse ku igurishwa cyangwa itangwa ry'imigabane cyangwa ibice fatizo by'umugabane mu bigega by'ishoramari by'abishyize hamwe gasonewe umusoro ku gaciro kiyongereye. | Capital gain from the sale or transfer of listed shares and other securities on the securities exchange operating in Rwanda and capital gain from the sale or transfer of shares or units of the collective investment schemes is exempted from capital gain tax. | La plus-value provenant de la vente ou la cession des actions sur le marché des capitaux et la plus-value provenant de la vente ou la cession des unités des fonds d'investissement collectifs est exonérée de l'impôt sur la plus-value. |

| Kinyarwanda | English | Français |
| --- | --- | --- |
| **<u>Ingingo ya 39</u>: Inyungu zo mu rwego rw'imari** | **<u>Article 39</u>: Financial income** | **<u>Article 39</u>: Revenu financier** |
| Inyungu zo mu rwego rw'imari zikubiyemo: | Financial income includes: | Le revenu financier comprend: |
| 1° inyungu zikomoka ku nguzanyo, ku migabane nguzanyo no ku zindi nyandiko z'agaciro ku mwenda; | 1° income from loans, debentures or other debt securities; | 1° le revenu de prêts, débentures ou autres titres de créance; |
| 2° inyungu zikomoka ku mafaranga abitse; | 2° income from deposits; | 2° le revenu des dépôts; |
| 3° inyungu zikomoka ku ngwate; | 3° income from guarantees; | 3° le revenu des garanties; |
| 4° inyungu zikomoka ku nyandiko mvunjwafaranga za Leta, izikomoka ku migabane nguzanyo, izikomoka ku nyandiko z'agaciro zishobora gucuruzwa zitanzwe na Leta, izikomoka ku nyandiko z'agaciro zitangwa n'amasosiyete cyangwa abandi bantu ndetse n'umusaruro ukomoka ku nyandiko z'agaciro mvunjwafaranga zishobora gucuruzwa. | 4° income from government securities, negotiable securities issued by the Government, securities issued by companies or other persons as well as income from cash negotiable securities. | 4° le revenu des titres publics, des obligations, des titres négociables émis par l'État, des titres émis par des sociétés ou autres personnes ainsi que le revenu des titres négociables en espèces. |
| **<u>Ingingo ya 40</u>: Inyungu ku migabane** | **<u>Article 40</u>: Dividend** | **<u>Article 40</u>: Dividendes** |
| Inyungu ku migabane zikubiyemo inyungu zikomoka ku migabane mu masosiyete ayo ari yo yose, izindi nyungu zisa na zo zishobora gutangwa n'ibigo byose byishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete | Dividend income includes income from shares in any societies, other similar income that may be generated by all entities that pay corporate income tax, as well as the outstanding balance after the taxation of income from the correction | Le revenu sous forme de dividende comprend le revenu produit par les actions dans les sociétés de toutes formes, les revenus assimilables qui peuvent être générés par les entités qui paient l'impôt sur les bénéfices des |

| | | |
|---|---|---|
| n'amafaranga asigaye nyuma y'isoresha ry'inyungu zibonetse mu ikosora rikorwa n'Ubuyobozi bw'imisoro mu ihererekanya ry'ibiciro. | made by the Tax Administration in the transfer pricing. | sociétés, ainsi que le solde après l'imposition de l'intérêt acquis lors de la correction effectuée par l'Administration fiscale dans le prix de transfert. |
| **<u>Ingingo ya 41</u>: Umusaruro ukomoka ku mutungo bwite mu by'ubwenge** | **<u>Article 41</u>: Royalty** | **<u>Article 41</u>: Redevances** |
| Umusaruro ukomoka ku mutungo bwite mu by'ubwenge ukubiyemo ubwishyu bwose bwakiriwe cyangwa bushobora kwakirwa: | Royalty income includes all payments of any kind received or receivable: | Le revenu sous forme de redevances comprend tous les paiements de toute nature reçus ou à recevoir: |
| 1 º ku kubyaza umusaruro cyangwa ku ruhushya rwo kubyaza umusaruro uburenganzira bw'umuhanzi ku gihangano cy'ubuvanganzo, icy'ubukorikori cyangwa igishingiye ku bumenyi harimo amashusho ya sinema, amashusho cyangwa kasete bikoreshwa mu isakaza rya radiyo cyangwa televiziyo; | 1° on the use of or the right to use any copyright of literary, craftsmanship or scientific work including cinematograph films, films or tapes used for radio or television broadcasting; | 1° sur l'utilisation ou du droit d'utiliser des droits d'auteur afférents à une œuvre littéraire, artistique ou scientifique y compris les films cinématographiques ainsi que les films ou enregistrements utilisés pour les émissions radiophoniques ou télévisées; |
| 2 º ku gukoresha, ku burenganzira bwo gukoresha cyangwa bwo kubyaza umusaruro ikirango cy'ubucuruzi, izina ry'ubucuruzi, indangamiterere cyangwa ikitegererezo, ibihangano by'ikoranabuhanga, porogaramu za mudasobwa n'impamyabuvumbuzi; | 2° on the use, right to use or exploitation of a trademark or a tradename, a design or a model, a computer application, a software and a patent; | 2° de l'utilisation, du droit d'utilisation ou de l'exploitation d'une marque ou d'un nom commercial, prototype ou modèle, application informatique et brevet d'invention; |
| 3 º nk'igiciro cyangwa ikiguzi cyo gukoresha cyangwa uburenganzira bwo | 3° as the price or consideration of using, or of the right to use industrial, commercial | 3° comme le coût ou la contrepartie de l'utilisation ou du droit d'utiliser un |

| | | |
|---|---|---|
| gukoresha ibikoresho by'inganda, by'ubucuruzi, by'ubumenyi cyangwa gukoresha amakuru yatanzwe ku birebana n'ubuzobere mu by'inganda, mu by'ubucuruzi cyangwa mu by'ubumenyi cyangwa forumire; | or scientific equipment or for using information concerning industrial, commercial or scientific knowledge or formula; | équipement industriel, commercial, scientifique ou pour utiliser des informations concernant des connaissances ou des formules industrielles, commerciales ou scientifiques; |
| 4 º uburenganzira ku ikoreshwa ry'umutungo kamere. | 4° on the right to exploit or explore natural resource. | 4° pour l'exploitation des ressources naturelles. |
| **<u>Ingingo ya 42:</u> Isoresha ry'inyungu zikomoka ku bukode** | **<u>Article 42:</u> Taxation of rental income** | **<u>Article 42:</u> Imposition du revenu locatif** |
| Inyungu zikomoka ku bukode bw'imashini n'ibindi bikoresho harimo ibikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi biri mu Rwanda, zibarirwa mu nyungu zitangwaho umusoro zivanywemo: | All revenues derived from rent of machinery and other equipment including agriculture and livestock equipment in Rwanda, are included in taxable income, reduced by: | Le revenu imposable inclut les recettes provenant de la location de machines et d'autres équipements dont les équipements agricoles et d'élevage situés au Rwanda, réduites: |
| 1° icumi ku ijana (10%) by'amafaranga yose yinjiye bifatwa nk'amafaranga ashobora gukoreshwa; | 1° ten percent (10%) of gross revenue as deemed expense; | 1° de dix pour cent (10%) des recettes brutes à titre de dépenses estimatives; |
| 2° inyungu zishyuwe ku mafaranga y'inguzanyo z'amabanki; | 2° interest paid on loans; | 2° des intérêts payés en vertu des crédits bancaires; |
| 3° amafaranga y'ubwicungure abazwe nk'uko biteganywa mu ngingo ya 27 y'iri tegeko. | 3° depreciation expenses calculated as provided for by Article 27 of this Law. | 3° des dépenses d'amortissement déterminées conformément à l'article 27 de la présente loi. |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA III: UMUSORO KU NYUNGU Z'AMASOSIYETE** | **CHAPTER III: CORPORATE INCOME TAX** | **CHAPITRE III: IMPÔT SUR LES BÉNÉFICES DES SOCIÉTÉS** |
| **Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange zerekeye umusoro ku nyungu z'amasosiyete** | **Section one: General provisions for corporate income tax** | **Section première: Dispositions générales pour l'impôt sur les bénéfices des sociétés** |
| **Ingingo ya 43: Ishingiro ry'umusoro ku nyungu z'amasosiyete** | **Article 43: Base for corporate income tax** | **Article 43: Assiette de l'impôt sur les bénéfices des sociétés** |
| Umusoro ku nyungu z'amasosiyete ukurwa ku nyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi zabonywe n'abasora batari abantu ku giti cyabo. | Corporate income tax is levied on business profits received by taxpayers other than individuals. | L'impôt sur les bénéfices des sociétés est prélevé sur les bénéfices d'affaires des contribuables autres que des personnes physiques. |
| **Ingingo ya 44: Abasora umusoro ku nyungu z'amasosiyete** | **Article 44: Taxpayers of corporate income tax** | **Article 44: Contribuables de l'impôt sur les bénéfices des sociétés** |
| Abasora bakurikira bishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete: | The following taxpayers are subject to corporate income tax: | Les contribuables suivants sont assujettis à l'impôt sur les bénéfices des sociétés: |
| 1° isosiyete yashyizweho hakurikijwe amategeko y'u Rwanda n'isosiyete mvamahanga yanditswe mu Rwanda; | 1° a company established in accordance with Rwandan law and a foreign company registered in Rwanda; | 1° une société constituée conformément à la législation rwandaise et une société commerciale étrangère enregistrée au Rwanda; |
| 2° koperative; | 2° [redacted] | 2° une coopérative; |
| 3° isosiyete y'ubucuruzi ya Let [redacted] | 3° a State-owned company; | 3° une société commerciale de l'État; |
| 4° ucunga iby'abandi w'umwuga, ushinzwe [redacted] cyangwa | 4° trustee, enforcer or protector of a trust; | 4° un fiduciaire, exécuteur ou protecteur d'une fiducie; |

| | | |
|---|---|---|
| umurinzi w'ubwizerane; | | |
| 5° fondasiyo; | 5° a foundation; | 5° une fondation; |
| 6° isosiyete ibumbye ibice birinzwe cyangwa igice cy'isosiyete ibumbye ibice birinzwe bitewe n'amahitamo y'umushoramari mu gihe cyo kwandikisha isosiyete; | 6° a protected cell company or a cell of a protected cell company depending on the choice of the investor at the time of company registration; | 6° une société à cellules protégées ou une cellule d'une société à cellules protégées suivant le choix d'un investisseur au moment de l'enregistrement de la société; |
| 7° umuntu udatuye mu Rwanda uhafite icyicaro gihoraho; | 7° a non-resident in Rwanda person with a permanent establishment; | 7° une personne non résidente au Rwanda ayant un établissement stable; |
| 8° ikigo cyashyizweho n'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali iyo icyo kigo gikora imirimo ibyara inyungu; | 8° an entity established by a District or the City of Kigali if that entity performs an income generating activity; | 8° une entité établie par un District ou la Ville de Kigali si cette entité exerce une activité lucrative; |
| 9° umuryango w'abantu cyangwa ikigo bikora ibikorwa bigamije kubyara inyungu, hatitawe ku miterere yabyo. | 9° an association or entity that is established to realise profits regardless of its nature. | 9° une association ou entité mise en place pour réaliser des bénéfices quelle que soit sa nature. |
| Abasora bavugwa mu gace ka 1°, aka 2° n'aka 3° tw'igika cya mbere cy'iyi ngingo bafatwa nk'abakoresha umutungo wabo wose mu mirimo y'ubucuruzi bwabo kandi umusaruro wabo wose ukomoka ku mirimo yabo y'ubucuruzi. | Taxpayers mentioned under Items 1°, 2° and 3° of Paragraph One of this Article are considered as if they conduct business with their whole equity and all their revenues are received from their business activities. | Les contribuables visés aux points 1°, 2° et 3° de l'alinéa premier du présent article sont réputés exercer leurs activités d'affaires avec la totalité de leurs ressources et toutes leurs recettes proviennent de leurs activités d'affaires. |
| **<u>Ingingo ya 45</u>: Abasonewe umusoro ku nyungu z'amasosiyete** | **<u>Article 45</u>: Persons exempted from corporate income tax** | **<u>Article 45</u>: Personnes exonérées de l'impôt sur les bénéfices des sociétés** |
| Abasonewe umusoro ku nyungu | The following are exempted from corporate | Les personnes suivantes sont exonérées de |

| | | |
|---|---|---|
| z'amasosiyete ni aba bakurikira : | income tax: | l'impôt sur les bénéfices des sociétés : |
| 1° Leta y'u Rwanda; | 1° the Government of Rwanda; | 1° Le Gouvernement du Rwanda ; |
| 2° Umujyi wa Kigali; | 2° the City of Kigali ; | 2° la Ville de Kigali; |
| 3° akarere; | 3° the district | 3° le district ; |
| 4° Banki Nkuru y'u Rwanda; | 4° the National Bank of Rwanda; | 4° la Banque Nationale du Rwanda; |
| 5° imiryango ikora gusa ibikorwa byerekeranye n'imyemerere, ubutabazi, ubugiraneza, ubumenyi cyangwa uburezi uretse iyo bigaragaye ko amafaranga byinjije aruta ayo byakoresheje cyangwa iyo bikora ubucuruzi; | 5° organisations that carry out only faith-oriented activities, humanitarian, charitable, scientific or educational character unless the revenue received exceeds the corresponding expenses or if those entities conduct a business; | 5° les entités qui exercent uniquement des activités à caractère religieux, humanitaire, caritatif, scientifique ou éducatif sauf s'il est avéré que leurs recettes sont supérieures à leurs dépenses ou qu'elles exercent des activités commerciales; |
| 6° imiryango mpuzamahanga cyangwa imiryango y'ubufatanye mu bya tekiniki iyo uko gusonerwa umusoro biteganywa n'amasezerano mpuzamahanga cyangwa amasezerano iyo miryango yagiranye na Leta y'u Rwanda; | 6° international organisations or agencies of technical cooperation if such exemption is provided for by international agreements or an agreement concluded between these organisations and the Government of Rwanda; | 6° les organisations internationales, les agences de coopération technique si cette exonération est prévue par des accords internationaux ou accord conclu entre ces organisations et le Gouvernement du Rwanda; |
| 7° ibigega bya pansiyo byemewe; | 7° qualified pension funds; | 7° les fonds de pension qualifiés; |
| 8° urwego rwa Leta rufite ubwiteganyirize mu nshingano; | 8° public institution in charge of social security; | 8° l'établissement public ayant la sécurité sociale dans ses attributions; |
| 9° Banki Itsura Amajyambere y'u Rwanda; | 9° Development Bank of Rwanda; | 9° la Banque Rwandaise de Développement; |

| | | |
|---|---|---|
| 10° Ikigega cy'ubwizerane "Agaciro Development Fund"; | 10° Agaciro Development Fund Corporate Trust; | 10° la fiducie du Fonds de Développement Agaciro; |
| 11° Ikigega kigamije guteza imbere imishinga mito n'iciriritse igamije ubucuruzi "BDF Ltd"; | 11° Business Development Fund limited, "BDF Ltd"; | 11° le Fonds de développement des petites et moyennes entreprises "BDF Ltd"; |
| 12° urwego rukoreshwa ku mpamvu zihariye uretse iyo bigaragaye ko amafaranga rwinjije aruta ayo rwakoresheje; | 12° special purpose vehicle, unless the revenue received exceeds the corresponding expenses; | 12° l'organe à objectif spécial sauf s'il est avéré que ses recettes sont supérieures à leurs dépenses; |
| 13° fondasiyo y'inyungu zisangiwe; | 13° common benefit foundations; | 13° les fondations d'utilité commune; |
| 14° ucunga iby'abandi w'umwuga utuye mu Rwanda ku musaruro winjijwe n'ubwizerane mvamahanga. | 14° resident trustee for income earned by a foreign trust. | 14° le fiduciaire résidant pour le revenu tiré d'une fiducie étrangère. |
| Icyakora, abasonewe umusoro ku nyungu z'amasosiyete basabwa gushyikiriza Ubuyobozi bw'imisoro ibitabo by'ibaruramari bitarenze itariki ya 31 Werurwe ikurikira igihe cy'umusoro cyangwa amezi atatu (3) akurikira igihe cy'umusoro cyihariye gihabwa abasora babisabye hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 8 y'iri tegeko. | However, persons exempted from corporate income tax are required to submit to the tax administration their financial statements not later than 31st March following the tax period or three (3) months following specific tax period granted to taxpayers who have made an application in accordance with provisions of Article 8 of this Law. | Toutefois, les entités exonérées de l'impôt sur les bénéfices des sociétés sont tenues de soumettre à l'administration fiscale leurs états financiers au plus tard le 31 mars qui suit la période imposable ou trois (3) mois suivant la période d'imposition accordée spécifiquement aux contribuables qui en font demande conformément aux dispositions de l'article 8 de la présente loi. |
| **Ingingo ya 46: Ibigo bitanga umusoro ku nyungu z'amasosiyete ku gipimo cya *zero*** | **Article 46: Zero-rated entities** | **Article 46: Entités imposées au taux zéro** |
| Ibigo by'imari iciriritse byakira amafaranga abitswa byemejwe n'inzego zibifitiye | Deposit-taking Microfinance institutions approved by competent authorities pay | Les institutions de microfinance de dépôt agréées par les autorités compétentes paient |

| | | |
|---|---|---|
| ububasha bisora umusoro ku nyungu z'amasosiyete ku gipimo cya zero ku ijana (0%) mu gihe cy'imyaka itanu (5), guhera igihe byemerewe. | corporate income tax at the rate of zero percent (0%) for a period of five (5) years from the time of their approval. | l'impôt sur les bénéfices des sociétés au taux zéro (0%) pendant une période de cinq (5) ans qui court à partir de la date d'agrément. |
| Icyakora, icyo gihe gishobora kongerwa mu gihe ibyo bigo byujuje ibisabwa. | However, this period may be renewed where such entities fulfil the required conditions. | Toutefois, cette période peut être renouvelée lorsque ces entités remplissent les conditions prescrites. |
| Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa kugira ngo ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa cyongererwe igihe cyo gusora umusoro ku nyungu z'amasosiyete ku gipimo cya zero ku ijana (0%). | A ministerial order determines conditions for extending the duration for deposit-taking Microfinance institutions to pay corporate income tax at the rate of zero percent (0%). | Un arrêté ministériel détermine les conditions de prorogation de la durée d'acquittement de l'impôt sur les sociétés au taux de zéro pour cent (0%) par les Institutions de Microfinance de dépôts. |
| Ibigo bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bisabwa gushyikiriza Ubuyobozi bw'imisoro ibitabo by'ibaruramari bitarenze ku itariki ya 31 Werurwe ikurikira igihe cy'umusoro cyangwa amezi atatu (3) akurikira igihe cy'umusoro cyihariye gihabwa abasora babisabye hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 8 y'iri tegeko. | Entities referred to in Paragraph one of this Article are required to submit to the Tax Administration their financial statements not later than 31 March following the tax period or three (3) months following a specific tax period granted to taxpayers who have made an application in accordance with provisions of Article 8 of this Law. | Les entités mentionnées à l'alinéa premier du présent article sont tenues de soumettre à l'Administration fiscale leurs états financiers au plus tard le 31 mars qui suit la période imposable ou trois (3) mois suivant une période d'imposition déterminée accordée aux contribuables qui en ont fait la demande conformément aux dispositions de l'article 8 de la présente loi. |
| **<u>Ingingo ya 47</u>: Ibigo birebwa n'inshingano yo kwishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete** | **<u>Article 47</u>: Entities liable to corporate income tax** | **<u>Article 47</u>: Entités visées par l'obligation fiscale sur les bénéfices des sociétés** |
| Ibigo bifite icyicaro mu Rwanda byishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete kuri buri gihe cy'umusoro, zaba zikomoka ku bikorwa bikorera mu Rwanda cyangwa mu mahanga. | Resident entities are liable to corporate income tax on business profit per tax period whether from domestic or foreign operations. | Les entités résidentes sont redevables de l'impôt sur les bénéfices des sociétés pour chaque période imposable, que ces bénéfices soient des opérations d'origine nationale ou étrangère. |

| | | |
|---|---|---|
| Icyakora, amasosiyete afite icyicaro mu Rwanda ntabarira mu nyungu z'amasosiyete zisoreshwa inyungu ku migabane zatanzwe hagati yayo n'inyungu z'ivunjisha zikomoka ku mwenda utarishyurwa. | However, dividends paid between resident companies and unrealised foreign exchange gains on outstanding loan are excluded from corporate taxable income. | Toutefois, les dividendes payés entre sociétés résidentes et les bénéfices de change non réalisés sont exclus du revenu imposable des sociétés. |
| Ibigo bidafite icyicaro mu Rwanda, binyujijwe ku byicaro bihoraho byabyo biri mu Rwanda, byishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete kuri buri gihe cy'umusoro nk'uwishyurwa n'amasosiyete afite icyicaro mu Rwanda. | Non-resident entities are liable to corporate income tax on business profit per tax period which is equivalent to the income tax applicable to resident entities through their permanent establishments in the country. | Les entités non-résidentes sont redevables du même impôt sur les bénéfices des sociétés pour chaque exercice fiscal que pour les entités résidentes et ce à travers leurs établissements stables. |
| **<u>Ingingo ya 48</u>: Igipimo cy'umusoro ku nyungu z'amasosiyete** | **<u>Article 48</u>: Corporate income tax rate** | **<u>Article 48</u>: Taux d'imposition sur les bénéfices des sociétés** |
| Inyungu zisoreshwa zibarwa ku mubare uburungushuye w'amafaranga y'u Rwanda igihumbi (1.000 FRW) kandi zikishyurwaho umusoro ku gipimo cya mirongo itatu ku ijana (30%). | Taxable Business profit is rounded down to the nearest one thousand Rwandan Francs (FRW 1.000) and taxable at a rate of thirty percent (30%). | Le montant des bénéfices imposables est arrondi au millier de francs rwandais (1000 FRW) et taxé au taux de trente pour cent (30%). |
| Icyakora, isosiyete yiyandikishije bwa mbere ku isoko ry'imari n'imigabane ryo mu Rwanda yishyura umusoro ku bipimo bikurikira mu gihe cy'imyaka itanu (5) uhereye igihe yiyandikishirije: | However, a newly listed company on capital market is taxed for a period of five (5) years starting from the date of listing on the following rates: | La société nouvellement enregistrée sur le marché des capitaux paie l'impôt sur les bénéfices pendant une période de cinq (5) ans à compter de la date d'enregistrement aux taux suivants: |
| 1° makumyabiri ku ijana (20%), iyo iyo sosiyete igurisha kuri rubanda nibura mirongo ine ku ijana (40%) by'imigabane yayo; | 1° twenty percent (20%) if that company sells at least forty percent (40%) of its shares to the public; | 1° vingt pour cent (20%) si cette société vend au public au moins quarante pour cent (40%) de **ses** actions; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) iyo iyo sosiyete igurisha kuri rubanda nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'imigabane yayo; | 2° twenty five percent (25%) if that company sells at least thirty percent (30%) of its shares to the public; | 2° vingt-cinq pour cent (25%) si cette société vend au public au moins trente pour cent (30%) de **ses** actions ; |
| 3° makumyabiri n'umunani ku ijana (28%) iyo iyo sosiyete igurisha kuri rubanda nibura makumyabiri ku ijana (20%) by'imigabane yayo. | 3° twenty eight percent (28%) if that company sells at least twenty percent (20%) of its shares to the public. | 3° vingt-huit pour cent (28%) si cette société vend au public au moins vingt pour cent (20%) de leurs actions. |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Inyungu z'amasosiyete** | **<u>Section 2</u>: Corporate income** | **<u>Section 2</u>: Bénéfices des sociétés** |
| **<u>Ingingo ya 49</u>: Isoresha ry'inyungu z'amasosiyete** | **<u>Article 49</u>: Corporate income taxation** | **<u>Article 49</u>: Imposition des bénéfices des sociétés** |
| Inyungu z'amasosiyete zisoreshwa mu buryo bumwe n'iz'umuntu ku giti cye nk'uko biteganyijwe mu ngingo ziri mu mutwe wa II w'iri tegeko werekeye umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye uretse ingingo ya 14 n'ingingo zose zerekeye umusoro ku musaruro ukomoka ku murimo. | The corporate income is taxable in the same way as personal income as provided for by provisions of Chapter II of this Law dealing with personal income tax except provisions of Article 14 as well as all other provisions on employment income tax. | Les revenus des sociétés sont imposables de la même façon que les bénéfices des personnes physiques tel que prévu aux dispositions du Chapitre II de la présente loi relatif à l'impôt sur les bénéfices des personnes physiques sauf des dispositions de l'article 14 ainsi que les autres dispositions de l'impôt sur le revenu de l'emploi. |
| Icyakora, amasosiyete akurikira yishyura umusoro mu buryo bukurikira: | However, the following companies pay tax as follows: | Toutefois, les sociétés suivantes paient l'impôt comme suit: |
| 1° amasosiyete akora ibikorwa by'ubucuruzi biciriritse yishyura umusoro ucishirije wa gatatu ku ijana (3%) by'ibyacurujwe; | 1° small business pay a lump sum tax of three per cent (3%) of the turnover; | 1° les petites entreprises paient une taxe forfaitaire de trois pour cent (3%) du chiffre d'affaires; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° amasosiyete akora ibikorwa by'ubucuruzi bito atanga umusoro ukomatanyije ugaragara mu mbonerahamwe iteganyijwe mu ngingo ya 14 y'iri tegeko; | 2° micro-enterprise pay the flat tax whose amount is indicated in the table referred to under Article 14 of this Law; | 2° les micro-entreprises paient l'impôt global dont le montant est indiqué au tableau prévu à l'article 14 de la présente loi; |
| 3° bitabangamiye uburenganzira bwayo bwo gusora ku nyungu nyakuri, amasosiyete akora serivisi yo gutwara abantu cyangwa ibintu mu nzira y'ubutaka atanga umusoro ukomatanyije ubarwa mu buryo bugaragara ku mugereka w'iri tegeko. | 3° without prejudice to real profit tax regime, companies operating in the transport of persons and goods by road pay a flat tax calculated as indicated in the Annex of this Law. | 3° sans préjudice du régime de l'impôt sur le profit réel, les sociétés de transport des personnes et des biens paient un impôt calculé suivant l'annexe de la présente loi. |
| **<u>Ingingo ya 50</u>: Isoresha ry'inyungu z'amasosiyete akora ubucuruzi bw'imikino y'amahirwe** | **<u>Article 50:</u> Taxation of income for companies carrying out gaming activities** | **<u>Article 50 :</u> Imposition des bénéfices des sociétés exerçant des activités de jeux de hasard** |
| Amasosiyete akora ubucuruzi bw'imikino y'amahirwe yishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete wa 30% umenyekanishwa kandi ukishyurwa nk'uko biteganywa n'iri tegeko. | Companies carrying out gaming activities declare and pay corporate income tax of thirty percent (30%) in accordance with provisions of this Law. | Les sociétés exerçant des activités de jeux de hasard paient une taxe de trente pour cent (30%) sur les revenus déclarés conformément aux dispositions de la présente loi. |
| Icyakora, amasosiyete akora ubucuruzi bw'imikino y'amahirwe yishyura umusoro wa cumi na gatatu ku ijana (13%) ubarirwa ku kinyuranyo hagati y'amafaranga yakiriwe n'usora n'ibihembo byatsindiwe. | However, companies carrying out gaming activities pay the tax of thirteen percent (13%) on gaming activities calculated based on the difference between the total amount placed for betting and the winnings awarded. | Toutefois, les entreprises exerçant des activités de jeu de hasard paient la taxe de treize pour cent (13%) sur les activités de jeu calculée en fonction de la différence entre le montant total placé pour les paris et les gains attribués. |
| Usora agomba gukora imenyekanisha ry'umusoro ku mikino y'amahirwe uvugwa | The taxpayer must prepare his or her | Le contribuable doit établir sa déclaration de taxe sur les activités jeux de hasard visées à |

| | | |
|---|---|---|
| mu gika cya 2 cy'iyi ngingo hakurikijwe impapuro n'uburyo bugenwa n'Ubuyobozi bw'imisoro no kuwishyura mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) ikurikira impera za buri kwezi. | declaration of tax on gaming activities referred to under Paragraph 2 of this Article in accordance with the form and procedure prescribed by the Tax administration and pay the tax due in a period not exceeding fifteen (15) days following the end of each month. | l'alinéa 2 du présent article selon la forme et la procédure prescrites par l'administration fiscale et acquitter la taxe due dans un délai n'excédant pas quinze (15) jours suivant la fin de chaque mois. |
| Umusoro uvugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo uvanwa mu musaruro usoreshwa mu gihe cyo kubara umusoro ku nyungu z'amasosiyete. | The tax referred to under Paragraph 2 of this Article is deductible from the taxable income in determining corporate income tax due. | L'impôt payé visé à l'alinéa 2 du présent article est déductible de la base imposable pour déterminer l'impôt sur les sociétés. |
| **<u>Ingingo ya 51</u>: Isoresha ry'umusaruro ukomoka ku bukode bw'umutungo wimukanwa n'utimukanwa** | **<u>Article 51:</u> Taxation of income from rent of movable and immovable assets** | **<u>Article 51</u>: Imposition du revenu provenant de la location des biens meubles et immeubles** |
| Umusaruro ukomoka ku bukode bw'umutungo wimukanwa n'utimukanwa ubarirwa mu mutungo w'ibigo byishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete, winjizwa mu musaruro rusange usoreshwa. | Income from the rent of movable and immovable assets incorporated as assets of entities which are subject to corporate income tax is consolidated in the total taxable income. | Le revenu provenant de la location des biens meubles et immeubles comptabilisés dans les actifs des entités soumises à la taxe sur les bénéfices de sociétés est consolidé dans le revenu total imposable. |
| **<u>Ingingo ya 52</u>: Isoresha ry'inyungu zikomoka ku bufatanye mu bucuruzi** | **<u>Article 52</u>: Taxation of income from Partnerships** | **<u>Article 52</u>: Imposition des revenus tirés des sociétés de personnes** |
| Umusaruro ukomoka ku bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye, ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye n'ukomoka ku bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye usoreshwa ku rwego rwa buri mufatanyabikorwa. | Income generated from general partnership, limited partnership and limited liability partnership is taxable at the level of each partner. | Les revenus générés par les sociétés en nom collectif, les sociétés en commandite et les sociétés à responsabilité limitée sont imposables au niveau de chaque associé. |

| | | |
|---|---|---|
| Ubufatanye mu bucuruzi butegura ibitabo by'ibaruramari, bugena kandi bukamenyekanisha uruhare mu nyungu zisoreshwa kuri buri mufatanyabikorwa, bugafatira umusoro ujyanye na zo bukabishyikiriza Ubuyobozi bw'imisoro hakurikijwe uburyo bugenwa n' Ubuyobozi bw'imisoro. | The partnership prepares its financial accounts, determines and declares the taxable share in profit of each partner, withholds and remits corresponding tax to the tax administration in accordance with the procedure prescribed by the tax administration. | La société de personnes doit préparer ses comptes financiers, déterminer et déclarer le droit au bénéfice imposable de chacune des associés dans leurs statuts juridiques respectifs, retenir les impôts correspondants et les remettre à l'administration fiscal selon la manière et la forme prescrite par l'administration fiscale. |
| Mu kugena umusoro ugomba kwishyurwa, iyo abafatanyabikorwa ari ibigo bacibwa umusoro ku nyungu z'amasosiyete naho abantu ku giti cyabo bagacibwa umusoro ku nyungu z'umuntu ku giti cye. | In determination of tax liability, corporate partners are subject to corporate income tax while individual partners are subject to personal income tax. | Lors de la détermination de la responsabilité fiscale, les entités associées sont soumises à l'impôt sur le revenu des sociétés alors que les partenaires individuels sont soumis à l'impôt sur le revenu d'une personne physique. |
| Ubufatanye mu bucuruzi n'abafatanyabikorwa bakurikiranirwa hamwe iyo batubahirije ibivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo. | The partnership and the partners are jointly liable in case of a failure to meet the obligations under Paragraph 2 of this Article. | La société de personnes et les associés sont solidairement responsables en cas de non-respect des obligations prévues à l'alinéa 2 du présent Article. |
| **<u>Ingingo ya 53 :</u> Ivugururwa ry'ibigo by'ubucuruzi** | **<u>Article 53</u>: Restructuring of Business entities** | **<u>Article 53</u>: Restructuration des entités commerciales** |
| Ibigo by'ubucuruzi bivugururwa mu buryo bukurikira: | Business entities are subject to restructuring as follows: | Les entités commerciales font objet de la restructuration comme suit: |
| 1° ikomatanya ry'ibigo bibiri cyangwa birenga bikavamo ikigo cyihariye; | 1° a merger of two or more entities into a separate entity; | 1° la fusion de deux ou plusieurs entités pour former une entité à part; |
| 2° igurwa cyangwa ifatwa ringana cyangwa rirenze mirongo itanu ku ijana (50%) | 2° the acquisition or a takeover of fifty percent (50%) or more of shares or voting | 2° l'acquisition ou la reprise de cinquante pour cent (50%) au moins d'actions ou |

| | | |
|---|---|---|
| by'imigabane cyangwa by'uburenganzira bwo gutora, hakurikijwe umubare cyangwa agaciro, bikozwe n'abanyamigabane mu kigo gifite icyicaro mu Rwanda; | rights, by number or value operated by shareholders in a resident entity; | droits de vote, en nombre ou en valeur, effectué par une entité résidente; |
| 3° igurwa cyangwa itangwa ringana cyangwa rirenze mirongo itanu ku ijana (50%) by'umutungo cyangwa imyenda by'ikigo gifite icyicaro mu Rwanda bikozwe n'ikindi kigo; | 3° the acquisition or transfer of fifty percent (50%) or more of the assets or liabilities of a resident entity by another entity; | 3° l'acquisition ou le transfert de cinquante pour cent (50%) ou plus des actifs et ou passifs d'une entité résidente par une autre entité; |
| 4° igurwa cyangwa itangwa ry'imitungo n'imyenda yose y'ikigo bituma gisenyukira mu kigo cyaguze cyangwa cyeguriwe ikindi kigo; | 4° the acquisition or transfer of the entire entity's shares, assets or liabilities so that its existence is replaced by the purchasing or receiving entity; | 4° l'acquisition ou le transfert de la totalité des actifs ou passifs d'une entité de sorte que son existence est remplacée par l'entité acquérante; |
| 5° igabanywa ry'ikigo gifite icyicaro mu Rwanda hagamijwe gushyiraho ibigo bibiri cyangwa birenze bifite icyicaro mu Rwanda. | 5° splitting of a resident entity in Rwanda into two or more resident entities in Rwanda. | 5° le partage d'une entité résidente au Rwanda en deux ou plusieurs entités résidentes au Rwanda. |
| **<u>Ingingo ya 54</u>: Isoreshwa ry'ibigo by'ubucuruzi byavuguruwe** | **<u>Article 54</u>: Taxation of restructured Business entities** | **<u>Article 54</u>: Imposition des Entités commerciales** |
| Mu gihe cy'ivugururwa ry'ikigo cy'ubucuruzi, ikigo cy'ubucuruzi cyeguriye ikindi ibyacyo gisonerwa umusoro ku birebana n'inyungu cyangwa ibihombo bikomoka kuri iryo vugururwa. Ikigo cy'ubucuruzi cyeguriwe giha agaciro umutungo n'imyenda hashingiwe ku | In case of restructuring of Business entity, the transferring Business entity is exempt from tax in respect of capital gains and losses realized on restructuring. The receiving Business entity values the assets and liabilities involved at their book value in the hands of the transferring company at the time of restructuring. The | En cas de restructuration de sociétés, l'entité commerciale cédante est exemptée d'impôt eu égard aux plus-values et moins-values consécutives à cette restructuration. L'entité commerciale acquérante évalue les actifs et passifs concernés à leur valeur comptable dans les livres de l'entité commerciale |

| | | |
|---|---|---|
| kanditse mu bitabo by'ikigo cy'ubucuruzi cyeguriye ikindi ibyacyo mu gihe cy'ivugururwa. Ikigo cy'ubucuruzi cyeguriwe gikora ubwicungure bw'umutungo w'ubucuruzi gikurikije amategeko yagombye kugenga ikigo cy'ubucuruzi cyeguriye ikindi ibyacyo nk'aho ivugururwa ryaba ritarabayeho. | receiving Business entity depreciates the business assets according to the rules that would have applied to the transferring Business entity as if the restructuring did not take place. | cédante au moment de la réorganisation. L'entité commerciale acquérante amortit les actifs selon les règles qui auraient été appliquées à l'entité commerciale cédante si la restructuration n'avait pas eu lieu. |
| Mu gihe habaye ivugururwa, ikigo cy'ubucuruzi cyeguriwe gifite uburenganzira bwo gukomereza ku mafaranga y'igicumbi n'azigamwe n'ikigo cy'ubucuruzi cyeguriye ikindi ibyacyo, hakurikijwe ibisabwa byagombye gukurikizwa n'ikigo cy'ubucuruzi cyeguriye ikindi ibyacyo nk'aho ivugururwa ryaba ritarabayeho. Ikigo cy'ubucuruzi cyeguriwe cyishingira uburenganzira n'inshingano by'ikigo cy'ubucuruzi cyeguriye ikindi ibyacyo ku birebana n'ayo mafaranga y'igicumbi n'azigamwe. | In case of restructuring, the receiving Business entity is entitled to carry over the reserves and provisions created by the transferring Business entity, subject to the conditions that would have applied to the transferring Business entity as if the restructuring did not take place. The receiving Business entity assumes the rights and obligations of the transferring Business entity in respect of such reserves and provisions. | En cas de réorganisation, l'entité commerciale acquérante est en droit de reprendre les réserves et provisions constituées par l'entité commerciale cédante, aux conditions qui auraient été appliquées à l'entité commerciale cédante si la réorganisation n'avait pas eu lieu. L'entité commerciale acquérante assume les droits et obligations de l'entité commerciale cédante eu égard à ces réserves et provisions. |
| **<u>Ingingo ya 55</u>: Isoresha mu gihe cy'iseswa ry'ikigo cy'ubucuruzi** | **<u>Article 55</u>: Taxation in case of liquidation of a Business entity** | **<u>Article 55</u>: Imposition en cas de liquidation d'une entité commerciale** |
| Mu gihe cy'iseswa ry'ikigo cy'ubucuruzi, ibisagutse nyuma yo kwishyura imyenda no kugabana imigabane, bifatwa nk'inyungu ku migabane mu gihe cy'umusoro cya nyuma cy'ubuzima bw'icyo kigo cy'ubucuruzi. | In the event of liquidation of a Business entity, after payment of liabilities and distribution of shares, the remainder, shall be considered as dividends on shares in the last tax period of the Business entity's existence. | En cas de liquidation d'une entité commerciale, après le remboursement des dettes et la distribution des actions, le reste est considéré comme des dividendes des actions dans la dernière période imposable de la vie d'une entité commerciale. |

**UMUTWE WA IV: IMISORO IFATIRWA**

**Ingingo ya 56: Umusoro ufatirwa ku musaruro ukomoka ku murimo**

Umusoro ufatirwa ku musaruro ukomoka ku murimo uvugwa mu ngingo ya 15 y'iri tegeko, wishyurwa hakurikijwe ibipimo biri mu mbonerahamwe zikurikira:

**Imbonerahamwe ya mbere:** Umwaka wa mbere uhereye ku itariki iri tegeko ritangira gukurikizwa

| Umusoro usoreshwa ku kwezi mu mafaranga y'u Rwanda (FRW) | | Igipimo cy'umusoro |
|---|---|---|
| Kuva ku: | Kugeza ku: | |
| 0 | 60.000 | 0% |
| 60.001 | 100.000 | 20% |
| 100.001 | Kujyana hejuru | 30% |

**Imbonerahamwe ya 2:** Kuva ku mwaka wa kabiri nyuma y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa

**CHAPTER IV: WITHHOLDING TAXES**

**Article 56: Withholding tax on employment income**

The withholding tax on employment income referred to in Article 15 of this Law is paid according to the rates provided in the tables below:

**Table 1:** First year following the date of commencement of this law

| Monthly Taxable Income in Rwandan francs (FRW) | | Tax Rate |
|---|---|---|
| From | To | |
| 0 | 60,000 | 0% |
| 60,001 | 100,000 | 20% |
| 100,001 | More | 30% |

**Table 2:** From the second year after the commencement of this law

**CHAPITRE IV: IMPÔTS RETENUS À LA SOURCE**

**Article 56: Impôt retenu à la source sur le revenu de l'emploi**

L'impôt retenu sur le revenu de l'emploi visé à l'article 15 de la présente loi est payé suivant les taux prévus dans les tableaux ci-après:

**Tableau 1:** Première année suivant la date d'entrée en vigueur de la présente loi

| Revenu mensuel imposable en Francs Rwandais (FRW) | | Taux d'imposition |
|---|---|---|
| De | À | |
| 0 | 60.000 | 0% |
| 60.001 | 100.000 | 20% |
| 100.001 | Plus | 30% |

**Tableau 2:** À partir de la deuxième année après l'entrée en vigueur de la présente loi

| Umusoro usoreshwa ku kwezi mu mafaranga y'u Rwanda (FRW) | | Igipimo cy'umusoro |
|---|---|---|
| Kuva ku: | Kugeza ku: | |
| 0 | 60.000 | 0% |
| 60.001 | 100.000 | 10% |
| 100.001 | 200.000 | 20% |
| 200.001 | Kujyana hejuru | 30% |

Hatitawe ku biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, umusoro wa nyakabyizi utangwa ku gipimo cyihariye cya cumi na gatanu ku ijana (15%).

Icyakora, mu kubara umusoro wa nyakabyizi, amafaranga y'u Rwanda atarenze ibihumbi mirongo itandatu (60.000 FRW) ku kwezi, asoreshwa ku gipimo cya zero ku ijana (0%).

**<u>Ingingo ya 57:</u> Abafite inshingano yo gufatira no kwishyura umusoro ku musaruro ukomoka ku murimo**

Umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gihemba abakozi bacyo amafaranga cyangwa ibintu, bafite inshingano yo gufatira no kwishyura umusoro ufatirwa ku musaruro ukomoka ku murimo uvugwa mu ngingo ya 15 y'iri tegeko.

| Monthly Taxable Income in Rwandan francs (FRW) | | Tax Rate |
|---|---|---|
| From | To | |
| 0 | 60,000 | 0% |
| 60,001 | 100,000 | 10% |
| 100,001 | 200,000 | 20% |
| 200,001 | More | 30% |

Without consideration of the provisions of Paragraph One of this Article, income from a casual labourer is subject to tax on the special rate of fifteen percent (15%).

However, in computing casual labourer's tax, an income not exceeding sixty thousand Rwandan francs (60,000 FRW) per month is rated at zero percent (0%).

**<u>Article 57:</u> Persons responsible for withholding and payment of tax on employment income**

An individual or an entity that pays its employees in cash or in kind are responsible for withholding and paying the withholding tax on employment income referred to in Article 15 of this Law.

| Revenu mensuel imposable en Francs Rwandais (FRW) | | Taux d'imposition |
|---|---|---|
| De | À | |
| 0 | 60.000 | 0% |
| 60.001 | 100.000 | 10% |
| 100.001 | 200.000 | 20% |
| 200,001 | Plus | 30% |

Sans considération des dispositions du premier alinéa du présent article, le revenu d'un employé occasionnel est assujetti à l'impôt au taux spécifique de quinze pour cent (15%).

Toutefois, la tranche inférieure à soixante mille francs Rwandais (60.000 FRW) par mois est taxable au taux zéro (0%) dans la détermination de l'impôt dû par l'employé occasionnel.

**<u>Article 57:</u> Personnes responsables de pratiquer la retenue à la source de l'impôt sur le revenu de l'emploi**

Toute personne physique ou entité qui effectue des paiements en espèce ou en nature ont la responsabilité de retenir et de verser l'impôt retenu sur le revenu de l'emploi prévu par l'article 15 de la présente loi.

| | | |
|---|---|---|
| Abakoresha bavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bishyura umusoro ufatirwa ku musaruro ukomoka ku murimo, mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) ikurikira impera ya buri kwezi cyangwa buri gihembwe hakurikijwe amategeko abigenga, bategetswe ibi bikurikira: | Employers referred to in Paragraph One of this Article paying the withholding tax on employment income must, within fifteen (15) days following the end of each month or quarter depending on the relevant laws are required to: | Les employeurs visés à l'alinéa premier du présent article qui versent l'impôt retenu sur le revenu de l'emploi doivent, dans les quinze (15) jours ouvrables qui suivent la fin de chaque mois ou chaque trimestre conformément à la législation en la matière: |
| 1° gukora imenyekanisha no kwishyura umusoro ufatirwa bakurikije uburyo bugenwa n'Ubuyobozi bw'imisoro; | 1° file a tax declaration and pay withholding tax on employment income through procedures specified by the Tax Administration; | 1° remplir une déclaration fiscale et s'acquitter d'impôt retenu sur le revenu de l'emploi selon les modalités définies par l'Administration fiscale; |
| 2° kohererereza umukozi inyandiko igaragaza amazina ye, umubare n'ubwoko bw'umusaruro hamwe n'umubare w'umusoro ufatirwa wishyuwe. | 2° transmit to the employee a statement indicating his/her name, the amount and type of income and the amount of tax withheld and paid. | 2° envoyer à l'employé une déclaration indiquant son nom et son prénom, le montant et le type de revenu ainsi que le montant de l'impôt retenu et versé. |
| Umukoresha utari umukoresha w'ibanze afatira umusoro ku musaruro ukomoka ku murimo ku gipimo cya mirongo itatu ku ijana (30%). | An employer who is not the first employer shall withhold tax on employment income at the rate of thirty percent (30%). | Un employeur qui n'est pas le premier employeur retient l'impôt au taux de trente pour cent (30%). |
| **<u>Ingingo ya 58:</u> Igihe umukozi amenyekanisha akaniyishyurira umusoro ku musaruro ukomoka ku murimo** | **<u>Article 58:</u> Time period over which the declaration and payment of the tax on employment income are made by the employee** | **<u>Article 58:</u> Période de déclaration et de paiement de l'impôt sur le revenu d'emploi par l'employé** |
| Haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 57 y'iri tegeko, iyo umukoresha adafite inshingano yo gufatira umusoro ku musaruro ukomoka ku murimo hashingiwe ku masezerano mpuzamahanga yemejwe | Subject to the provisions of Article 57 of this Law, when the employer does not have responsibility to withhold the tax on employment income in accordance with ratified international agreements, the | Sous réserve des dispositions de l'article 57 de la présente loi, lorsque l'employeur n'est pas obligé de retenir l'impôt sur le revenu de l'emploi conformément aux conventions internationales ratifiées, l'employé doit |

| | | |
|---|---|---|
| burundu, umukozi akora imenyekanisha ry'umusoro akanawishyura mu buryo bugenwa n'Ubuyobozi bw'imisoro mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) ikurikira ukwezi kurebwa n'umusoro. | employee must, within fifteen (15) days following the end of each month, file a tax declaration and pay such a tax through procedures specified by the Tax Administration. | remplir, dans les quinze jours (15) qui suivent la fin du mois concerné, une déclaration fiscale et verser l'impôt selon la procédure établie par l'Administration fiscale. |
| **Ingingo ya 59: Umusoro ufatirwa ku mafaranga agenerwa ugize Inama y'Ubuyobozi** | **Article 59: Withholding tax on allowance to a Board member** | **Article 59: Impôt sur les jetons de présence d'un membre du conseil d'administration** |
| Umusoro ufatirwa ku mafaranga agenerwa ugize Inama y'Ubuyobozi n'undi ugize urwego rukora nkayo ucibwa ku gipimo cya mirongo itatu ku ijana (30%). | Withholding tax on allowance allocated to a member of the Board of directors and any other member of a similar organ, is taxable at a rate of thirty percent (30%). | Les jetons de présence alloués aux membres du Conseil d'administration et à tout autre membre de l'organe similaire, sont imposables à un taux de trente pour cent (30%). |
| **Ingingo ya 60: Umusoro ufatirwa ku bwishyu** | **Article 60: Withholding tax on payments** | **Article 60: Impôt retenu à la source sur les paiements** |
| Umusoro ufatirwa wa cumi na gatanu ku ijana (15%) y'amafaranga yose hatabariwemo umusoro ku nyongeragaciro aho bishoboka, ukurwa ku bwishyu bukozwe n'abantu batuye mu Rwanda harimo n'abantu basonewe, iyo ubwo bwishyu bukorewe umuntu utanditswe mu Buyobozi bw'imisoro bwo mu Rwanda, cyangwa wanditswe ariko akaba adafite imenyekanisha riheruka ry'umusoro ku nyungu. | A withholding tax of fifteen percent (15%) of the total amount excluding value added tax where applicable is levied on payments made by resident persons including tax exempt persons if such payments are made to a person not registered in the Rwandan tax administration or to a registered person who does not have recent income tax declaration. | Un impôt retenu à la source de quinze pour cent (15%) du montant total hors la taxe sur la valeur ajoutée si possible, est prélevé sur les paiements effectués par les personnes résidentes y compris les personnes exonérées d'impôt lorsque ces paiements ont été effectués à une personne non enregistrée à l'administration fiscale du Rwanda ou à une personne enregistrée qui ne dispose pas de déclaration récente de l'impôt sur le revenu. |
| Ubwishyu burebwa n'umusoro ufatirwa wa | Payments subject to the withholding tax of | Les paiements assujettis à l'impôt retenu à la |

| | | |
|---|---|---|
| cumi na gatanu ku ijana (15%) ni ubujyanye n'ibi bikurikira: | fifteen percent (15%) are related to the following: | source de quinze pour cent (15%) sont relatifs à ce qui suit: |
| 1° inyungu ku migabane, uretse iziteganywa mu gika cya 2 cy'ingingo ya 47 y'iri tegeko n'umusaruro ugabagabanyijwe mu banyamigabane cyangwa ba nyir'ibice fatizo by'umugabane mu bigega by'ishoramari by'abishyize hamwe ; | 1° dividends except those provided for under paragraph 2 of Article 47 of this Law and income distributed to the holders of shares or units in collective investment schemes; | 1° dividendes sauf ceux relevant de l'alinéa 2 de l'article 47 de la présente loi et du revenu distribué aux porteurs d'actions ou parts de fonds d'investissement collectifs; |
| 2° inyungu zo mu rwego rw'imari, uretse: | 2° financial interests except: | 2° intérêts financiers sauf: |
| a. inyungu zihabwa ababikije amafaranga mu bigo by'imari mu gihe kingana nibura n'umwaka umwe (1); | a. interests on deposits in financial institutions for at least a period of one (1) year; | a. les intérêts payés sur les dépôts dans des institutions financières pour une période d'au moins une (1) année; |
| b. inyungu zishyurwa ku myenda yatanzwe n'ikigo cy'imari gitsura amajyambere cyo mu mahanga gisonewe umusoro ku musaruro mu mategeko y'iwabo; | b. interests on loans granted by a foreign development financial institution exempted from income tax under applicable law in the country of origin; | b. les intérêts payés sur les prêts octroyés par une institution financière étrangère de développement exonérée de l'impôt sur le revenu conformément à la législation applicable au pays d'origine; |
| c. inyungu amabanki cyangwa ibigo by'imari iciriritse byakira amafaranga abitswa bikorera mu Rwanda byishyura amabanki cyangwa ibindi bigo by'imari byo mu mahanga; | c. interests that banks or deposit-taking microfinance institutions operating in Rwanda pay to banks or other foreign financial institutions; | c. les intérêts que les banques ou les institutions de micro finance de dépôt opérant au Rwanda payent aux banques ou autres institutions financières étrangers; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° ibikomoka ku mutungo bwite mu by'ubwenge; | 3° royalties; | 3° redevances; |
| 4° amafaranga yishyurwa kuri serivisi harimo n'amafaranga ya serivisi z'imicungire n'iza tekiniki, uretse serivisi z'ubwikorezi; | 4° service fees including management and technical service fees except transport services; | 4° frais payés pour les services y compris les services de gestion et techniques sauf les services de transport; |
| 5° amafaranga y'akazi yishyurwa mu buryo buziguye cyangwa butaziguye umunyabugeni, umuririmbyi, umuhanzi, umukinnyi n'uwakoze ibikorwa bya siporo, iby'umuco cyangwa iby'imyidagaduro; | 5° performance payments made to a crafts person, a musician, an artist, a player, sports, cultural or leisure activities irrespective of whether paid directly or indirectly; | 5° rémunération des prestations d'un artisan, d'un musicien, d'un artiste, d'un joueur, d'activités sportives, culturelles ou de loisir sans considération du paiement direct ou indirect; |
| 6° ibicuruzwa bigurishijwe mu Rwanda; | 6° goods sold in Rwanda; | 6° marchandises vendues aux Rwanda; |
| 7° inyungu yasoreshejwe cyangwa amafaranga azigamwe byahinduwemo imigabane, uretse iyo bikozwe n'ikigo cy'imari gifite igishoro cyishyuwe kiri munsi y'igitegetswe na Banki Nkuru y'u Rwanda; | 7° profit after tax or retained earnings that are converted into shares, except for financial institution with paid-up capital below the minimum requirement set by the National bank of Rwanda; | 7° bénéfice après impôt ou bénéfices non répartis qui sont convertis en actions, sauf pour les institutions financières dont le capital libéré est inférieur au minimum requis fixé par la Banque nationale du Rwanda; |
| 8° inyungu zisohowe mu Rwanda; | 8° profits repatriated from Rwanda; | 8° bénéfices rapatriés; |
| 9° ubwishyu mu mafaranga cyangwa mu bintu bukozwe n'umuntu utuye mu Rwanda abukoze mu izina ry'umuntu udatuye mu Rwanda, buteganyijwe mu masezerano bagiranye nk'inyongera ku gihembo atahana; | 9° payments made in cash or in kind by a resident person in Rwanda on behalf of a non-resident in Rwanda contracted person provided for under the contract in addition to contractual remuneration; | 9° les paiements effectués en espèces ou en nature par une personne résidente au Rwanda pour le compte d'une personne co-contractante non-résidente au Rwanda en plus de la rémunération contractuelle. |

| | | |
|---|---|---|
| 10° imisanzu y'ubwishingizi bw'abishingizi yishyuwe abishingizi badatuye mu Rwanda uretse imisanzu yishyurwa abishingizi bafitanye amasezerano na Leta y'u Rwanda. | 10° re-insurance premiums paid to a non-resident insurers except premiums paid to insurers that have signed agreements with the Government of Rwanda. | 10° les primes de réassurance payées aux assureurs non-résidents sauf des primes payées aux assureurs ayant signé des accords avec le Gouvernement du Rwanda. |
| Icyakora, amafaranga yanditswe mu bitabo by'ibaruramari nk'umwenda usora abereyemo abandi bantu kandi agabanya umusaruro usoreshwa afatwa nk'aho yishyuwe iyo arengeje amezi atandatu (6) akurikira igihe cy'umusoro. | However, the amount of money recorded in the books of account as a liability of a taxpayer to creditors and which reduces the taxable income is considered as paid if it exceeds six (6) months following the tax period. | Toutefois, le montant d'argent inscrit dans les livres comptables au titre de la dette dont le contribuable est débiteur envers les créanciers et qui réduit le revenu imposable est considéré comme payé s'il dépasse six (6) mois qui suivent la période imposable. |
| Igika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo bireba kandi abantu badatuye mu Rwanda ku bwishyu bakoze binyuze ku byicaro bihoraho byabo. | Paragraphs One and 2 of this Article are also applicable to non-resident in Rwanda persons for such payments of their permanent establishments. | L'alinéa premier et 2 du présent article sont également applicables aux personnes non résidentes au Rwanda pour les paiements effectués pour leurs établissements stables. |
| Icyakora, umusoro ufatirwa uba gatanu ku ijana (5%) iyo ukurwa ku nyungu zikurikira: | However, the withholding tax is five percent (5%) if levied on the following interests: | Toutefois, l'impôt retenu à la source est de cinq pourcent (5%) lorsqu'il est prélevé sur les intérêts suivants: |
| 1 º inyungu zikomoka ku migabane n'inyungu zikomoka ku bicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane iyo uwazakiriye ari usora utuye mu Rwanda cyangwa mu bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba; | 1° dividends and interest on securities listed on capital market if the beneficiary of the dividends or interest is a resident taxpayer of Rwanda or of the East African Community; | 1° les dividendes et les intérêts provenant des titres côtés sur le marché des capitaux si le bénéficiaire est un contribuable résident au Rwanda ou dans les pays de la Communauté d'Afrique de l'Est; |
| 2 º inyungu zikomoka ku nyandiko nyemezamwenda za Leta zifite nibura igihe cy'imyaka itatu (3). | 2° interests derived from treasury bonds with a maturity of at least three (3) years. | 2° les intérêts provenant des bons du trésor ayant la maturité d'au moins trois (3) ans. |

| | | |
|---|---|---|
| Umusoro ufatirwa ku bwishyu bukorewe umuntu wanditswe mu Buyobozi bw'imisoro ariko utarakoze imenyekanisha riheruka awukura mu musoro ku nyungu mu gihe cy'imenyekanisha n'iyishyurwa ryawo. | The withholding tax on payments made to a person registered with the tax administration but who did not previously declare is deducted from income tax during its declaration and its payment. | L'impôt retenu à la source sur les paiements faits à une personne enregistrée à l'administration fiscale mais qui n'a pas précédemment déclaré est déduit de l'impôt sur le revenu pendant sa déclaration et son paiement. |
| **Ingingo ya 61: Umusoro ufatirwa ku gihembo cyatsindiwe mu bikorwa by'imikino y'amahirwe** | **Article 61: Withholding tax on winnings on gaming activities** | **Article 61 : Retenue à la source sur les gains des activités de jeu de hasard** |
| Umusoro wa cumi n'atanu ku ijana (15%) ufatirwa n'isosiyete ikora ibikorwa by'imikino y'amahirwe ku gihembo cyatsindiwe, ubarirwa ku kinyuranyo hagati y'igihembo umukinnyi yatsindiye n'amafaranga yashoye. | The fifteen per cent (15%) tax is withheld by a company that carries out gaming activities on the difference between winnings of the player and amount invested by the player. | L'impôt de quinze pour cent (15%) est retenu par une société qui exerce des activités de jeu de hasard sur la différence entre les gains du joueur et le montant investi par le joueur. |
| **Ingingo ya 62: Umusoro ufatirwa ku bintu byatumijwe mu mahanga bigenewe gucuruzwa** | **Article 62: Withholding tax on goods imported for commercial use** | **Article 62: Impôt retenu à la source sur des importations des biens à usage commercial** |
| Umusoro ufatirwa ku bintu byatumijwe mu mahanga bigenewe gucuruzwa ucibwa ku gipimo cya gatanu ku ijana (5%) by'agaciro kabyo bigeze muri gasutamo (CIF), ukishyurwa mbere y'uko bisohokamo. | A withholding tax of five percent (5%) of the value of goods imported for commercial use shall be paid at custom on the cost insurance and freight (CIF) value before the goods are released by customs. | L'impôt retenu à la source de cinq pour cent (5 %) de la valeur coût, assurance et fret (CAF) des biens importés pour usage commercial, est prélevé avant le dédouanement de ces biens. |
| Umusoro ufatirwa uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ukurwa mu musoro ku nyungu mu gihe cy'imenyekanisha n'iyishyurwa ryawo. | The withholding tax referred to in Paragraph one of this Article shall be deducted from the income tax when it is declared and paid. | L'impôt retenu à la source mentionné à l'alinéa premier du présent article est déduit de l'impôt sur le revenu lors de sa déclaration et de son paiement. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 63</u>: Umusoro ufatirwa ku masoko ya Leta** | **<u>Article 63</u>: Withholding tax on public tenders** | **<u>Article 63:</u> Impôt retenu à la source opéré sur les marchés publics** |
| Umusoro ufatirwa ku masoko ya Leta ucibwa ku gipimo cya gatatu ku ijana (3%) ku mafaranga y'inyemezabuguzi hatarimo umusoro ku nyongeragaciro, ugakatwa mu iyishyura ry'ababonye amasoko ya Leta. | A withholding tax on public tenders of three percent (3%) of the sum of invoice, excluding the Value Added Tax (VAT), is retained when successful bidders of public tenders are paid. | L'impôt retenu à la source sur les marchés publics de trois pour cent (3%) du montant de la facture, Taxe sur la Valeur Ajoutée (TVA) non incluse, est prélevé lors du paiement des attributaires des marchés publics. |
| Icyakora, ubwishyu ku masoko ya Leta bufatirwaho umusoro wa cumi na gatanu ku ijana (15%) iyo uwishyurwa atanditse mu Buyobozi bw'imisoro cyangwa yiyandikishije ariko akaba adafite imenyekanisha riheruka ry'umusoro ku nyungu. | However, a tax of fifteen percent (15%) shall be withheld on public tenders if the recipient is not registered with the Tax Administration or is registered but does not have his/her previous income tax declaration. | Cependant, un impôt de quinze pourcent (15%) est retenu à la source sur les marchés publics si le bénéficiaire n'est pas enregistré à l'Administration fiscale ou si le bénéficiaire est enregistré mais ne possède pas de déclaration précédente de l'impôt sur le revenu. |
| Umusoro ufatirwa ku bwishyu bukorewe umuntu wanditse mu Buyobozi bw'imisoro ukurwa mu musoro ku nyungu mu gihe cy'imenyekanisha n'iyishyurwa ryawo. | A withholding tax on payment made to a person registered with the Tax Administration shall be deducted from income tax during the income tax declaration and its payment. | L'impôt retenu à la source sur le paiement effectué à une personne enregistrée à l'Administration fiscale est déduit à l'impôt sur le revenu lors de sa déclaration et de son paiement. |
| **<u>Ingingo ya 64:</u> Igihe cyo kumenyekanisha imisoro ifatirwa** | **<u>Article 64</u>: Time for declaration of withholding taxes** | **<u>Article 64</u>: Délai de la déclaration des impôts retenus à la source** |
| Umuntu ufatira imisoro ivugwa mu ngingo ya 59, iya 60, iya 61 n'iya 63 z'iri tegeko akora imenyekanisha ryayo akanayishyura mu buryo bugenwa n'Ubuyobozi bw'imisoro mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) ikurikira ukwezi imisoro yafatiriwemo. | The person who withholds taxes referred to in Articles 59, 60, 61 and 63 of this Law is required to file a tax declaration and make payment in accordance with the procedures prescribed by the Tax Administration within a period of fifteen (15) days after the month in | La personne qui prélève les impôts visés aux articles 59, 60, 61 et 63 de la présente loi en fait la déclaration et le paiement conformément à la procédure prescrite par l'Administration fiscale dans les quinze (15) jours qui suivent le mois au cours duquel les |

| | | |
|---|---|---|
| | which the taxes were withheld. | impôts ont été retenus. |
| **<u>Ingingo ya 65</u>: Abasonewe imisoro ifatirwa** | **<u>Article 65</u>: Persons exempted from withholding taxes** | **<u>Article 65</u>: Personnes exonérées d'impôts retenus à la source** |
| Abasora bakurikira basonewe imisoro ifatirwa ivugwa mu ngingo ya 60, iya 62 n'iya 63 z'iri tegeko: | The following taxpayers are exempted from withholding taxes referred to in Articles 60, 62 and 63 of this Law: | Les contribuables suivants sont exonérés d'impôts retenus à la source visés aux articles 60, 62 et 62 de la présente loi: |
| 1° abo inyungu yabo y'ubucuruzi itishyurwaho umusoro; | 1° those whose business profit is exempted from taxation; | 1° ceux dont les bénéfices d'affaires sont exonérés d'impôts; |
| 2° abafite icyemezo cy'ubudakemwa gitangwa n'Ubuyobozi bw'imisoro; | 2° those who have tax clearance certificate issued by the Tax Administration; | 2° ceux qui ont un quitus fiscal délivré par l'Administration fiscale; |
| 3° abanditswe vuba mu gihe cy'umusoro cy'umwaka kibarirwamo umusoro ufatirwa. | 3° those who are newly registered during the concerned annual tax period. | 3° ceux qui sont nouvellement enregistrés au cours de la période fiscale concernée. |
| Ubuyobozi bw'imisoro bushobora kuvanaho icyemezo cy'ubudakemwa igihe cyose ibyangombwa bisabwa n'Ubuyobozi bw'imisoro bitujujwe. | The Tax Administration may revoke a tax clearance certificate at any time if the conditions required by the tax administration are not fulfilled. | L'Administration fiscale peut révoquer le quitus fiscal chaque fois que les conditions prévues par l'administration fiscale ne sont pas remplies. |
| **<u>Ingingo ya 66</u>: Ingaruka yo kudafatira umusoro ufatirwa** | **<u>Article 66</u>: Consequence for failure to withhold tax** | **<u>Article 66</u>: Effets de défaut de retenir l'impôt** |
| Umuntu ufite inshingano yo gufatira umusoro ufatirwa utabikoze mu buryo buteganywa n'iri tegeko yishyura ubwe mu Buyobozi bw'imisoro, amafaranga y'umusoro atafatiriye, hiyongereyeho | Any person who is required to withhold tax and who fails to do so in accordance with this Law is personally liable to pay to the Tax Administration, the amount of tax which has not been withheld including penalties and | Toute personne qui est tenue de retenir l'impôt qui ne le fait pas conformément à la présente loi, est tenue personnellement de payer à l'Administration Fiscale le montant de l'impôt dû, plus les amendes et intérêts de |

| | | |
|---|---|---|
| ibihano n'inyungu z'ubukererwe hakurikijwe amategeko abigenga. | interest on arrears in accordance with relevant laws. | retard conformément aux dispositions légales en la matière. |
| **<u>Ingingo ya 67</u>: Inyandiko z'amafaranga yishyuwe hamwe n'umusoro wafatiriwe** | **<u>Article 67</u>: Records of payments and tax withheld** | **<u>Article 67</u>: Pièces justificatives des paiements et de l'impôt retenu** |
| Umuntu wishyura umusoro ufatirwa abika neza kandi akagaragariza Ubuyobozi bw'imisoro ku mpamvu z'igenzura n'igihe cyose bibaye ngombwa, inyandiko zijyanye na buri gihe cy'umusoro zerekana ibi bikurikira: | Any person who pays a withholding tax keeps and makes available to the Tax Administration, for inspection and whenever necessary, records in relation to each tax period showing the following: | La personne qui paie l'impôt retenu à la source tient et présente à l'Administration fiscale à des fins d'inspection et chaque fois que de besoin, les pièces justificatives relatives à chaque exercice fiscal indiquant ce qui suit: |
| 1° amafaranga yishyuwe usora; | 1° payments made to taxpayer; | 1° les paiements effectués au profit du contribuable; |
| 2° amafaranga y'umusoro yafatiriwe n'ayishyuwe. | 2° amount of tax withheld and paid. | 2° les montants de l'impôt retenus et payés. |
| Umuntu wishyura umusoro ufatirwa abika inyandiko zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo mu gihe cy'imyaka cumi (10) nyuma y'irangira ry'igihe cy'umusoro kijyana n'izo nyandiko. | A person who pays withholding tax shall keep the records referred to in Paragraph One of this Article for a period of ten (10) years after the end of the tax period to which the records relate. | La personne qui paie l'impôt retenu à la source conserve les pièces visées à l'alinéa premier du présent article pendant les dix (10) ans qui suivent celui auquel se rapportent ces pièces. |
| Ubuyobozi bw'imisoro bushobora gusaba umuntu wishyura umusoro ufatirwa kopi y'inyandiko zabitswe hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo. | The Tax Administration may require a person who pays a withholding tax to provide a copy of records kept in accordance with Paragraph 2 of this Article. | L'Administration fiscale peut demander à la personne qui paie l'impôt retenu à la source une copie des pièces tenues conformément à l'alinéa 2 du présent article. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>MUTWE WA V:</u> INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **<u>CHAPTER V:</u> MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE V:</u> DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 68</u>: Ubwumvikane bugamije gutubya umusoro n'ibikurikizwa mu kubukumira** | **<u>Article 68</u>: Anti-abuse rules on avoidance arrangements** | **<u>Article 68</u> : Règles anti-abus sur les dispositifs d'évitement** |
| Ubwumvikane bugamije gutubya umusoro ni amasezerano hagati y'abantu arangwa nibura na kimwe mu bikorwa bikurikira: | Avoidance arrangements between persons consist of at least one of the following acts: | Les accords d'évitement entre personnes consistent en au moins un des actes suivants : |
| 1° ubwumvikane bufite intego y'ingenzi yo gutubya umusoro; | 1° an arrangement whose principle purpose is to obtain a tax benefit; | 1° un accord dont l'objet principal est l'obtention d'un avantage fiscal ; |
| 2° ubwumvikane, bwose cyangwa igice cyabwo, budafite ishingiro ry'ubucuruzi; | 2° an arrangement that, in whole or in part, lacks commercial substance; | 2° un arrangement qui, en tout ou en partie, manque de substance commerciale ; |
| 3° ubwumvikane butuma habaho uburenganzira cyangwa inshingano bitari bubeho hagati y'abantu bakorana ibikorwa by'ubucuruzi bakurikije ihame ry'ihiganwa risesuye; | 3° an arrangement that creates rights or obligations that would not normally be created between persons dealing at arm's length; | 3° un accord qui crée des droits ou des obligations qui ne seraient normalement pas créés entre des personnes n'ayant aucun lien de dépendance ; |
| 4° ubwumvikane bushobora gutuma habaho, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, ukutubahiriza ibiteganywa n'amategeko agenga imisoro mu Rwanda. | 4° an arrangement that may result, directly or indirectly in the abuse of the provisions of tax laws in Rwanda. | 4° un accord pouvant entraîner, directement ou indirectement, l'abus des dispositions des lois fiscales au Rwanda. |
| Iyo abantu bagiranye ubwumvikane bugamije gutubya umusoro, Ubuyobozi | Where there is avoidance arrangement between persons, the Tax Administration determines tax after taking at least one of the | Lorsqu'il existe un accord d'évitement entre personnes, l'administration fiscale détermine l'impôt après avoir pris au moins l'une des |

| | | |
|---|---|---|
| bw'imisoro buca umusoro bumaze gukora nibura kimwe muri ibi bikurikira: | following actions: | mesures suivantes : |
| 1° gutesha agaciro ubwo bwumvikane; | 1° treating the avoidance arrangement as if it had not been carried out; | 1° traiter le dispositif d'évitement comme s'il n'avait pas été exécuté; |
| 2° guhindura imiterere y'umusaruro, iy'ubwishyu bwakiriwe, iy'ibyakoreshejwe cyangwa iy'igikorwa cy'ubucuruzi icyo ari cyo cyose; | 2° recharacterizing the nature of any income, payment, expenditure or any other transaction; | 2° requalifier la nature de tout revenu, paiement, dépense ou de toute autre transaction ; |
| 3° kutemera cyangwa kugena ukundi umusaruro, igihombo, icyatunze umwuga, icyemerewe usora, ubworoherezwe, amafaranga asubizwa, ubusonerwe, cyangwa icyirengagijwe n'usora cyose cyangwa igice cyacyo; | 3° disallowing or reallocating any income, loss, deduction, allowance, relief, credit, exemption, or exclusion in whole or in part; | 3° rejeter ou réaffecter tout revenu, perte, déduction, allocation, dégrèvement, crédit, exonération ou exclusion en tout ou en partie ; |
| 4° gufata abantu babiri cyangwa barenze nk'abantu bafitanye isano cyangwa nk'umuntu umwe. | 4° deeming any two or more persons to be related persons or to be the same person. | 4° considérer deux ou plusieurs personnes comme étant des personnes liées ou comme étant la même personne. |
| **<u>Ingingo ya 69</u>: Kugabanya cyangwa gukuraho umusoro mu rwego rw'ishoramari** | **<u>Article 69:</u> Tax reduction or exemption for investment** | **<u>Article 69</u>: Réduction ou exonération de l'impôt pour l'investissement** |
| Kugabanya cyangwa gukuraho umusoro ku musaruro hagamijwe guteza imbere no korohereza ishoramari bikorwa hashingiwe ku biteganywa n'itegeko rigamije guteza imbere no korohereza ishoramari. | Any tax reduction or exemption of income tax for the purposes of promoting and facilitating investment is carried out pursuant to the Law on investment promotion and facilitation. | La réduction ou l'exonération de l'impôt sur le revenu en vue de promouvoir et de faciliter l'investissement se fait conformément aux dispositions de la loi portant promotion et facilitation des investissements. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 70</u>: Amateka asanzwe akurikizwa** | **<u>Article 70</u>: Orders in force** | **<u>Article 70:</u> Arrêtés en vigueur** |
| Amateka ashingiye ku Itegeko n°16/2018 ryo ku wa 13/04/2018 rishyiraho imisoro ku musaruro, akomeza kubahirizwa mu ngingo zayo zose zitanyuranyije n'iri tegeko mu gihe kitarenze amezi cumi n'abiri (12), uhereye igihe iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | All provisions of Orders provided by the Law n°16/2018 of 13/04/2018 establishing taxes on income that are consistent with this Law, remain in force for a period not exceeding twelve (12) months starting from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | Toutes les dispositions des arrêtés prévus par la loi n°16/2018 du 13/04/2018 établissant des impôts sur le revenu qui sont conformes à la présente loi, restent en vigueur pendant une durée n'excédant pas douze (12) mois à compter de la date de publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda. |
| **<u>Ingingo ya 71</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **<u>Article 71</u>: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **<u>Article 71</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. | This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda. | La présente Loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. |
| **<u>Ingingo ya 72</u>: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **<u>Article 72</u>: Repealing provision** | **<u>Article 72</u>: Disposition abrogatoire** |
| Itegeko n°16/2018 ryo ku wa 13/04/2018 rishyiraho imisoro ku musaruro, Itegeko nº 29/2012 ryo ku wa 27/07/2012 rigena umusoro ku mikino y'amahirwe n'izindi ngingo zose z'amategeko zibanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho. | Law nº 016/2018 of 13/04/2018 establishing taxes on income, Law nº 29/2012 of 27/07/2012 establishing tax on gaming activities and all prior legal provisions contrary to this Law are repealed. | La Loi nº 016/2018 du 13/04/2018 établissant les impôts sur le revenu, la Loi nº 29/2012 du 27/07/2012 régissant la taxe sur les jeux de hasard et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 73</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**<br><br>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | **<u>Article 73</u>: Commencement**<br><br>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | **<u>Article 73</u>: Entrée en vigueur**<br><br>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| |
|---|
| Kigali, 20/10/2022<br><br>**(Sé)**<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la République |
| **(Sé)**<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(Sé)**<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |

**UMUGEREKA W'ITEGEKO Nº 027/2022 RYO KU WA 20/10/2022 RISHYIRAHO IMISORO KU MUSARURO**

**IBIPIMO BY'UMUSORO KU MUSARURO W'IBINYABIZIGA BITWARA ABANTU N'IBINTU**

## I. Igipimo cy'umusoro ku musaruro w'ibinyabiziga bitwara abantu

| Ubwoko bw'ikinyabiziga | Umusoro ku mwaka (Frw) |
|---|---|
| Minibus y'imyanya 8 : Frw 12.000 x 8 | 96.000 |
| Minibus y'imyanya 14 : Frw 12.000 x 14 | 168.000 |
| Minibus y'imyanya 15 : Frw 12.000 x 15 | 180.000 |
| Minibus y'imyanya 16 : Frw 12.000 x 16 | 192.000 |
| Minibus y'imyanya 17 : Frw 12.000 x 17 | 204.000 |
| Minibus y'imyanya 18 : Frw 12.000 x 18 | 216.000 |
| Coaster y'imyanya 24 : Frw 12.000 x 24 | 288.000 |
| Coaster y'imyanya 26 : Frw 12.000 x 26 | 312.000 |
| Coaster y'imyanya 27 : Frw 12.000 x 27 | 324.000 |
| Coaster y'imyanya 28 : Frw 12.000 x 28 | 336.000 |
| Coaster y'imyanya 29 : Frw 12.000 x 29 | 348.000 |
| Bus/Coaster y'imyanya 30 : Frw 12.000 x 30 | 360.000 |
| Bus y'imyanya 40 : Frw12.000 x 40 | 480.000 |

## II. Igipimo cy'umusoro ku musaruro w'ibinyabiziga bitwara ibintu

| Ubwoko bw'ikinyabiziga | Umusoro ku mwaka (Frw) |
|---|---|
| Ikinyabiziga gitwara : 1 toni | 60.000 |
| Hilux : 1,5 toni | 90.000 |
| Dyna/Isuzu/Toyota Stout (Quatre pneus) : 2 toni | 120.000 |
| Ikinyabiziga gitwara : 2,5 toni | 150.000 |
| Ikinyabiziga gitwara : 3 toni | 180.000 |
| Ikinyabiziga gitwara : 3,5 toni | 210.000 |
| Daihatsu/Dyna/Fuso/Isuzu (Six pneus): 4 toni | 240.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 4,5 toni | 270.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 5 toni | 300.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 5,5 toni | 330.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 6 toni | 360.000 |
| Ikinyabiziga gitwara : 6,5 toni | 390.000 |
| Fuso Long chassis (Six pneus): 7 toni | 546.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 7,5 toni | 585.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 8 toni | 624.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 8,5 toni | 663.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 9 toni | 702.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 9,5 toni | 741.000 |
| Camions:Fuso/Benz/Isuzu/Fiat …(Six pneus):10 toni | 780.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 11 toni | 858.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 12 toni | 936.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 13 toni | 1.014.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 14 toni | 1.092.000 |
| Camions: Fuso/Benz/Isuzu/Fiat/… (Dix pneus): 15 toni | 1.170.000 |

| | |
|---|---|
| Ikinyabiziga gitwara: 16 toni | 1.248.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 17 toni | 1.326.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 18 toni | 1.404.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 19 toni | 1.482.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 20 toni | 1.560.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 21 toni | 1.638.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 22 toni | 1.716.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 23 toni | 1.794.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 24 toni | 1.872.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 25 toni | 1.950.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 26 toni | 2.028.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 27 toni | 2.106.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 28 toni | 2.184.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 29 toni | 2.262.000 |
| Ikinyabiziga gitwara: 30 toni | 2.340.000 |

## III. Igipimo cy'umusoro ku musaruro w'ibindi binyabiziga

| **Ubwoko bw' ikinyabiziga** | **Umusoro ku mwaka (Frw)** |
|---|---|
| Voiture-Taxi | 88.200 |
| Moto nini | 72.000 |
| Moto ntoya (vélomoteur) | 36.000 |
| Corbillard/Ambulance privée | 100.000 |
| Jeep/Chargeuse/Breakdown | 307.200 |
| Caterpillar | 780.000 |

**ANNEX TO LAW N° 027/2022 OF 20/10/2022 ESTABLISHING INCOME TAXES**

**RATES OF INCOME TAX FOR VEHICLES TRANSPORTING PERSONS AND GOODS**

## I. Rates of income tax for vehicles transporting persons

| Type of vehicle | Annual Tax(Rwf) |
|---|---|
| Minibus 8 places: Rwf 12,000 x 8 | 96,000 |
| Minibus 14 places : Rwf 12,000 x 14 | 168,000 |
| Minibus 15 places: Rwf 12,000 x 15 | 180,000 |
| Minibus 16 places : Rwf 12,000 x 16 | 192,000 |
| Minibus 17 places : Rwf 12,000 x 17 | 204,000 |
| Minibus 18 places : Rwf 12,000 x 18 | 216,000 |
| Coaster 24 places : Rwf 12,000 x 24 | 288,000 |
| Coaster 26 places :Rwf 12,000 x 26 | 312,000 |
| Coaster 27 places : Rwf 12,000 x 27 | 324,000 |
| Coaster 28 places : Rwf 12,000 x 28 | 336,000 |
| Coaster 29 places: Rwf 12,000 x 29 | 348,000 |
| Bus/Coaster 30 places : Rwf 12,000 x 30 | 360,000 |
| Bus 40 places : Rwf 12,000 x 40 | 480,000 |

## II. Rates of income tax for vehicles transporting goods

| Type of vehicle | | Annual Tax (Rwf) |
|---|---|---|
| Vehicle with loading capacity of | 1 tons | 60,000 |
| Hilux: | 1.5 tons | 90,000 |
| Dyna/Isuzu/Toyota Stout (Four-wheel): | 2 tons | 120,000 |
| Vehicle with loading capacity of | 2.5 tons | 150,000 |
| Vehicle with loading capacity of | 3 tons | 180,000 |

| | |
|---|---|
| Vehicle with loading capacity of 3.5 tons | 210,000 |
| Daihatsu/Dyna/Fuso/Isuzu (Six-wheel): 4 tons | 240,000 |
| Vehicle with loading capacity of 4.5 tons | 270,000 |
| Vehicle with loading capacity of 5 tons | 300,000 |
| Vehicle with loading capacity of 5.5 tons | 330,000 |
| Vehicle with loading capacity of 6 tons | 360,000 |
| Vehicle with loading capacity of 6.5 tons | 390,000 |
| Fuso Long chassis( Six-wheel) : 7 tons | 546,000 |
| Vehicle with loading capacity of 7.5 tons | 585,000 |
| Vehicle with loading capacity of 8 tons | 624,000 |
| Vehicle with loading capacity of 8.5 tons | 663,000 |
| Vehicle with loading capacity of 9 tons | 702,000 |
| Vehicle with loading capacity of 9.5 tons | 741,000 |
| Trucks: Fuso/Benz/Isuzu/Fiat..(Six-wheel): 10 tons | 780,000 |
| Vehicle with loading capacity of 11 tons | 858,000 |
| Vehicle with loading capacity of 12 tons | 936,000 |
| Vehicle with loading capacity of 13 tons | 1,014,000 |
| Vehicle with loading capacity of 14 tons | 1,092,000 |
| Trucks: Fuso/Benz/Isuzu/Fiat/... (Ten-wheel) : 15 tons | 1,170,000 |
| Vehicle with loading capacity of 16 tons | 1,248,000 |
| Vehicle with loading capacity of 17 tons | 1,326,000 |
| Vehicle with loading capacity of 18 tons | 1,404,000 |
| Vehicle with loading capacity of 19 tons | 1,482,000 |
| Vehicle with loading capacity of 20 tons | 1,560,000 |
| Vehicle with loading capacity of 21 tons | 1,638,000 |
| Vehicle with loading capacity of 22 tons | 1,716,000 |
| Vehicle with loading capacity of 23 tons | 1,794,000 |

| | |
|---|---|
| Vehicle with loading capacity of 24 tons | 1,872,000 |
| Vehicle with loading capacity of 25 tons | 1,950,000 |
| Vehicle with loading capacity of 26 tons | 2,028,000 |
| Vehicle with loading capacity of 27 tons | 2,106,000 |
| Vehicle with loading capacity of 28 tons | 2,184,000 |
| Vehicle with loading capacity of 29 tons | 2,262,000 |
| Vehicle with loading capacity of 30 tons | 2,340,000 |

## III. Rates of income tax for other vehicles

| Type of vehicle | Annual Tax (Rwf) |
|---|---|
| Car (Taxi) | 88,200 |
| Motorcycle | 72,000 |
| Moped | 36,000 |
| Hearse/Private ambulance | 100,000 |
| Jeep/Loader/Break-down vehicle | 307,200 |
| Bulldozer | 780,000 |

**ANNEXE A LA LOI Nº 027/2022 DU 20/10/2022 ÉTABLISSANT LES IMPÔTS SUR LE REVENU**

**TAUX DE L'IMPÔT SUR LE REVENU DES VÉHICULES TRANSPORTANT LES PERSONNES ET LES BIENS**

## I. Taux de l'impôt sur le revenu des véhicules transportant les personnes

| Type de véhicule | Impôt annuel (Frw) |
|---|---|
| Minibus de 8 places: 12.000 Frw x 8 | 96.000 |
| Minibus de 14 places: 12.000 Frw x 14 | 168.000 |
| Minibus de 15 places: 12.000 Frw x 15 | 180.000 |
| Minibus de 16 places: 12.000 Frw x 16 | 192.000 |
| Minibus de 17 places: 12.000 Frw x 17 | 204.000 |
| Minibus de 18 places: 12.000 Frw x 18 | 216.000 |
| Coaster de 24 places: 12.000 Frw x 24 | 288.000 |
| Coaster de 26 places: 12.000 Frw x 26 | 312.000 |
| Coaster de 27 places: 12.000 Frw x 27 | 324.000 |
| Coaster de 28 places: 12.000 Frw x 28 | 336.000 |
| Coaster de 29 places: 12.000 Frw x 29 | 348.000 |
| Bus/Coaster de 30 places: 12.000 Frw x 30 | 360.000 |
| Bus de 40 places: 12.000 Frw x 40 | 480.000 |

## II. Taux de l'impôt sur le revenu des véhicules transportant les biens

| Type de véhicule | Impôt annuel (Frw) |
|---|---|
| Véhicule d'une capacité de charge de 1 tonne | 60.000 |
| Hilux : 1,5 tonnes | 90.000 |
| Dyna/Isuzu/Toyota Stout ( Quatre pneus): 2 tonnes | 120.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 2,5 tonnes | 150.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 3 tonnes | 180.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 3,5 tonnes | 210.000 |
| Daihatsu/Dyna/Fuso/Isuzu (Six pneus) : 4 tonnes | 240.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 4,5 tonnes | 270.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 5 tonnes | 300.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 5,5 tonnes | 330.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 6 tonnes | 360.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 6,5 tonnes | 390.000 |
| Fuso Long chassis ( Six pneus) : 7 tonnes | 546.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 7,5 tonnes | 585.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 8 tonnes | 624.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 8,5 tonnes | 663.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 9 tonnes | 702.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 9,5 tonnes | 741.000 |
| Camions: Fuso/Benz/Isuzu/Fiat..(Six pneus):10 tonnes | 780.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 11 tonnes | 858.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 12 tonnes | 936.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 13 tonnes | 1.014.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 14 tonnes | 1.092.000 |
| Camions: Fuso/Benz/Isuzu/Fiat/... (Dix pneus): 15 tonnes | 1.170.000 |

| | |
|---|---|
| Véhicule d'une capacité de charge de 16 tonnes | 1.248.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 17 tonnes | 1.326.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 18 tonnes | 1.404.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 19 tonnes | 1.482.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 20 tonnes | 1.560.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 21 tonnes | 1.638.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 22 tonnes | 1.716.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 23 tonnes | 1.794.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 24 tonnes | 1.872.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 25 tonnes | 1.950.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 26 tonnes | 2.028.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 27 tonnes | 2.106.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 28 tonnes | 2.184.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 29 tonnes | 2.262.000 |
| Véhicule d'une capacité de charge de 30 tonnes | 2.340.000 |

## III. Taux de l'impôt sur le revenu des autres véhicules

| **Type de véhicule** | **Impôt annuel (Frw)** |
|---|---|
| Voiture-Taxi | 88.200 |
| Motocyclette | 72.000 |
| Vélomoteur | 36.000 |
| Corbillard/Ambulance privée | 100.000 |
| Jeep/Chargeuse/Véhicule de dépannage | 307.200 |
| Bulldozer | 780.000 |

| |
|---|
| Kigali, 20/10/2022<br><br>**(Sé)**<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la République |
| **(Sé)**<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(Sé)**<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |